2026
Nyakanga - Nzeri

Vol 102, No.3

IBYIGISHO BYA BIBILIYA MU ISHURI RYO KU ISABATO by'Abakuze



# Kugendana na Yesu

Kugendana n'Imana binyuze mu Kugana Yesu

# Ibirimo

ISHURI RYO KU ISABATO


1. Urukundo Imana ifitiye Abantu..........5
2. Uko Umunyabyaha akeneye Kristo..........10
3. Kwihana..........15
4. Kwatura Ibyaha..........20
5. Kwiyegurira Imana..........26
6. Kwizera no Kwemera..........31
7. Igipimo cy'Ubuyoboke..........36
8. Gukurira muri Kristo..........41
9. Imirimo n'Ubugingo..........46
10. Kumenya Imana..........52
11. Amahirwe yo Gusenga..........57
12. Uko Gushidikanya Kwagenzwa..........62
13. Kwishimira mu Mwami..........67


**Ibyigisho bya Bibiliya mu Ishuri ryo ku Isabato**, Ni porogarame y' ibyigisho bya buri munsi.

**Ibi byigisho by' ishuri ryo ku Isabato** bishingiye kuri Bibiliya n' umwuka w' ubuhanuzi gusa. Kwiga byimbitse muri iki gihe bigomba gushishikariza buri wese witegura kugaruka k' Umukiza wacu Yesu.


**"IBYIGISHO BYA BIBILIYA MU ISHURI RYO KU ISABATO"**

Bitegurwa n'inteko y'ubuyobozi bukuru bw'itorero ry'Abadivantisite b'Umunsi wa 7 Bavugurura

**GENERAL CONFERENCE**

5240. Hollins Road

Roanoke - Virginia 24019-5048 USA

**Amashusho**: Advent Digital Media ku rupappuro rw'imbere, ikarita kuri p.4, 30, 72, Good Salt kuri p.51, 72

# Ijambo ry'Ibanze

Uruhererekane rw'ibyigisho tuziga muri iki gihembwe, "Kugendana na Yesu," rushingiye ku gitabo cyitwa "Kugana Yesu". Icyo gitabo gishobora gusomwa, igice ku kindi, kikaba nk'inyunganizi ku masomo y'Ibyanditswe.

Bamwe mu banyeshuri bo mu Ishuri ryo ku Isabato bashobora kwibuka igihe iki cyigisho giheruka gutambukira, koko hari mu gihembwe cya mbere cy'umwaka wa 1980. Twishimiye kongera kugishyira ahagaragara na none gifite imiterere mishya n'izindi nyandiko z'inyongera, ariko gifite kwa kuri kwimbitse kwavuzwe kera cyane.

Incuro nyinshi, abantu batekereza ko Se wo mu ijuru atabitaho kandi ko ari kure yabo, ko ari umucamanza w'intavumera kandi w'umunyabukana. Birengagiza urukundo rwimbitse abafitiye, n'ukuntu yita ku bana Be bose mu buryo burangwamo impuhwe.

Ikintu cya mbere cyakagombye kuvugwa, ni urukundo rw'Imana. Hanyuma hagakurikiraho uburyo umunyabyaha aba ari umuntu utagira kirengera kandi utagira ibyiringiro, kandi akaba akeneye Umukiza. Imibereho ya Kristo, waje gukiza abanyabyaha, igaragaza ko hari inzira nyakuri yo kugarukira Data wa twese wo mu ijuru.

Insanganyamatsiko zikubiye muri ibi byigisho zivuga ku bintu by'ingenzi biba mu buzima bwa Gikristo kandi zihuje mu buryo bwihariye n'umwizera mushya mu kwizera ushaka gukurira mu buntu. Abizera bose bakwiriye kujya biyibutsa izo nsanganyamatsiko buri gihe, kandi atari ku bw'inyungu zabo gusa, ahubwo no kugira ngo bamenye inzira nziza yo gufasha abandi gusanga Kristo.

Gushyiraho inyigisho z'ukuri mu buryo bufite gahunda bishobora gutuma umuntu azisobanukirwa neza kandi akazemera, kandi bigatuma umuntu yemererwa kuba umwe mu bagize itorero. Ariko iyo umuntu nk'uwo atagiranye umushyikirano na Kristo, nta bugingo nyakuri aba afite - ni ukuvuga ko aba adafite ubugingo buhoraho. Mu by'ukuri, umuntu "wizera Umwana ni we ufite ubugingo buhoraho" (Yohana 3:36).

Buri wese mu banyeshuri b'Ishuri ryo ku Isabato, Umwuka w'Imana akwiriye kuba ahamanya n'umutima we bwite, ko mu by'ukuri yemerewe kuba mu muryango w'Imana. Buri wese agomba gusobanukirwa ko urugero rwe bwite, ukuntu we ubwe akomeza kwishingikiriza kuri Se wo mu ijuru igihe cyose no mu bintu byose, bikwiriye kuba ari ibintu nyakuri kandi bifatika. Hakenewe ibirenze urukundo rw'abantu b'abanyantege nke. Abantu bose bakeneye urukundo rw'Imana – urukundo rw'Imana rutikanyiza – rwatewe mu mitima yabo no mu bugingo bwabo kugira ngo bakundane nk'uko [Kristo] yabakunze.

Nimutyo ibe ariyo iba imibereho ya buri mwigishwa w'Ishuri ryo ku Isabato.

*Icyiciro cy'Ishuri ryo ku Isabato mu Nteko Nkuru Rusange*

# Amaturo y'Isabato ya Mbere

Ku isabato, 04 Nyakanga 2026

## Azagenerwa Kwagura Urusengero rwa Cenayi, mu Buhinde



Cenayi yahoze yitwa Madarasi, ni umurwa mukuru w'intara ya Tamili Nadu iri mu majyepfo y'u Buhinde, kandi ni na wo mujyi munini muri iyo leta. Iherereye ku cyambu cya Koromandeli yo mu kigobe cya Bengali. Dukurikije ibarura ry'abaturage ryo mu Buhinde ryo mu 2011, Cenayi ni umujyi wa gatandatu utuwe cyane mu Buhinde kandi ni umujyi wa kane uri kwiyubaka mu buryo bwihuse. Ikigo gikuru cy'ubucuruzi cya Cenayi cyashinzwe mu 1688, kikaba aricyo kigo cya kera cyane mu Buhinde kandi ni icya kabiri gikuru ku isi nyuma y'icyo mu Bwongereza. Uwo mujyi ufite ihuriro ry'ubucuruzi hamwe n'inganda zigera ku 15,000 kandi ni ihuriro rikomeye ry'ubukerarugendo mu buvuzi, bwaje guhabwa izina "Umurwa mukuru w'ubuzima bw'Ubuhinde". Umujyi kandi urimo igice kinini cy'inganda zikora imodoka zo mu Buhinde, niyo mpamvu ufite n'irindi zina "Deturuwa yo mu Buhinde." Cenayi niwo mujyi wonyine wo muri Aziya y'Amajyepfo washyizwe mu mijyi 10 ya mbere y'ibiribwa mu mwaka wa 2015 kandi yashyizwe ku mwanya wa cyenda mu mijyi myiza iteye amabengeza ku isi.

Abaturage b'umujyi wa Cenayi ubu basaga miliyoni 12, bakaba biyongera ku kigero cya 2.34% buri mwaka. Uwo mujyi ni umujyi utuwe n'abaturage bafite amoko n'amadini bitandukanye. Nk'uko ibarura ry'abaturage rya 2011 ribigaragaza, umubare munini w'abaturage ba Cenayi wari Abahindu (80.73%) bakurikiwe n'Abayisilamu (9.45%), Abakristo (7.72%), Abandi (1.27%), n'abavuga ko nta dini bagira (0.83%).

Kuva mu mwaka wa 2019, 40% by'imiryango miliyoni 1,788 mu mujyi iba munsi y'umurongo w'ubukene. Kuva mu mwaka wa 2017, umujyi wari ufite ingo miliyoni 2.2, aho 40% by'abaturage ntibafite aho baba. Muri uwo mujyi hari utuzu tw'amacumbi tugera ku 1,131, turimo ingo zisaga 300,000. Abantu b'ingeri zose batuye hano, kandi bose bakeneye kumva ubutumwa bwiza bw'iteka bwa Yesu Kristo muri iyi minsi y'imperuka.

Kubera ibibazo by'ubukungu, ntitwashoboye gusoza kubaka urusengero rwa Cenayi mu gihe twari twiteze. None ubu, kubera ko imirimo yo kubaka irimo ikorwa, twabonye ko ari ngombwa kwagura uwo mushinga twubaka amacumbi y'abapasiteri, inzu y'inama n'ibyumba by'Ishuri ryo ku Isabato by'abana. Kugira ngo ibyo tubigereho, nta gushidikanya ko dukeneye kwiyambaza ugutangana Ubuntu kw'abagize amatorero yacu dukunda bo ku isi yose.

Turasaba bene data, bashiki bacu n'urubyiruko tubikuye ku mutima ko batanga impano ziturutse ku mutima wabo wose kugira ngo uyu mushinga ukorwe.

Murakoze cyane, Uwiteka abahundagazeho imigisha mwese.

*Bene so na bashiki banyu bo muri Cenayi*

Ku Isabato, 04 Nyakanga 2026 **Icyigisho 1**

# Urukundo Imana ifitiye Abantu

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Nimurebe urukundo ruhebuje Data wa twese yadukunze, rwatumye twitwa abana b'Imana kandi ni ko turi. Ni cyo gituma ab'isi batatumenye kuko batayimenye." (1Yohana 3:1).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Kugana Yesu,* igice cya 1, p.9 – 15.

"Imana ni urukundo. Nk'uko imirasire y'umucyo ituruka ku izuba, ni ko urukundo n'umucyo n'umunezero bitemba bituruka ku Mana bigana ku byo yaremye byose". — *Ibitekerezo byo ku Musozi w'Umugisha*, p.77.

## 1. IMANA NI URUKUNDO

**Kuwa Mbere 28 Kamena**

a. Ni ikihe gihamya kigaragaza urukundo rw'Imana cyahawe abantu? Kuva 34:6, 7; Yona 4:2 (ahaheruka); Yeremiya 31:3.

---

---

"Ijambo ry'Imana rihishura imico ya Nyiraryo. Imana ubwayo niyo yagaragaje urukundo n'impuhwe. Igihe Mose yasabaga ati: "Nyereka ubwiza bwawe burabagirana", Uwiteka yaramusubije ati: "Ubwanjye nzanyuza kugira neza kwanjye kose imbere yawe". Kuva 33:18, 19. Ubwo nbwo bwiza bw'Imana. Uwiteka yanyuze imbere ya Mose arivuga ati: "Uwiteka, Uwiteka, Imana y'ibambe n'imbabazi, itinda kurakara ifite kugira neza kwinshi n'umurava mwinshi, igumanira abantu imbabazi ikageza ku buzukuruza babo b'ibihe igihumbi, ibababarira gukiranirwa n'ibicumuro n'ibyaha." Kuva 34:6,7. Imana yacu "igira ubuntu n'imbabazi, itinda kurakara, ifite kugira neza kwinshi", "kuko yishimira kubabarira." Yona 4:2; Mika 7:18." — *Kugana Yesu*, p.10.

b. Ni uwuhe mugambi Imana yari ifite mu kohereza Umwana Wayo? Matayo 11:27; Yohana 14:8, 9.

---

---

"Satani atuma abantu batekereza ko Imana ikiyiranga gikomeye ari uguca imanza zitarimo ubutabera, ikaba ari umucamanza w'umunyabukana, n'umwishyuza w'intavumera uhutiraho. Agereranya Umuremyi n'umunyeshyari ugenzura abantu kubashakaho ibicumuro n'ibyo bafuditse kugirango abone uko yabagirira nabi. Kugira ngo Yesu akureho icyo gicucu cy'umwijima, binyuze mu guhishurira isi urukundo rw'Imana rutagira akagero, byatumye [Yesu] aza kuba mu bantu." – *Ibid.*, p.11.

## 2. UMURIMO WA YESU

**Kuwa Kabiri**
**29 Kamena**

### a. Ni gute Yesu yasobanuye umurimo We wo ku isi? Luka 4:16 – 18.

"[Luka 4:18]. Uwo niwo murimo Yesu yaje gukora. Yajyaga ajya hose akora ibyiza, agakiza abantu bose Satani atwaza igitugu. Yesu akiri mu isi, hariho ibirorero byarimo amazu atarangwamo iminiho y'uburwayi; kubera ko yari yarabinyuzemo akavura abarwayi babirimo bose. Umurimo We wagaragaje ko yari yarasizwe n'Imana. Urukundo, imbabazi, n'impuhwe byagaragariraga muri buri gikorwa cyose cyaranze ubuzima Bwe, yari afite umutima w'imbabazi wo gukunda abana b'abantu. Yenze kamere y'abantu kugirango abone uko amara ubukene bw'abantu. Nta mukene cyangwa se umwinazi watinyaga kumwegera. Ndetse n'abana bato bumvaga bareshywa kumusanga. Bakundaga kumwurira maze bakicara ku bibero Bye, bakitegereza mu maso He, bakumva baramukunze." — *Kugana Yesu*, p.11,12.

"Yesu yabonaga muri buri muntu ubugingo bugomba kurarikirwa Ubwami Bwe. Yagendereraga abantu bakumva ineza Ye ibagera ku mutima kandi bakamubona nk'ubashakira ibyiza. Yabasangaga mu nzira nyabagendwa, mu mazu yabo, mu bwato, mu rusengero, ku nkengero z'inyanja, no mu birori by'ubukwe. Yabasanze mu mirimo yabo ya buri munsi, kandi agaragaza kwishimira imirimo yabo isanzwe. Yajyanye inyigisho Ze mu ngo, ashaka ko imiryango yamenya ko Imana yari kumwe nabo. Impuhwe Ze zikomeye zigaruriye imitima ya benshi. Kenshi yajyaga ku musozi ahitaruye akiherera agasenga, ariko ibi byari ibyo kwitegurira umurimo We mu bantu. Muri ibyo bihe yagiye akiza abarwayi, ajijura abadasobanukiwe, no kubohora ababoheshejwe ingoyi za Satani." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.151.

### b. Nubwo Kristo yari yuzuye urukundo n'impuhwe, ni uruhe rugero rugaragaza ubudahemuka Bwe mu gucyaha ikosa? Yohana 9:39 – 41; Matayo 21:12,13.

"Yesu nta jambo na rimwe ry'ukuri yigeze yirengagiza, ahubwo buri gihe yakuvugaga mu rukundo. Igihe cyose yabaga ahuye n'abantu, yakoreshaga uburyo bukomeye bwo guhangana n'ingorane, kandi iteka ryose akerekana ubugwaneza no gutekereza neza iyo yabaga ari kumwe n'abantu. Ntawe yigeze abwira nabi, ntiyigeze avuga amagambo akarishye mu gihe kitari ngombwa, nta n'umuntu ubabaye mu mutima yigeze akomeretsa. Nta muntu yigeze agaya kubw'intege nke ze. Yavugaga ukuri, nyamara buri gihe akakuvuga mu rukundo. Yacyahaga uburyarya nta bwoba, akamagana kutizera no gukiranirwa, nyamara amarira yumvikanaga mu ijwi Rye igihe yabaga avuga amagambo yo kugaya no gucyaha..... Buri mutima wose wari uw'agaciro mu maso Ye. We yari afite icyubahiro cy'Imana, nyamara yicishaga bugufi afite umutima w'imbabazi kandi akita kuri buri mwana wese wo mu muryango w'Imana. Buri muntu wese yamubonagamo umutima yaje gukiza." — *Kugana Yesu*, p.12.

## 3. IMIBEREHO YO KWIYANGA

**Kuwa Gatatu 30 Kamena**

### a. Ni uwuhe mutwaro wari uremereye Umukiza wacu yikoreye mu gihe cy'ubuzima Bwe? Yesaya 53:5 – 7; Luka 2:48,49.

"Yesu yikoreye umutwaro uremereye w'inshingano yo guhesha abantu agakiza. Yari azi ko hatabayeho guhindura amateka n'imigambi y'inyokomuntu, bose bari kurimbuka. Uyu niwo wari umutwaro umuremereye, kandi nta n'umwe wari kwemera uwo mutwaro yari yikoreye. Mu gihe cy'ubwana, mu busore, ndetse amaze no gukura, Yesu yagendaga wenyine. Nyamara yahoraga ahanze amaso ku ijuru. Yahuraga n'ibigeragezo n'ibishuko buri munsi, kandi ntiyaburaga guhura n'ikibi buri munsi, ndetse akibonera imbaraga zacyo kubo yashakaga kugirira neza no gukiza. Nyamara ntiyigeze atsindwa cyangwa ngo acike intege.

"Yashyiraga ibyifuzo Bye mu bintu byose bikagerwaho n'umurimo We. Yubahirije ubugingo Bwe binyuze mu gushyira ibintu byose byari bibugize mu bushake bwa Se. Igihe yari akiri muto, nyina yamusanze mu ishuri ry'abigisha b'Abayuda maze aramubwira ati "Mwana wanjye, ni iki cyatumye utugenza utya?" Yaramusubije, kandi igisubizo Cye gihatse ikintu cy'ingenzi yakoze mu buzima Bwe bwose – "Mwanshakiraga iki? Ntimuzi yuko binkwiriye kuba mu rugo rwa Data?"

"Ubuzima Bwe bwaranzwe no kwitanga igihe cyose. Nta rugo yari afite atahamo muri iyi si, keretse kugirirwa neza n'incuti zikamuha aho kwikinga nk'umugenzi. Yabayeho ubuzima bwa gikene cyane mu cyimbo cyacu, yagendereraga kandi agakorera abakene n'ababababaye. Yagiye yinjira kandi asohoka mu bantu yari yarakoreye ibintu byinshi, ariko ntibamumenye kandi ntibanamwubahe". – *Ababwiriza b'Ubutumwa Bwiza,* p.42,43.

### b. Kuba Imana yaragaragaje urukundo rwinshi bitwigisha iki ku birebana na Data wa twese wo mu ijuru? Yohana 3:16; 1Yohana 4:9,10.

"Nta kintu cyakwerekana uko Data wa twese yakunze abantu cyaruta uko yashakaga kubakiza, keretse iki gitambo gihebuje [cya Kristo] cyabatangiwe. Oya, oya! "Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege." Yohana 3:16. Igituma Data wa twese adukunda ntabiterwa n'impongano ikomeye, ahubwo yatanze iyo mpongano kubera ko adukunda. Kristo ni we yakoresheje kugira ngo asendereze urukundo Rwe rutagira akagero ku isi yaguye. "Kuko muri Kristo ari mo Imana yiyungiye n'abari mu isi." 2Abakorinto 5:19. Imana yababaranye n'Umwana wayo. Mu gahinda gakomeye yagiriye i Getsemani, urupfu rw'i Kaluvari, umutima w'Urukundo Rutarondoreka watanze ikiguzi cyo gucungurwa kwacu." — *Kugana Yesu*, p.13.

## 4. UMWISHINGIZI WACU N'INCUNGU YACU

**Kuwa Kane**
**01 Nyakanga**

a. **Mbese agakiza k'ubugingo bwacu gashingiye ku ki? 1Abakorinto 1:30; Ibyakozwe n'Intumwa 16:31.**

---

"Mbega ukuntu Kristo yari afite umutima usonzeye kandi wifuza cyane gukiza uwari wazimiye! Umubiri we wabambwe ku musaraba, ntiwagabanyije ubumana Bwe, ububasha Bwe bw'Imana bwo gukiza abemera gukiranuka Kwe bose, binyuze mu gitambo cy'umuntu. Igihe yapfiraga ku musaraba, yavanye icyaha ku muntu w'umunyabyaha agishyira ku Uwamubereye umwishingizi wavuye mu ijuru binyuze mu kwizera ko ari Umucunguzi we bwite. Ibyaha by'isi yashayishije, bigereranywa mu ishusho "y'umutuku nk'umuhemba" byabazwe ku Ncungu yavuye mu ijuru". – *This Day With God,* p.236.

b. **Ni iki Kristo yakoze kugira ngo aducungure kirenze imbaraga cyangwa ubwenge bw'umuntu uwo ari we wese? Yohana 10:17; Abaroma 5:6-8.**

---

"Data yarabakunze cyane, kandi yarankunze bihebuje kuko natanze ubugingo bwanjye kugira ngo mbacungure. Mu guhinduka inshungu yanyu ndetse n'ubwishingizi bwanyu, mu gutanga ubugingo bwanjye ndetse nkikorera ibicumuro byanyu, bituma Data ankunda cyane, kubera ko kubw'igitambo Cyanjye, Imana ishobora kuba ikiranuka kandi igatsindishiriza uwizera Yesu.

"Nta n'umwe washoboraga gusohoza umurimo wo kuducungura rwose uretse Umwana w'Imana gusa, kuko ari nta wundi wajyaga kutumenyesha Data wa twese uretse uwo wari mu gituza cye. Uburebure bw'igihagararo n'uburebure bw'ikijyepfo bw'urukundo rw'Imana nta wundi wabashaga kubumenyesha abantu, keretse gusa Uwari ubuzi. Nta kintu cyakwerekana uko Data wa twese akunda abazimiye, cyaruta igitambo gihebuje cya Kristo cyatambiwe inyokomuntu yaguye." — *Kugana Yesu,* p.14.

c. **Ni iki Yohana yashoboraga guhamya ku byerekeranye n'umuvugizi wacu ku ntebe ya cyami y'Imana? 1Yohana 1:1-3.**

---

"Abantu bake gusa ni bo basobanukiwe ububi buteye agahinda bwa kamere y'icyaha, kandi ni bo basobanukiwe uburemere bw'ingaruka mbi zatewe no kugomera amategeko y'Imana. Binyuze mu gusuzumana ubushishozi inama y'ugucungurwa yabereyeho kugirango umunyabyaha yongere kugarurirwa ishusho y'Imana, tubona ko uburyo bwonyine rukumbi bwarokora inyokomuntu bwabonetse binyuze mu kwitanga, ukwicisha bugufi n'urukundo bitagereranywa by'Umwana w'Imana. Ni we wenyine wari ufite imbaraga zo kurwana intambara n'umwanzi ukomeye w'Imana n'abantu, kandi kubera ko ari we mwishingizi wacu n'incungu yacu, yahaye ubushobozi abamunambaho kubwo kwizera, kugirango babe abaneshi mu izina Rye kandi baneshe binyuze mu buntu Bwe". — *Uburezi bwa Gikristo*, p.112.

## 5. YESU YISHYUYE IKIGUZI

**Kuwa Gatanu 02 Nyakanga**

**a. Ni iki cyatumye Kristo ashobora gutanga ikiguzi cy'ugucungurwa kwacu? 1Petero 1:18,19; Abaheburayo 5:8,9.**

---

---

"Igitambo kitagira akagero Data wa twese wo mu ijuru yatangiye mu Mwana We kugirango adupfire, gikwiriye kutwumvisha urugero ruhanitse dukwiriye kugeraho binyuze muri Kristo. Ubwo intumwa Yohana yari ahumekewe n'Umwuka w'Imana, yitegereje uburebure bw'igihagararo, n'uburebure bw'ikijyepfo, n'ubugari bw'urukundo Data wa twese yakunze inyokomuntu yari iyo kurimbuka, ibyo byamuteye kuramya Imana no kuyiha icyubahiro, nuko abura amagambo yakoresha mu gusobanura ingano y'urwo rukundo rukomeye, biramutangaza, arumirwa; niko guhamagarira abari mu isi kurwitegereza..... Mbega uburyo kwitwa abana b'Imana byatumye abantu bagira agaciro! Ibicumuro nibyo bituma abantu baba imbata za Satani. Nyamara bene Adamu bashobora kuba abana b'Imana binyuze mu kwizera impongano y'igitambo cya Kristo. Kubwo kugira kamere y'umuntu kwa Kristo, niko kwatumye azahura inyokomuntu. Abantu baguye iyo biyunze na Kristo, babasha rwose kuba bakwiriye kwitwa 'abana b'Imana.' " — *Kugana Yesu,* p.15.

**b. Ni ayahe magambo intumwa Yohana yakoresheje kugira ngo agaragaze ukuntu urukundo rw'Imana rwagutse? 1Yohana 3:1,2.**

---

"Urukundo nk'urwo ntacyo twarugereranyaho. Nirwo rwatumye twitwa abana b'Umwami wo mu ijuru! Mbega isezerano ry'agahebuzo! Mbega inkuru nziza y'inkoramutima dukwiriye kuzirikana kuruta byose! Mbega urukundo rutagira akagero Imana yakunze ab'isi batayikundaga! Gutekereza kuri urwo rukundo bigira imbaraga yigarurira umutima w'umuntu maze bikawutera gukora ibihuje n'ubushake bw'Imana. Uko turushaho gushimikira kwiga kugirango tumenye imico y'Imana mu mucyo w'umusaraba, niko turushaho kumenya impuhwe, ibambe, n'imbabazi byomatanye n'ukuri n'ubutabera, kandi ni nako turushaho gusobanukirwa neza ibindi bihamya byinshi bigaragaza urukundo rutagira akagero n'impuhwe Imana idufitiye, biruta ibyo umubyeyi agirira umwana we wararutse." — *Ibid.,* p.15.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu 03 Nyakanga**

1. Vuga imico y'ingenzi cyane igize kamere y'Imana.
2. Igihe Yesu yari ku isi, yahishuye ate imico y'Imana?
3. Ni gute umurimo wa Kristo wagize ingaruka ku mahitamo Ye?
4. Ni iki twakwigira ku kuba Yesu yarabaye Umwishingizi wacu?
5. Sobanura impano y'agahebuzo kuruta izindi zose Kristo yaduhaye.

Ku Isabato, 11 Nyakanga 2026 **Icyigisho 2**

# Uko Umunyabyaha akeneye Kristo

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Yesu aramusubiza ati "Ni ukuri, ni ukuri, ndakubwira yuko umuntu utabyawe ubwa kabiri, atabasha kubona ubwami bw'Imana." (Yohana 3:3).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Kugana Yesu,* igice cya 2, p.17 – 22.

"Ibyiringiro rukumbi byo gucungurwa kw'imibereho yacu yacumuye biri muri Kristo". — *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.147.

## 1. UKO UMUNTU YARI AMEZE AKIREMWA

**Kuwa Mbere 05 Nyakanga**

a. **Sobanura uko umuntu yari ameze akiri muri Edeni. Itangiriro 1:26, 27, 31; Zaburi 8:4-6.**

---

"Mbere umuntu akiremwa, yahawe imico myiza n'umutima uhugutse. Yari atunganye adafite inenge kandi yashyiraga hamwe n'Imana." — *Kugana Yesu*, p.17.

"Umuntu yagombaga kugaragaza ishusho y'Imana, ari inyuma mu bigaragara ndetse no mu mico. Kristo gusa ni we "shusho ya kamere ya Data wa twese" (Abaheburayo 1:3); ariko umuntu we yaremwe asa n'Imana. Kamere ye yari ihuje n'ibyo Imana ishaka. Ubwenge bwe bwari bufite ubushobozi bwo gusobanukirwa ibintu by'ubumana. Urukundo rwe rwari rutunganye; kandi yategekaga irari ry'umubiri we. Yari intungane kandi akanezezwa no gusa n'Imana ndetse akagendera mu bushake Bwayo." – *Abakurambere n'Abahanuzi*, p.45.

b. **Ni gute Satani yagerageje kuburizamo umugambi Imana yari ifite mu kurema umuntu? Itangiriro 3:1 – 7; Abaroma 6:16; 1Yohana 2:16.**

---

"Binyuze mu kutumvira, imbaraga [z'umuntu] zarononekaye, maze kwikunda gusimbura urukundo yakundaga Imana. Kamere ye yaciwe intege n'igicumuro, bituma abura uko yahangana n'imbaraga z'ikibi mu bushobozi bwe bwite. Yabaye imbohe ya Satani, kandi rero yajyaga kugumya kuba yo iteka iyo Imana itamugoboka ngo imuhagarareho. Intego y'umushukanyi yari iyo kugwabiza umugambi Imana yari ifitiye umuntu ikimurema. Icyatumye Satani yuzuza isi agahinda n'umuze, kwari ukugirango abihererereze ku Mana ko ari ingaruka y'umurimo Wayo wo kurema umuntu." — *Kugana Yesu,* p.17.

## 2. GUHUNGA IMANA

**Kuwa Kabiri**
**06 Nyakanga**

a. Adamu na Eva bamaze gukora icyaha, babyitwayemo bate igihe bumvaga ijwi ry'Imana? Itangiriro 3:8 – 10.

b. Kuki abantu b'abanyabyaha badashobora guhagarara imbere y'Imana Ishoborabyose? Kuva 33:20; Gutegeka kwa Kabiri 4:23, 24.

"Mu mimerere ye itarangwamo icyaha, umuntu yagiranaga umusabano unejeje "n'Uwo ubutunzi bwose bw'ubwenge no kumenya bwahishwemo." (Abakolosayi 2:3). Ariko aho amariye gucumura, ntiyari agishoboye kongera kugira ibyishimo bituruka ku kwera, kandi yashatse kwihisha Imana. Uko ni nako bimeze ku mutima utarahindutse mushya. Ntushobora gushyira hamwe n'Imana, kandi ntiwabonera umunezero mu gusabana na Yo. Umunyabyaha ntiyashoboraga kunezezwa no kuba imbere y'Imana, yakumva abangamiwe kuburyo yakwikura imbere y'ibiremwa byera. Aramutse yemerewe kujya mu ijuru, nta munezero yahabonera. Umwuka w'urukundo rutikanyiza uhaba; aho buri mutima uba uhuje n'umutima w'urukundo rutagira iherezo, byabusanya n'umutima we wikunda. Ibitekerezo bye, ibimushishikaza, n'impamvu zimutera kugira icyo akora, byabusana rwose n'abatagira icyaha bahatuye. Yaba ijwi ridahuje n'ayandi mu ndirimbo yo mu ijuru. Ijuru ryamubera ahantu ho kubabarizwa; yakwifuza kwihisha Uhabereye umucyo, akaba n'izingiro ry'umunezero waho. Kuba inkozi z'ibibi zitazajya mu ijuru, si itegeko ry'Imana ry'akarengane, ahubwo ni ukubera ko bo ubwabo badakwiriye kujya mu ijuru. Ubwiza bw'Imana bwababera umuriro ukongora." — *Kugana Yesu,* p.17,18.

c. Kuki bidashoboka ko umuntu ubwe yakwikiza igihano cy'icyaha? Yobu 14:4; Abaroma 8:7,8; Yesaya 64:6.

"Twebwe ubwacu ntitwashobora kwikura mu rwobo rw'ibyaha twarohamyemo. Imitima yacu ni mibi, kandi ntidushobora kuyihindura. "Ni nde wabasha kuvana igitunganye mu kintu cyanduye? Nta we." Yobu 14:4..... Ubwenge buhanitse, imico mbonera, gukoresha ubushishozi, kugira umuhati, bifite umumaro ukwiriye, ariko nta bushobozi bfite bwo guhindura kamere y'umuntu. Icyakora ibyo byose byabasha gutuma umuntu agira imyifatire myiza igaragarira inyuma, ariko ntibishobora guhindura umutima we wa kamere. Ntibyakweza amasoko y'ubugingo. Niba umuntu ashaka gucika ku byaha akera, akwiriye kwakira ubugingo bushya buva mu ijuru. Ubwo bugingo buri muri Kristo. Ubuntu Bwe bwonyine nibwo bubasha guhembura ingeso nziza z'umutima, no kuwegereza Imana, ngo were." — *Ibid.*, p.18.

## 3. UKO DUKENEYE UMUKIZA

**Kuwa Gatatu**
**07 Nyakanga**

a. **Ni iki dukwiriye kumenya cyerekeranye n'umutima w'umuntu? Zaburi 14:1 – 3; Abaroma 3:9 – 11.**

"Ijambo ry'Imana rivuga ritya: "Kuko bose bakoze ibyaha, ntibashyikira ubwiza bw'Imana" (Abaroma 3:23). "Ntawe ukora ibyiza n'umwe" (Abaroma 3:12). Benshi barishuka ku birebana n'uko imitima yabo imeze. Ntibabona yuko umutima w'umuntu urusha ibintu byose gushukana, kandi ari mubi bikabije. Bifubika gukiranuka kwabo bwite kandi banyuzwe no kugera ku rugero rwabo bwite rw'imico; ariko iyo bananiwe kugera ku rugero Imana ishaka baba batsinzwe bikomeye, kandi bo ubwabo, ntibashobora kwigeza ku byo Imana ibasaba." – *Ubutumwa Bwatoranyijwe,* vol 1, p.320.

b. **Kuki twebwe abantu tudashobora gusobanukirwa ibintu byo mu buryo bw'umwuka no kubona ubwami bw'Imana? 1Abakorinto 2:14; 2Abakorinto 4:4.**

"Umukiza yaravuze ati: "Umuntu utabyawe ubwa kabiri (udafite umutima mushya, ibyifuzo bishya, n'imigambi mishya kuburyo byatuma agira ubugingo bushya) ntabasha kubona ubwami bw'Imana." Yohana 3:3. Kwibwira ko umuntu hari iterambere yageraho ry'ikintu cyiza binyuze muri kamere ye, ni ukwishuka bikomeye. 'Umuntu wa kamere ntiyemera iby'Umwuka w'Imana kuko ari ubupfu kuri we, akaba atabasha kubimenya kuko bisobanurwa mu buryo bw'Umwuka.' 'Witangazwa n'uko nkubwiye yuko bibakwiriye kubyarwa ubwa kabiri.' 1Abakorinto 2:14; Yohana 3:7. Kristo yandikiwe ngo: 'Muri we harimo ubugingo, kandi ubwo bugingo bwari Umucyo w'abantu.' 'Kandi nta wundi agakiza kabonerwamo, kuko ari nta rindi zina munsi y'ijuru ryahawe abantu, dukwiriye gukirizwamo.' Yohana 1:14; Ibyakozwe n'Intumwa 4:12." — *Kugana Yesu,* p.18,19.

c. **Nubwo tudashobora kwikiza, ni iki dushobora gukora? Matayo 11:28 – 30; Yohana 3:3.**

"Imana yigaragarije muri Kristo, "yiyungira muri We n'abari mu isi" 2Abakorinto 5:19. Umuntu yari yarangijwe cyane n'icyaha ku buryo atashobora ubwe kwiyunga n'Uwari ufite kamere yera kandi y'ineza. Ariko Kristo amaze gucungura umuntu mu bubata bwo kwica amategeko, yashoboye kunga imbaraga z'ubumana n'iz'umuntu. Nuko rero, kubwo kwihana imbere y'Imana no kwizera Kristo, urubyaro rwa Adamu wacumuye rwashoboye kongera guhinduka 'abana b'Imana' 1Yohana 3:2." – *Abakurambere n'Abahanuzi*, p.64.

## 4. KWINGINGA K'UMUNYABYAHA

**Kuwa Kane**
**08 Nyakanga**

a. Ni ikihe kibazo intumwa Pawulo yari afite igihe yamenyaga mu buryo bwuzuye ko ari umunyabyaha imbere y'Imana? Abaroma 7:12,14,24.

---

"Ntibihagije kumenya ubugwaneza bw'Imana no kwitegereza ubugiraneza n'impuhwe za kibyeyi by'imico Yayo. Ntibihagije kumenya ubwenge n'ubutabera by'amategeko Yayo, no kwitegereza uburyo bifite urufatiro ku ihame rihoraho ry'urukundo. Intumwa Pawulo yitegereje ibyo byose, niko kuvuga ati: 'Noneho amategeko ni ayera, ndetse n'itegeko ryose ni iryera, rirakiranuka kandi ni ryiza.' 'Ariko ubwo nkora ibyo ndashaka, nemera ko amategeko ari meza.' Hanyuma abishimangira ababaye, afite agahinda mu mutima ati: 'Tuzi yuko amategeko ari ay'umwuka, ariko jyewe ndi uwa kamere ndetse naguriwe gutegekwa n'ibyaha.' Abaroma 7:16,12,14. Pawulo yifuzaga cyane kubonera no gukiranuka, nyamara we ubwe akananirwa kubyigezaho; niko gutera hejuru arataka ati: 'Yemwe, mbonye ishyano! Ni nde wankiza uyu mubiri untera urupfu?' Abaroma 7:24. Uko gutaka guturuka mu mitima iremerewe y'abantu bo mu bihugu byose n'ab'ibihe byose. Abo bose igisubizo bahabwa ni kimwe: 'Nguyu Umwana w'Intama ukuraho ibyaha by'abari mu isi.' Yohana 1:29." — *Kugana Yesu*, p.19.

"Hariho benshi bazi uburyo batishoboye kandi bifuza imibereho y'iby'umwuka yo gutuma bahuza n'Imana; barushywa n'ubusa bahatanira kuyigeraho.... Umukiza yubitse umutwe areba uwo yaguze amaraso Ye akamubwirana ineza n'impuhwe bitarondoreka agira ati, "Mbese urashaka gukira?" – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.203.

b. Ni mu buhe buryo Imana yijeje Yakobo ko itigeze imutererana igihe yahungaga mwene se Esawu? Itangiriro 28:10 – 13.

---

"[Yakobo] yumvaga ari igicibwa, kandi yamenye ko amakuba ye yose yayatewe n'imigirire ye mibi. Umwijima wo kwiheba watsikamiye umutima we ku buryo bitari bimworoheye no gusenga. Ariko kandi yari ari mu bwigunge buteye ubwoba ku buryo yumvaga akeneye cyane uburinzi bw'Imana kurusha mbere hose. Yihana icyaha cye arira kandi aciye bugufi cyane maze yingingira Imana kumwereka ikimenyetso cy'uko itamuretse. Na none kandi umutima we wari uremerewe ntiworohewe. Nta byiringiro byari bikimurimo, kandi yatinyaga ko Imana ya ba sekuruza yamugize igicibwa.

"Nyamara Imana ntiyari yaretse Yakobo. Imbabazi Zayo zari zikiri ku mugaragu Wayo wari wahabye kandi utari uwo kwiringirwa. Uwiteka ku bw'urukundo rwinshi, yagaragaje ko Yakobo yari akeneye gusa Umukiza. Yari yaracumuye, ariko umutima we wari wuzuye ishimwe kubwo guhishurirwa uburyo yakongera kugirirwa neza n'Imana." – *Abakurambere n'Abahanuzi*, p.183.

## 5. GUHUZA IJURU N'ISI

**Kuwa Gatanu 09 Nyakanga**

a. Ni iki twakwigira ku rwego Yakobo yabonye mu butayu? Itangiriro 28:16,17; Yohana 1:51.

---

"Muri izo nzozi, inama y'ugucungurwa yerekwa Yakobo atari mu buryo burambuye, ahubwo yeretswe umugabane w'ingenzi yari akeneye icyo gihe. Urwo rwego rw'amayobera yeretswe mu nzozi, rwari rumwe n'urwo Yesu yavuze igihe yaganiraga na Natanayeli [Yohana 1:51]. Mbere y'uko umuntu yigomeka ku butegetsi bw'Imana, umuntu yari afite umudendezo usesuye wo gusabana n'Imana. Ariko icyaha cya Adamu na Eva cyatandukanyije isi n'ijuru, ku buryo umuntu atagishobora kugirana umushyikirano n'Umuremyi we. Nyamara isi ntiyasigaye mu bwigunge idafite ibyiringiro. Urwo rwego rugereranya Yesu, ari We watoranyijwe kuduhuza n'Imana." – *Abakurambere n'Abahanuzi,* p.184.

b. Sobanura isano ishyirwaho n'ubuhuza bwa Kristo. Abaroma 3:23-26; Abaheburayo 1:14.

---

"Umuntu yitandukanyije n'Imana, isi nayo yitandukanya n'ijuru binyuze mu buhakanyi. Imanga yaciwe hagati, niyo yatumye umubano wo gusabana udashoboka. Ariko binyuze muri Kristo, isi yongeye guhuzwa n'ijuru. Ubuntu Bwe burangwamo ineza, nibwo Kristo yatindishije imanga yaciwe n'ibyaha; kugirango abamarayika batumwa gukora umurimo ku isi bashobore gusabana n'abantu. Kristo niwe uhuza umunyabyaha w'intege nke agatuma ashyikira imbaraga z'Imana zitagira akagero." — *Kugana Yesu,* p.20.

"Umutima w'Imana ugirira abana Bayo bo mu isi urukundo rurusha imbaraga urupfu. Mu gutanga Umwana Wayo, Imana yaduhaye ijuru ryose muri iyo mpano. Imibereho y'Umukiza, urupfu Rwe, ubuhuza Bwe, umurimo w'abamarayika, uko Umwuka Wera adusabira, umurimo Data wa twese akorera mu ijuru ndetse n'ibindi byose; bikubira hamwe kugirango bizanire abantu agakiza." — *Ibid.,* p.21.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu 10 Nyakanga**

1. Gereranya imimerere abantu barimo mbere na nyuma yo kugwa mu cyaha.
2. Nyuma yo gucumura, mbese ni iki umuntu yakoze kandi ni ukubera iki?
3. Ni ikihe gisubizo rukumbi cy'ikibazo cy'icyaha?
4. Tanga ubusobanuro bw'ikimenyetso gitangaje Yakobo yabonye mu nzozi ze.
5. Ni ubuhe buryo bw'itumanaho Imana ikomeza gukoresha mu gushyikirana n'abantu?

Ku Isabato, 18 Nyakanga 2026

**Icyigisho 3**

# Kwihana

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** “Nuko mwihane muhindukire, ibyaha byanyu bihanagurwe ngo iminsi yo guhemburwa ibone uko iza ituruka ku Mwami Imana.” (Ibyakozwe n’Intumwa 3:19).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Kugana Yesu,* igice cya 3, p.23 – 35.

“Imana ntizigera itererana abariganyijwe bakagwa mu cyaha ariko bakayigarukira kandi bakihana by’ukuri”. — *Abakurambere n’Abahanuzi,* p.202,203.

## 1. KUBABAZWA N’ICYAHA

**Kuwa Mbere 12 Nyakanga**

a. Ni ikihe gihamya cyo kwihana nyakuri cyasabwe na Yohana Umubatiza? Luka 3:7 – 14.

“Kwihana ni ukubabazwa n’icyaha maze ugahindukira ukagicikaho. Ntabwo twazinukwa icyaha tutabanje kubona ububi bwacyo, kandi kugicikaho bya nikize ntibyatuma habaho impinduka mu mibereho.” — *Kugana Yesu,* p. 23.

b. Ni iki kigomba kumenyekana ku byerekeranye no kwihana nyakuri, kwa kundi guhindura umutima n’imibereho? 2Abakorinto 7:9,10.

“Kubabazwa n’icyaha by’ukuri bituruka ku murimo w’Umwuka Wera. Mwuka ashyira ahagaragara ubuhemu bw’umutima wasuzuguye kandi ukababaza Umukiza, maze akadutera kubabarira munsi y’umusaraba. Buri cyaha gikozwe cyongera gukomeretsa Kristo, nuko rero iyo twitegereje Uwo twakomerekeje, dushavuzwa n’ibyaha byatumye agerwaho n’intimba. Bene iryo shavu rizadutera kuzinukwa icyaha.” – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.300.

“Igihe umutima wemeye icyo ubwirijwe n’Umwuka w’Imana, umutimanama urakanguka, umunyabyaha agira icyo asobanukirwa cyerekeranye no kwimbika no kwera kw’amategeko yera y’Imana, yo rufatiro rw’ubutegetsi Bwayo mu ijuru no mu isi.” — *Kugana Yesu,* p. 24.

## 2. KWIHANA NYAKURI

**Kuwa Kabiri**
**13 Nyakanga**

**a. Ni ukuhe gusaba kwa Dawidi igihe yamenyaga uburemere bw'igicumuro cye? Zaburi 51:1 – 4.**

---

"Isengesho rya Dawidi amaze gucumura, ryerekana imiterere yo kubabazwa n'icyaha k'ukuri. Kwihana kwe ntikwarimo uburyarya kandi kwari kwimbitse. Ntiyigeze apfobya igicumuro cye; kandi isengesho rye ntiyaritewe no gutinya iteka yari agiye gucirwaho. Ahubwo Dawidi yabonye ko igicumuro cye cyari gikabije; yabonye uko cyahumanyije umutima we, maze azinukwa icyaha cye. Ntiyasenze asaba imbabazi gusa, ahubwo yanasabye ko umutima we ubonezwa. Yifuzaga cyane umunezero uzanwa no kwera – kugirango abone uko asabana n'Imana, bashyikirane." — *Kugana Yesu*, p. 24,25.

**b. Mbese ni ukuhe kwihana nyakuri Dawidi yagize tugomba gushaka? Zaburi 51:10 – 13.**

---

" 'Undememo umutima wera.' Ibyo bitangirira hano, mu rufatiro rw'imico ya Gikristo; kuko mu mutima ariho haturuka iby'ubugingo. Iyaba abantu bose, abagabura n'abizera b'amatorero, babyitegerezaga neza kugirango barebe niba imitima yabo itunganiye Imana, twabona umusaruro urushijeho kuba mwinshi uturutse mu mihati tugira. Uko umurimo ukora urushaho kuba uw'ingenzi kandi ukaba ufite inshingano, ni nako birushaho kuba ngombwa ko ugira umutima uboneye. Ubuntu bukenewe buratangwa, kandi imbaraga z'Umwuka Wera zizakorana n'imihati yose uzashyiraho kugira ngo ubigereho. Iyo buri mwana w'Imana aza kuyishaka abishishikariye kandi yihanganye, hari kubaho ukurushaho gukurira mu buntu. Amakimbirane yari kurangira; abizera bari guhuza umutima n'intekerezo; mu matorero hari kubamo ubutungane n'urukundo. Kubwo kwitegereza, turahinduka. Uko uzagenda urushaho kwitegereza imico ya Kristo, niko uzagenda urushaho kumera nka We. Sanga Yesu uko uri, na we azakwakira, kandi azashyira indirimbo nshya mu kanwa kawe, ndetse no guhimbaza Imana" — *Ababwiriza b'Ubutumwa Bwiza,* (ingeri ya 1892/1893), p.451,452.

**c. Mbese ni iki Bibiliya yigisha cyerekeranye no kwihana no kwiyegurira Kristo utizigamye? Abaroma 2:4; Ibyakozwe n'Intumwa 3:19; 5:31.**

---

"Uko tutabasha kubabarirwa tudafite Kristo, ni nako tutabasha kwihana tudafite Umwuka We ukangura umutimanama.

"Kristo ni we soko y'imigambi yose itunganye. Ni we wenyine ubasha gutera umutima kwanga icyaha. Buri gushishikarira ukuri n'ubutungane, buri kwemezwa ibyaha byacu, ni igihamya cyerekana ko Umwuka wa Kristo akorera mu mitima yacu." — *Kugana Yesu*, p.26.

## 3. KWIHANA KW'IKINYOMA

**Kuwa Gatatu**
**14 Nyakanga**

a. Ni iyihe miterere yo kwihana kwa Esawu, Farawo, na Yuda igihe basobanukirwaga ingaruka z'icyaha cyabo? Abaheburayo 12:16,17; Kuva 12:30 – 32; 14:3 – 5; Matayo 27:3 – 5.

---

---

"Abantu benshi baterwa agahinda n'uko bacumuye, ndetse bagahinduka bya nikize kuko batinya ingaruka yabyo. Bene uko si ko kwihana Bibiliya yigisha. Barizwa n'ishyano bagusha aho kurizwa n'ibyaha; nkuko Esawu yagenje abonye ko abuze umugisha wo kuragwa ibya se.....Yuda Isikaryota, amaze kugambanira Umwami we, yaratatse ati "Nakoze icyaha, kuko nagambaniye amaraso atariho urubanza." Matayo 27:4.

"Yemejwe n'umutima ucumuye, yumva urubanza ruteye ubwoba rumuriho, atinya amateka y'Imana. Amaherezo y'ibyo yari yakoze yatumye amarwa n'ubwoba, ariko mu mutima we nta shavu rikomeye rishengura umutima ryari rimurimo. Yari yagambaniye Umwana w'Imana utagira icyaha, yihakana Uwera wa Isirayeli. Farawo na we ubwo yababazwaga n'amateka yari yaciriweho n'Imana, yemeye ibicumuro bye, kugira ngo akire ibindi byago, ariko iyo icyago cyashiraga, yongeraga kwigamba ku Wo mw'ijuru. Abo bose barizwaga n'ingaruka y'ibyaha, ntibarushye barizwa n'ibyaha ubwabyo." — *Kugana Yesu*, p.23,24.

"Imana yahaye Farawo ibihamya bikomeye cyane byerekana imbaraga Zayo, nyamara umwami arinangira yanga kumvira umucyo. Buri kwigaragaza kw'imbaraga ihoraho kwirengagijwe na we; kwatumye arushaho kugambirira kwigomeka. Imbuto zo kwigomeka yabibye igihe yangagaga kwemera igitangaza cya mbere, zabyaye umusaruro wazo." – *Abakurambere n'Abahanuzi,* p.268.

b. Mbese bizagendekera bite umunyabyaha utihana kandi agakomeza kuragiriza agatinda kwihana kugeza mu gihe cy'ahazaza? Yohana 12:35, 36; Abaheburayo 3:12–15.

---

---

"Abo bakristo ku izina bazaba bageze mu gihe giheruka cy'akaga gakomeye batiteguye, bazatura ibyaha byabo bihebye, mu ijwi ry'akababaro n'amagambo y'ubwihebe, nyamara ababi bazaba babaha inkwenene. Kwicuza kwabo kuzaba kumeze nk'ukwa Esawu cyangwa ukwa Yuda. Abakora ibyo, baganyishwa n'ingaruka z'ibicumuro byabo, aho kurizwa n'icyaha bakoze. Ntibicuza by'ukuri, kuko badatinya gukora ikibi. Bemera ibyaha byabo kubera gutinya igihano; ariko nkuko byabaye kuri Farawo wa kera, urubanza ruramutse rukuweho bakongera gusuzugura Imana." – *Intambara Ikomeye*, p.620,621.

## 4. UMUFARISAYO N'UMUKORESHA W'IKORO

**Kuwa Kane**
**15 Nyakanga**

### a. Ni irihe tandukaniro riri hagati y'Umufarisayo n'Umukoresha w'ikoro mu nkuru ya Kristo? Luka 18:10 – 13.

---

"Mu mugani w'Umufarisayo n'umukoresha w'ikoro, isengesho ryo kwiyemera ngo: "Mana, ndagushimiye yuko ntameze nk'abandi," rihabanye cyane n'isengesho ry'umukoresha w'ikoro wihanaga agira ati: 'Mana, mbabarira kuko ndi umunyabyaha.' (Luka 18:11,13)." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.495.

### b. Ni iki Yesu yavuze ku musaruro w'isengesho ry'Umukoresha w'ikoro? Luka 18:14.

---

"Wa mukoresha w'ikoro wasenze ati: 'Mana, mbabarira kuko ndi umunyabyaha' (Luka 18:13), we yibonaga nk'inkozi y'ibibi yasayishije, kandi yibwiraga ko n'abandi ari ko bamubona; nyamara yari azi ubukene bwe, nuko asanga Imana afite umutwaro w'ibyaha kandi akozwe n'isoni, ayisaba imbabazi. Umutima we yari awugururiye Umwuka w'Imana kugirango abone uko amukoreramo umurimo w'ubuntu, amubature mu bubata bw'imbaraga y'icyaha. Ariko isengesho ry'Umufarisayo wirata, wihangiraga gukiranuka; ryagaragaje ko umutima we utifuza guturwamo n'Umwuka Wera. Kubera kuba kure y'Imana kwe, ntiyiyumvagamo uko yanduye, ntiyari aziko Imana iboneye kandi yera. Yumvaga ntacyo akennye, nuko ntiyagira n'icyo ahabwa." — *Kugana Yesu,* p. 30,31.

### c. Mu kuvuga iyi nkuru, mbese ni iyihe nyifato kirimbuzi Yesu yashakaga gukosora? Luka 18:9; 2Abakorinto 10:12; Imigani 16:18.

---

"Idini ry'Umufarisayo ntabwo rikora ku mutima. Ntaharanira kugira imico isa n'iy'Imana, ndetse no kugira umutima wuzuye urukundo n'impuhwe. Anyurwa n'idini ireba ku bigaragara inyuma gusa. Gukiranuka kwe ni ukwe bwite, ni umusaruro uvuye mu mirimo ye bwite, kandi ishimwa hashingiwe ku rugero rwa muntu.

"Uwiringira ko ari umukiranutsi wese ntazabura gupfobya abandi. Nk'uko Umufarisayo yishimagizaga yigereranya n'abandi bantu, niko na we anenga abandi abigereranyaho. Gukiranuka kwe akugereranya n'ukwabo, kandi uko barushaho kugaragara ko ari babi niko we agaragara ko akiranuka yigereranyije na bo. Kwigira umukiranutsi kwe kumutera 'kurega abandi bantu' abashinja ko bagomera amategeko y'Imana. Bityo agaragaza wa mutima wa Satani, umurezi wa bene data. Ufite umutima umeze utyo, ntibyashoboka ko asabana n'Imana." – *Imigani ya Kristo*, p.151.

## 5. NTIWINANGIRE UMUTIMA

**Kuwa Gatanu**
**16 Nyakanga**

a. Ni akahe kaga kari mu kwinangira cyangwa gutinda kwitaba irarika? 2Abakorinto 6:2; Abaheburayo 3:7,8; Luka 12:20,21.

---

"Benshi bahumuriza imitimanama ihangayitse bibwira ko bashobora guhindura imigirire yabo mibi igihe babishakiye; bibwira ko bashobora gukerensa irarika ry'imbabazi, nyamara rigakomeza kubagarukira rikongera rikaza. Bibwira ko nibamara guhinyura Umwuka w'ubuntu, bagahitamo guhagarara mu ruhande rwa Satani, ngo nibabona ishyano ribagwiriye, bashobora guhindura imigirire yabo mu kanya gato nk'ako guhumbya. Ariko ibyo ntibikunze gushoboka mu buryo bworoshye. Ibyo umuntu yigishijwe n'akamenyero ko mu mibereho iyo bimaze kurema imico, bituma ari gake umuntu yifuza kwakira ishusho ya Yesu." — *Kugana Yesu,* p. 33,34.

b. Ni iki tugomba gukora igihe dusobanukiwe ko umutima wacu n'imibereho yacu bidashyize hamwe n'Imana? Zaburi 139:23,24; 51:10.

---

"Mwige ijambo ry'Imana musenga. Iryo jambo ribagaragariza amahame akomeye yo kwera aboneka mu mategeko y'Imana no mu mibereho ya Kristo, 'kuko utejejwe atazareba Umwami Imana' (Abaheburayo 12:14). Ijambo ry'Imana ritwemeza ibyaha, riduhishurira rwose inzira y'agakiza. Mujye muryitaho ribabere ijwi ry'Imana rivugana n'imitima yanyu." — *Ibid.,* p. 35.

"Natwe twari abanyabyaha bikabije, ariko Kristo yapfiriye kugirango tubabarirwe. Ibyo igitambo Cye cyadukoreye birahagije kuri Data wa twese. Abo Kristo yababariye byinshi, nibo bazarushaho kumukunda cyane, nibo bazegera intebe Ye ya cyami bamushimira urukundo Rwe rukomeye n'igitambo Cye kitagira akagero. Iyo turushijeho gusobanukirwa urukundo rw'Imana, nibwo turushaho kumenya ububi bw'icyaha. Iyo turebye uburebure bw'umunyururu wamanuriwe kudutabara, iyo dusobanukiwe ho hato igitambo cya Kristo kitagira akagero cyatambwe kubwacu, niho umutima ushenjagurwa n'urukundo n'ishavu." — *Ibid.*, p.36.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu**
**17 Nyakanga**

1. Ni iyihe mpano ihebuje Imana iduha kugira ngo dushobore guhabwa ubuntu mvajuru?
2. Kuki tudashobora kwihana by'ukuri ku bwacu?
3. Ni iki cyari kibuze mu kwihana kwa Esawu, Farawo na Yuda?
4. Kuki Yesu yaciye umugani w'Umufarisayo n'umukoresha w'ikoro?
5. Ni iyihe ntambwe y'ingenzi cyane yatuma umuntu asabana n'Imana mu buryo bwimbitse?

Ku Isabato, 25 Nyakanga 2026

**Icyigisho 4**

# Kwatura Ibyaha

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Uhisha ibicumuro bye ntazagubwa neza, ariko ubyatura akabireka azababarirwa." (Imigani 28:13).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Kugana Yesu,* igice cya 4, p.37 – 41.

"Kwatura ibyaha kuvuye ku mutima witanze byimazeyo kuzagera ku Mana nyirimbabazi zihoraho". — *Kugana Yesu,* p.38.

## 1. IMBABAZI Z'IMANA

**Kuwa Mbere 19 Nyakanga**

a. **Mbese ni iki tugomba gukora igihe twemejwe icyaha? Imigani 28:13; Yakobo 5:16.**

---

---

"Ibisabwa kugirango umuntu abone imbabazi z'Imana biroroshye, biraboneye kandi birumvikana. Ntabwo Uwiteka adusaba gukora ibintu bimwe bitubabaza kugirango tubone kubabarirwa ibyaha. Ntabwo dukeneye gukora ingendo nyobokamana ndende kandi zinaniza cyangwa kwiha ibihano bitubabaza umubiri kugirango imitima yacu ibe yakwemerwa n'Imana nyir'ijuru cyangwa ngo ibicumuro byacu bikunde bihanagurwe; ahubwo uwatura icyaha cye kandi akakireka azababarirwa." — *Kugana Yesu,* p.37.

b. **Mbese ibi bidusaba kugira iyihe nyifato? Imigani 15:33; 19:23; Zaburi 34:18.**

---

"Abataracishirije bugufi imitima yabo imbere y'Imana ngo bemere icyaha cyabo ntabwo barabasha kuzuza igisabwa cya mbere kugira ngo babashe kwemerwa. Niba tutaragize bene uko kwihana kuticuzwa, kandi tukaba tutaratuye ibyaha byacu dufite kwicisha bugufi nyakuri ko mu mutima ndetse dufite n'umutima umenetse, kandi tuzinutswe igicumuro cyacu, ntabwo turigera tumaramaza gushaka imbabazi z'icyaha; kandi niba tutarashaka izo mbabazi ntabwo turigera tubona amahoro y'Imana. Impamvu imwe rukumbi tudashobora kubabarirwa ibyaha byo mu gihe cyashize ni uko tudashaka gucisha bugufi imitima yacu y'ubwibone ngo duhuze n'ibisabwa n'ijambo ry'ukuri. Hari amabwiriza asobanutse rwose yatanzwe ku byerekeye iki kibazo. Kwatura ibyaha kwaba gukorewe mu ruhame cyangwa se umuntu yiherereye, gukwiriye kuba kuvuye ku mutima kandi kugakorwa nta gahato." — *Ibid.,* p. 37,38.

## 2. KWATURA ICYAHA NO KUBABARIRA

**Kuwa Kabiri 20 Nyakanga**

**a. Iyo tugiriye nabi mugenzi wacu, ni nde wundi tuba duhemukiye? Zaburi 51:4.**

---

"Intumwa iravuga iti: "Mwaturirane ibyaha byanyu kandi musabirane kugirango mukizwe." (Yakobo 5:16). Aturira Imana ibyaha byawe, yo yonyine ishobora kubibabarira, kandi mubwirane amakosa yanyu. Niba warahemukiye inshuti yawe cyangwa umuturanyi ugomba kwemera ikibi wakoze, kandi na we afite inshingano yo kukubabarira mu mudendezo we. Ubwo nibwo rero uzaba ugomba gusaba Imana imbabazi kuko uwo mugenzi wawe wakomerekeje ari umwana w'Imana, kandi mu kumukomeretsa wacumuye ku Muremyi n'Umucunguzi we." — *Kugana Yesu*, p.37.

**b. Ni ukubera iki dukwiriye kubabarira abandi? Matayo 6:14,15; Abefeso 4:32.**

---

"Umuntu utagira imbabazi aba aciye umuyoboro umwe rukumbi ashobora kuboneramo imbabazi z'Imana. Ntidukwiriye gutekereza yuko dushobora gutsindishirizwa tutababariye abandi, ngo ni uko batadusabye imbabazi kuko ari bo batugiriye nabi. Si ugushidikanya, guca bugufi mu mitima yabo bakihana kandi bakicuza, ni umurimo wabo; ariko dukwiriye kugira umwuka w'imbabazi ku baducumuyeho baba batwicujijeho cyangwa se batatwicujijeho. Nubwo baba baradukomerekeje bimeze bite, ntabwo dukwiriye guha icyicaro imibabaro yacu ngo twigirire impuhwe kubwo kugirirwa nabi; ahubwo uko twiringira kubabarirwa ibyo twakiraniwe ku Mana ni ko dukwiriye kubabarira abantu bose batugiriye nabi." – *Ibitekerezo byo ku Musozi w'Umugisha*, p.113,114.

**c. Ni iki gikwiriye kutwigisha inshingano dufite ku kiremwamuntu? 1Petero 4:8; Abaroma 13:8.**

---

"Mureke Kristo, we Bugingo bw'Imana, abe muri mwe kandi abagaragarizemo urukundo rwo mu ijuru ruzahesha ibyiringiro abatabigira n'amahoro yo mu ijuru umutima wakomerekejwe n'ibyaha. Uko turushaho kwegera Imana, ikintu gikwiriye guhamya yuko twababariwe n'Imana ni uko natwe dukwiriye kubabarira abandi." — *Ibid.*, p.114,115.

"Kugaragariza mugenzi wacu inyifato itari iya kimuntu nicyo cyaha cyacu gikomeye cyane. Abantu benshi batekereza ko bahagarariye ubutabera bw'Imana, mu gihe mu by'ukuri bananirwa rwose kugaragaza ubugwaneza Bwayo n'urukundo Rwayo rwinshi. Incuro nyinshi, abo bahura na bo bakagaragaza ubukana n'umwaga, bahangayikishwa n'ibishuko. Satani ari kurwanya abo bantu, kandi amagambo mabi atarangwamo impuhwe abaca intege agatuma baba umuhigo w'imbaraga z'umushukanyi." – *Umurimo wo Gukiza,* p.163.

## 3. MU BURYO BURASA KU NTEGO KANDI BW'UKURI

**Kuwa Gatatu**
**21 Nyakanga**

**a. Ni ibihe byaha bikwiriye kwaturwa ku mugaragaro mu gihe ibindi byo bigomba kwaturirwa Imana yonyine? Zaburi 32:5; Matayo 5:23,24.**

"Ukwatura ibyaha k'ukuri iteka kuraromboreza kukarasa ku ntego, kandi kukemera ibyaha byihariye. Bishobora kuba ari ibyaha byajyanwa imbere y'Imana yonyine, hari nubwo byaba ari n'ibyaha bikwiriye kwaturirwa imbere y'abantu bakomerekejwe binyuze muri ibyo bibi byakozwe, cyangwa se bishobora kuba ari ibyaha biri rusange bikwiriye kuvugirwa mu iteraniro ry'abantu. Ariko kwatura kose kugomba kuba gusobanutse kandi kurasa ku ntego, ukemera ibyaha nyakuri biguhama." – *Kugana Yesu*, p.38.

"Icyaha cyakozwe mu ibanga kigomba kwaturirwa Kristo, umuhuza umwe rukumbi uri hagati y'Imana n'abantu..... Icyaha cyose ni uguhemukira Imana, kandi kigomba kwaturirwa Imana binyuze muri Kristo. Icyaha cyose gikozwe ku mugaragaro kigomba kwaturirwa mu ruhame." – *Ababwiriza b'Ubutumwa Bwiza,* p.216.

**b. Ni uwuhe mugambi wo kwatura nyakuri? 1Samweli 12:19.**

"Mu gihe cya Samweli Abisirayeli bagiye kure y'Imana. Bari bari kugerwaho n'ingaruka z'icyaha, bitewe n'uko bari bararetse kwizera Imana, batakaza gusobanukirwa imbaraga n'ubwenge Bwayo mu kuyobora ishyanga, batakaza kwiringira ubushobozi Bwayo bwo kurengera no kurinda umurimo Wayo. Bateye umugongo Umutware ukomeye w'ibiriho byose mu isanzure maze bifuza kuyoborwa nk'uko andi mahanga abakikije ayobowe. Mbere y'uko bagira amahoro, babanje kwatura beruye bati: "Kuko twongereye ku byaha byacu byose iki cyaha cyo kwisabira umwami." (1Samweli 12:19). Icyaha nyakuri cyabahamaga bagombaga kucyatura." – *Kugana Yesu,* p.38,39.

**c. Ni iyihe migirire igomba gukurikizwa mu kwatura ibyaha? Yesaya 1:16,17; Ezekiyeli 33:15.**

"Kwatura icyaha ntikuzemerwa n'Imana hatabayeho kwihana no kwivugurura kuvuye ku mutima. Mu buzima hagomba kubamo impinduka zidakebakeba, ikintu cyose gitukisha Imana kigomba kwigizwayo. Ibi bizaba umusaruro wo kubabazwa n'icyaha by'ukuri." — *Ibid.,* p.39.

"Nk'uko byagenze kuri Zakayo, umuntu wese wihannye azagaragaza ko Kristo yinjiye mu mutima we abihamishije kureka imikorere idatunganye yagiye iranga imibereho ye. Nk'uko byagenze kuri uyu mukoresha w'ikoro mukuru, azagaragaza ko amaramaje agarura ibyo yambuye." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.556.

## 4. AKAGA KO KWITSINDISHIRIZA

**Kuwa Kane 22 Nyakanga**

a. Igihe Uwiteka yabazaga Adamu na Eva iby'icyaha cyabo, ni gute batanze urwitwazo berekana ko mu by'ukuri batakosheje? Itangiriro 3:12,13.

---

"Adamu, ntiyashoboye guhakana cyangwa ngo asabe imbabazi z'icyaha cye [ngo agaragaze ko kimubabaje], ahubwo yaherereje icyaha ku mugore we, aba agiherereje no ku Mana ubwayo: 'Umugore wampaye ngo tubane, ni we wampaye ku mbuto z'icyo giti, ndazirya.' " – *Abakurambere n'Abahanuzi*, p.57.

"Adamu na Eva bamaze kurya ku mbuto z'igiti cyabuzanyijwe, buzuwe n'ikimwaro n'ubwoba. Ubwa mbere igitekerezo kimwe rukumbi cyabajemo ni ukuntu bari gutangira urwitwazo icyaha cyabo imbere y'Imana maze bagakira urubanza rwo gupfa. Igihe Uwiteka yababazaga iby'icyaha bakoze, Adamu yarasubije, ariko ku ruhande rumwe agashyira icyaha ku Mana, no rundi ruhande akagishyira ku mufasha we Eva. Yaravuze ati: "Umugore wampaye ngo tubane, ni we wampaye ku mbuto z'icyo giti, ndazirya." Umugore nawe yashyize umugayo ku nzoka, aravuga ati: "Inzoka yanshukashutse, ndazirya". Itangiriro 3:12,13. Kuki waremye inzoka? Kuki wemeye ko iza muri Edeni? Ibi ni ibibazo byari byihishe inyuma yo kwisobanura ku cyaha yari yakoze, bityo ashinja Imana kuba ari yo nyirabayazana wo gucumura kwabo." – *Kugana Yesu,* p.40.

b. Ni ukubera iki kwitsindishiriza bituma kwatura icyaha ntacyo bimara? Yobu 9:20; Luka 16:15.

---

"Umwuka wo kwitsindishiriza wakomotse kuri se w'ibinyoma kandi wagiye ugaragazwa n'abahungu n'abakobwa bose ba Adamu. Kwatura muri ubu buryo ntikuba guturutse ku Umwuka w'Imana, kandi ntikuzemerwa imbere y'Imana. Kwihana nyakuri kuzayobora umuntu ku kwemera icyaha cye kandi acyemere nta buriganya cyangwa uburyarya." — *Ibid.,* p.40.

"Ntabwo dukwiriye kugerageza gupfobya ibicumuro byacu dushakira ibyaha urwitwazo. Dukwiriye kwemera icyaha uko Imana ikivuga, kandi mu by'ukuri kiraremereye. I Kaluvari honyine ni ho hashobora kugaragaza ububi bw'icyaha buteye ubwoba. Iyaba twari abo kwiyikorerera igicumuro cyacu, cyabasha kuduturitsa. Ariko Uwera utagira icyaha yagiye mu mwanya wacu; nubwo atari abikwiriye, yikoreye gukiranirwa kwacu. "Nitwatura ibyaha byacu, Imana ni iyo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu, no kutwezaho gukiranirwa kose." (1Yohana 1:9). Mbega ukuri gutangaje! Nk'uko itegeko Ryayo riri, ni Yo itsindishiriza abizera Yesu bose. "Ni iyihe Mana ihwanye na we, ibabarira gukiranirwa, ikirengagiza ibicumuro by'abasigaye b'umwandu wayo? Ntihorana uburakari bwayo iteka, kuko yishimira kugira imbabazi." Mika 7:18." – *Ibitekerezo byo ku Musozi w'Umugisha*, p.116.

## 5. KWATURA ICYAHA KU MUGARAGARO

**Kuwa Gatanu 23 Nyakanga**

a. Ni gute Pawulo yicishije bugufi akemera icyaha cye atazuyaje? Ibyakozwe n'Intumwa 26:10,11.

---

"Ingero zo mu ijambo ry'Imana zigaragaza kwihana nyakuri no kwicisha bugufi zihishura umwuka wo kwatura aho nta rwitwazo na ruto rutangwa cyangwa kugerageza kwitsindishiriza. Ntabwo Pawulo yashatse kwihishira; [ahubwo] yerekanye icyaha cye mu bubi bwacyo bwose, habe no kugerageza koroshya inkomanga yo mu mutima we. [Ibyakozwe n'Intumwa 26:10,11]." – *Kugana Yesu,* p.41.

b. Ni iki Pawulo yavuze mu rwandiko rwe rwa mbere yandikiye Timoteyo? 1Timoteyo 1:15.

---

"Ntacyo dushobora kwibonamo kitari intege nke gusa, nta cyiza twabona ko Imana yadushimira, kubw'ibyo Satani akatubwira ko turushywa n'ubusa, ko imico yacu idashobora kugira ikiyitunganya. Igihe tugerageza gusanga Imana, umwanzi ajya atwongorera ati: "Ntacyo bikumariye gusenga"; kandi ati: "Harya si wowe wakoze cya kintu kibi? Ntiwagomeye Imana kandi ugakiranirwa no ku mutimanama wawe?" Dushobora kubwira umwanzi yuko "amaraso ya Yesu Kristo Umwana wayo atweza akatumaraho icyaha cyose." (1Yohana 1:7). Igihe twiyumvamo yuko twakoze icyaha kandi yuko tudashobora gusenga, icyo ni cyo gihe tuba dukwiriye gusenga. Nubwo twaba dukozwe n'isoni kandi tunyinyiriwe, tuba dukwiriye gusenga kandi tukizera [1Timoteyo 1:15]. Kubabarirwa n'Imana..... ni impano duhabwa ikomoka mu gukiranuka kutagira ikizinga kwa Kristo." – *Ibitekerezo byo ku Musozi w'Umugisha,* p.115,116.

c. Ni iki Imana yadusezeraniye nituramuka twatuye ibyaha byacu? 1Yohana 1:9.

---

"Umutima uciye bugufi kandi umenetse, wuzuwe no kwihana nyakuri, uzanyurwa kandi wishimire urukundo rw'Imana n'ikiguzi cyatanzwe i Kaluvari; kandi nk'uko umwana yaturira se umukunda, niko umunyabyaha wihana by'ukuri azajyana ibyaha bye imbere y'Imana. Kandi byanditswe ngo [1Yohana 1:9]." – *Kugana Yesu,* p.41.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu 24 Nyakanga**

1. Ni gute duhagarara imbere y'Imana igihe tuyaturira ibyaha byacu mu budahemuka?
2. Ni mu yihe mimerere ibyaha byacu bimwe na bimwe bigomba kwaturirwa abandi bantu, kandi ni ukubera iki?
3. Ni ukubera iki ari iby'ingenzi kwatura icyaha udaciye ku ruhande?
4. Sobanura akaga gaterwa no kwitsindishiriza.
5. Ni uwuhe musaruro uturuka mu kwatura ibyaha byawe wicishije bugufi?

# Amaturo y'Isabato ya Mbere

## Ku isabato, 01 Kanama 2026

## Azagenerwa Icyiciro cy'Uburezi mu Nteko Nkuru Rusange



"Menyereza umwana inzira akwiriye kunyuramo, azarinda asaza atarayivamo." Imigani 22:6.

Turiho mu bihe bikomeye. Muri iyi si igenda irushaho kudashishikarira iby'idini, inshingano yo kwigisha abana bacu n'urubyiruko kubaha Uwiteka yabaye iy'ingenzi cyane kuruta mbere hose. Kubera ko turi ababyeyi, abigisha n'abagize umubiri wa Kristo, dufite inshingano yera yo gutegura abari kubyiruka kuzashobora kurwanirira ukwizera bafite ubutwari, kwicisha bugufi no kwizera.

"Siyansi y'ubumenyi nyakuri ni ukuri, kwa kundi kugomba gucengezwa mu bugingo, ku buryo kudashobora gusibanganywa n'ibinyoma biganje ahantu hose." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 6, p.131.

Ni muri ubwo buryo, Icyiciro cy'Uburezi mu Nteko Nkuru Rusange cyakoranye umwete kugira ngo cyongerere imbaraga kandi cyagure amashuri yacu y'ivugabutumwa ku isi yose. Ibigo byinshi by'amashuri byacu ntibirimo ibikorwa remezo bihagije, gahunda z'amasomo zigezweho, n'ibitabo birimo ukuri kw'iby'umwuka by'abanyeshuri bacu. Byongeye kandi, ibihugu byinshi byasabye ko hashyirwaho ibigo bishya by'amashuri bidateza imbere ubumenyi bwo mu ishuri gusa, ahubwo na none bishyigikira amahame y'ubutumwa bwiza bw'iteka ryose.

Iri turo ridasanzwe rizafasha mu buryo butatu:

1. Kuvugurura imikorere y'Amashuri y'Ivugabutumwa asanzwe ahari;

2. Gushyiraho amashuri mashya mu turere dukeneye kubona uburezi bwa Gikristo bw'Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi Bavugurura;

3. Guteza imbere umushinga wo gusemura ibitabo byifashishwa mu burezi bikozwe n'itsinda ry'abarimu bacu kugira ngo bikoreshwe mu mashuri yigisha iby'isi n'ivugabutumwa mu ndimi zitandukanye no mu mico itandukanye.

"Uburezi nyakuri ni uguhugurirwa kuba umubwirizabutumwa. Buri muhungu n'umukobwa w'Imana ahamagarirwa kuba umubwirizabutumwa. Duhamagarirwa gukorera Imana ndetse na bagenzi bacu; kandi intego y'uburezi bwacu yakagombye iyo kudutegurira kugirango tube dukwiriye gukora uyu murimo." – *Umurimo wo Gukiza,* p.395.

Ku bw'ibyo rero, bene data na bashiki bacu dukunda, turabinginga ngo mutange mubikunze kandi mufite intego yo kuba abavugabutumwa. Gushora imari mu burezi bw'abana bacu n'urubyiruko ni ugutegura ahazaza h'itorero, mu kwamamaza ubutumwa bwiza, no mu isarura riheruka.

Uwiteka agwize inkunga yanyu kandi akomeze uyu murimo w'ingenzi, kandi amashuri yacu abe koko amatara amurika mu mwijima, ategurira urubyiruko rw'indahemuka kugaruka k'Umukiza wacu kwegereje.

*Icyiciro cy'Uburezi mu Nteko Nkuru Rusange*

Ku Isabato, 01 Kanama 2026

**Icyigisho 5**

# Kwiyegurira Imana

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Muzanshaka mumbone, nimunshakana umutima wanyu wose." (Yeremiya 29:13).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Kugana Yesu,* igice cya 5, p.43 – 48.

"Mu mbaraga zacu bwite kurwana iyo ntambara ntibyadushobokera; kandi ikintu icyo ari cyo cyose giteshura intekerezo z'umuntu ku Mana, ikintu cyose gitera umuntu kwikuza no kumva yihagije, kiba kidutegurira inzira yo kugwa burundu. Bibiliya yigisha kutiringira ubushobozi bw'umuntu maze igakangurira abantu kwiringira imbaraga y'Imana." — *Abakurambere n'Abahanuzi,* p.717.

## 1. URUGAMBA RWO KURWANYA INARIJYE

**Kuwa Mbere 26 Nyakanga**

a. Ni gute Pawulo yasobanuye urugamba rwa Gikristo n'intwaro zikenewe muri rwo? Abefeso 6:12 – 18.

"Satani yateze Yesu ngo amugeragereshe ibishuko biteye ubwoba, ariko mu kigeregezo cyose, umwanzi yaratsinzwe. Izo ntambara zarwanywe ku bwacu; uko gutsinda kwatubereye inzira yo kunesha. Kristo yiteguye guha umuntu wese ubishaka imbaraga yo gutsinda. Nta muntu ushobora gutsindwa na Satani atamutije umurindi. Umushukanyi ntafite ububasha bwo gutegeka ubushake cyangwa guhatira umutima gukora icyaha. Ashobora guteza umubabaro mu mutima w'uwo bahanganye, ariko ntashobora kumwanduza. Ashobora kumuca intege, ariko ntashobora kumuhumanya. Kuba Kristo yaratsinze bikwiye gutera abamwizera barwana urugamba rwo kunesha icyaha na Satani bashikamye." – *Intambara Ikomeye,* p.510.

b. Ni hehe Satani ageragereza kubona insinzi? Imigani 4:23.

" 'Kuko uko [umuntu] atekereza ku mutima ari ko ari.' (Imigani 23:7). Umutima ugomba kugirwa mushya n'ubuntu bw'Imana, nibitaba bityo, gushaka ubutungane bw'ubugingo bizaba imfabusa. Umuntu wese ugerageza gukuza imico iboneye kandi itunganye adafashijwe n'ubuntu bwa Kristo, aba yubaka inzu ye ku musenyi. Mu mugaru ukaze w'ibigeragezo, nta kabuza iyo nzu izasenyuka." – *Abakurambere n'Abahanuzi,* p.460.

## 2. IRARIKA RY'IMANA

Kuwa Kabiri
27 Nyakanga

**a. Ni iki gikwiriye kurekwa kugirango umuntu abe umwigishwa wa Kristo? Luka 14:33; Matayo 6:24.**

"Iyo twiyeguriye Imana, ni ngombwa ko tureka ibintu byose bishobora kudutandukanya na Yo. Niko Umukiza avuga [Luka 14:33]. Ikintu cyose cyakura umutima wacu ku Mana kigomba kurekwa rwose. Ikigirwamana cya benshi ni mamoni. Gukunda amafaranga no kwifuza ubutunzi, ni umurunga w'izahabu ubaboheye kuri Satani. Kwifuza kuratwa n'abandi no kurarikira icyubahiro cyo mu isi bibera abandi ikigirwamana. Imibereho yo kwikunda no kwihunza inshingano nayo ibera abandi ikigirwamana. Ariko izo ngoyi zitugira ibiretwa zikwiriye gucibwa. Ntidushobora kwitanga igice ngo tube ab'Imana uruhande rumwe naho urundi tube ab'isi. Ntituri abana b'Imana, keretse tubaye bo mu buryo bwuzuye." – *Kugana Yesu*, p.44.

**b. Ni irihe rarika mvajuru Uwiteka aha abantu bose bifuza kugira umutima mushya n'imibereho mishya? Yesaya 1:18; Yeremiya 29:13; Yakobo 4:7 – 10 .**

"Ingoma y'Imana si iy'ubuhake bw'abayoboke bameze nk'impumyi, batwazwa igitugu nk'uko Satani yagiye ashaka kuyigaragaza. Ahubwo ingoma y'Imana isaba ko abayirimo bagengwa n'ubwenge n'umutimanama... Imana ntihata ubushake bw'abo yaremye. Ntishobora kwemera ko tuyiha icyubahiro bitavuye ku mutima ukunze kandi kidatanganywe ubwenge. Guhatirwa kubaha ku gahato bibuza umuntu iterambere ry'ubwenge cyangwa ry'imico, bikaba byatuma umuntu amera nk'imashini igengwa n'abandi. Uwo siwo mugambi w'Umuremyi. Ahubwo yifuza ko umuntu agira iterambere agashyikira urugero ruhanitse, kuko ariwe kamba ry'umurimo w'imbaraga Ye irema. Yadushyize imbere umugisha utagira uko usa kandi yifuza kuwuduha binyuze mu buntu Bwayo. Iturarikira kuyiyegurira, kugirango ishobore gusohoreza muri twe ubushake Bwayo. Ubwo rero ni ahacu guhitamo kubohorwa ingoyi z'ibyaha kugirango tubone gusangira n'abana b'Imana umudendezo usesuye." — *Ibid.*, pp. 43,44.

"Kristo yerekanywe ari Umukiza w'abantu. Abantu ntibagombaga kwiringira imirimo yabo ubwabo, gukiranuka kwabo bwite, cyangwa bo ubwabo mu buryo ubwo aribwo bwose, ahubwo bagombaga kwiringira Umwana w'Intama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi. Muri we niho hahishuriwe Umuvugizi utuvuganira kuri Data wa twese. Irarika ryatanzwe binyuze muri We rigira riti: 'Nimuze tujye inama, ni ko Uwiteka avuga, Naho ibyaha byanyu byatukura nk'umuhemba birahinduka umweru bise na shelegi, naho byatukura tukutuku birahinduka nk'ubwoya bw'intama bwera.' Iri rarika ni twebwe ribwirwa muri iki gihe. Ntitukagire ubwibone cyangwa ngo twishyire hejuru, ntitukihangire gukiranuka ahubwo buri wese akomeze kwatura ibyaha bye, kugirango ashobore kwishyuza isezerano." – *Amahameshingiro y'Uburezi bwa Gikristo,* p.239.

## 3. KRISTO YATANZE BYOSE

Kuwa Gatatu
28 Nyakanga

**a. Ni iki cyahaye Kristo uburenganzira bwo kujyana abana Be mu ijuru? Abakolosayi 1:14; Abaheburayo 7:25.**

---

"Muri wa mwijima uteye ubwoba, igihe Kristo yasaga n'uwaretswe n'Imana, nibwo yiranguje ibyari bisigaye mu gikombe cyuzuye umubabaro wa muntu. Muri ayo masaha ateye ubwoba yari yishingikirije ku kwemerwa na Se nk'uko byari bisanzwe. Yari asobanukiwe neza n'imico ya Se; yari azi neza ubutabera bwa Se, imbabazi Ze, ndetse n'urukundo Rwe rutarondoreka. Kwizera kwe kwari mu wo yashimishwaga no kumvira iteka. Kandi mu kumvira yishyize mu maboko y'Imana, maze igitekerezo cyo kurekwa na Se nticyaba kikiri muri we. Kubwo kwizera, Kristo yabaye umuneshi." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.756.

"Mu gutanga Yesu, Imana yatanze ijuru ryose. Mu myumvire ya kimuntu, igitambo nk'icyo cyari ugupfusha ubusa mu bupfapfa. Mu mitekerereze ya kimuntu gahunda yose y'agakiza igaragara nk'impuhwe nyinshi zapfushijwe ubusa. Kwitanga n'igitambo cyuzuye urukundo twatangiwe bitugeraho aho turi hose. Ingabo zo mu ijuru zitangazwa cyane no kubona abatuye isi banga kuzahurwa no gukungahazwa n'urukundo ndetse n'imbabazi bitagira akagero byagaragarijwe muri Kristo. Abamarayika bashobora kuvuga bati: Kuki habayeho gupfusha ubusa kungana gutya?

"Nyamara impongano yatangiwe isi yacumuye yagombaga kuba yuzuye, isendereye kandi ishyitse. Igitambo cya Kristo cyari gihagije cyane kugira ngo kigere ku bo Imana yaremye bose. Igitambo cya Kristo nticyashoboraga gushyirwaho imbibi kugira ngo kingane gusa n'umubare w'abazakira iyo mpano ikomeye. Abantu bose ntabwo bakiriye agakiza; nyamara inama y'agakiza si imfabusa nubwo idasohoza ibyo ubuntu Bwayo bwateganyije byose. Hari byinshi bihagije ndetse bisagutse." — *Ibid.,* p.565,566.

**b. Ni iki Yesu asaba abantu bose bifuza kuba abana Be kandi bashaka guhabwa Umwuka We? Imigani 23:26.**

---

"[Yesu] ategerezanyije impuhwe kumva ukwatura kw'impabe no kwakira ugusenga kwe yihana. Ategereje abamugarukira bafite ishimwe, nk'uko umubyeyi yitegerezanya ukumwenyura umwana we akunda. Imana ikomeye itwigisha kuyita Data wa twese. Yifuza ko dusobanukirwa uburyo itwitaho mu bigeragezo byacu byose n'ibishuko byose tunyuramo." – *Ababwiriza b'Ubutumwa Bwiza,* p.210.

"Mbese twebwe iyo dutanze byose tuba turetse iki? Nta kindi uretse umutima uhumanijwe n'ibyaha, dushaka kubonezwa na Yesu, akatwejesha amaraso Ye, kandi akadukirisha urukundo Rwe rutagira akagero. Nyamara abantu bibwira ko biruhije guhara byose! Kubyumva ntyo bintera agahinda, ndetse mfite isoni zo kubyandika." — *Kugana Yesu*, p.46.

## 4. KWITANGA UTIZIGAMYE

**Kuwa Kane**
**29 Nyakanga**

a. Ni ikihe cyifuzo gikomeye Pawulo yari afitiye abizera? Abaroma 12:1; 1Abatesalonike 5:23.

---

"Nubwo ayo magambo yabwirwaga Abisirayeli ba kera, natwe ubwoko bw'Imana aratureba muri iki gihe. Kandi dukwiriye no kwita ku magambo y'intumwa aduhamagarira, kubwo imbabazi z'Imana, gutanga imibiri yacu ho "ibitambo bizima, byera, bishimwa n'Imana." Uko ni ko kwezwa nyakuri. Ntabwo ari ibyo ku rurimi gusa, amarangamutima, cyangwa amagambo, ahubwo ni ihame rizima, rigomba kuranga imibereho yacu ya buri munsi. Bisaba ko ingeso zacu mu mirire, iminywere, n'imyambarire biba ibyo kurinda imibiri yacu, intekerezo zacu, n'umutimanama by'ubuzima bwacu. Kugira ngo duhe Imana imibiri yacu itameze nk'ibitambo byononwe n'ingeso mbi, ahubwo ari 'ibitambo bizima byera bishimwa n'Imana.' " – *Imibereho Yejejwe,* p.27,28.

"Tugomba kwitangira umurimo w'Imana, kandi dukwiriye guharanira gutanga ituro ritunganye uko dushoboye kose. Ntabwo Imana izanezezwa n'ikintu icyo ari cyo cyose giciye munsi y'icyiza kuruta ibindi dushobora gutanga. Abakundisha Imana umutima wabo wose bazifuza kuyikorera umurimo mwiza uruta iyindi mu mibereho yabo, kandi bazahora bashaka guhuza imbaraga zabo zose n'amategeko azabashoboza gukora ibyo Imana ishaka." – *Abakurambere n'Abahanuzi,* p.352,353.

b. Igihe imbaga y'abantu yumvaga ikibwirizwa cya Petero ku munsi wa Pentekote, mbese ni iki cyabereye umutwaro imitima yabo? Ibyakozwe n'Intumwa 2:37,38.

---

---

"[Iyo mbaga y'abantu] biyumviye abigishwa batangaza ko ari Umwana w'Imana wari warabambwe. Abatambyi n'abakuru bahinze umushyitsi. Abantu bumvise batsinzwe kandi bagira umubabaro. "Abo bantu bumvise ibyo bibacumita mu mitima, nuko babaza Petero n'izindi ntumwa bati "Bagabo bene Data, mbese tugire dute?" Muri abo bari bateze intumwa amatwi harimo Abayuda bashikamye mu myizerere yabo. Imbaraga yari mu magambo y'uwavugaga yabemeje ko Yesu yari Mesiya koko....

"Petero yihanangirije abari banyuzwe n'amagambo ye ko bari baranze Kristo kubera ko bari barayobejwe n'abatambyi n'abakuru b'idini ya Kiyuda; kandi ko nibakomeza kugirwa inama n'abatambyi n'abakuru, kandi bagategereza kuzemera Kristo ari uko abatambyi n'abakuru babanje kumwemera, nta na rimwe bazigera bamwemera. Abo bantu bakomeye n'ubwo berekanaga ko ari abantu bazi Imana, bari buzuye umururumba w'ubutunzi bw'isi n'ibyubahiro. Ntibifuzaga gusanga Kristo kugira ngo bahabwe umucyo." – *Ibyakozwe n'Intumwa,* p.43,44.

## 5. GUSIGASIRA UKWITANGA KWAWE

**Kuwa Gatanu 30 Nyakanga**

a. Ni iki kitwemeza ko twiyeguriye Uwiteka mu buryo bwuzuye kandi ko dushobora kugira ishusho ya Kristo? Abafilipi 2:12,13.

---

"Ntabwo Imana igusaba gutinya ko itazasohoza amasezerano Yayo, ko kwihangana Kwayo kuzacogora cyangwa ngo impuhwe Zayo zishireho. Ahubwo utinye ko ubushake bwawe bubura kuyoborwa n'ubushake bwa Kristo, n'uko ibiranga imico yawe n'ibya karande wimenyereje bigenga imibereho yawe. "Imana niyo ibatera gukunda no gukora ibyo yishimira." Bityo rero, tinya ko ukwikunda kwawe kwakwitambika hagati y'umutima wawe n'umurimo w'Umutware ukomeye. Utinye ko kwikunda kwawe gushobora kurogoya umugambi ukomeye Imana ishaka gusohoreza muri wowe. Irinde kwiringira imbaraga zawe bwite, tinya kuvana ikiganza cyawe mu cya Kristo kandi utinye kugerageza kunyura mu nzira zo mu mibereho y'ubu buzima utari kumwe na We." – *Imigani ya Kristo,* p.161.

b. Ni gute gushikama mu kwizera no kwitangira amahame atunganye utizigamye bigomba gusigasirwa? Abagalatiya 2:20; Matayo 16:24,25.

---

---

"Abashaka kubona umugisha wo kwezwa bagomba kubanza kumenya icyo kwitanga bisobanuye. Umusaraba wa Kristo ni wo nkingi "ubwiza bw'iteka ryose bukomeye" bushamikiyeho." – *Ibyakozwe n'Intumwa,* p.560.

"Ntiwabasha guhindura umutima wawe, ntiwabasha kandi kwitera icyifuzo cyo gukunda Imana; ariko icyo ubasha cyo ni uguhitamo kuyikorera. Ushobora kuyegurira ubushake bwawe, kuko aribwo izagukoreramo kandi igasohoreza ubushake Bwayo muri wowe....

"Nukoresha neza ubushake bwawe, imibereho yawe izahinduka ukundi rwose. Iyo weguriye Kristo ubushake bwawe, uba wifatanyije n'ubutware burusha ubushobozi abatware bose n'abategetsi bose. Uzagira imbaraga ivuye mu ijuru yo kugukomeza, maze kandi uko uzajya wiyegurira Imana niko uzajya ubashishwa kugira ubugingo bushya, ariyo mibereho yo kwizera." — *Kugana Yesu,* p.47,48.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu 31 Nyakanga**

1. Ni ikihe kintu cya ngombwa kugirango tugere ku nsinzi mu rugamba duhanganyemo n'umwanzi w'ubugingo bwacu?
2. Mbese ni iyihe ntambara nyakuri igomba kurwanwa kugirango umwanzi aneshwe?
3. Ni iki twakwigira ku mpano ya Kristo kubw'agakiza kacu?
4. Ni uwuhe mugambi Imana ifitiye abizera haba mu by'umubiri no mu by'umwuka?
5. Ubushake bwacu nibuba buhuje n'ubushake bw'Imana, ni iyihe mibereho izaturanga buri munsi?

Ku Isabato, 08 Kanama 2026

**Icyigisho 6**

# Kwizera no Kwemera

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Nzabaha n'umutima mushya, mbashyiremo umwuka mushya, nzabakuramo umutima ukomeye nk'ibuye, mbashyiremo umutima woroshye." (Ezekiyeli 36:26).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Kugana Yesu,* igice cya 6, p.49 – 55.

"Ntiwashobora guhongerera ibyaha wakoze mu gihe cyahise; ntiwashobora guhindura umutima wawe no kuwuboneza ngo were. Ahubwo Imana yasezeranye ko izabigukorera byose binyuze muri Kristo." — *Kugana Yesu*, p.51.

## 1. IMBABAZI N'AMAHORO

**Kuwa Mbere 02 Kanama**

a. Ni irihe sezerano ry'Imana ry'agahebuzo ry'imbabazi n'amahoro? 1Yohana 1:9.

"Urabona ko imibereho yawe yuzuyemo ibyaha no kwikanyiza. Wifuza cyane kubabarirwa ngo ubonere, ukurwe mu bubata. Ariko se ukwiriye kugenza gute kugirango ubone gushyira hamwe n'Imana, use na Yo?

"Ukeneye kugira amahoro – amahoro y'ijuru, imbabazi mvajuru, n'urukundo mu mutima. Ibyo ntibigurwa amafaranga, ntibiboneshwa no kugira ubwenge, ntabwo wakwiringira kubyishyikiriza wowe ubwawe. Ariko Imana ishaka kubiguhera Ubuntu, "ari nta feza, ari nta biguzi." Yesaya 55:1. Byaba ibyawe, urambuye ukuboko ukabyakira." – *Kugana Yesu,* p.49.

b. Ni irihe sezerano rindi ry'ingenzi rihindura umuntu wese uko yakabaye agahinduka mushya kuburyo ashyira hamwe n'Imana? Ezekiyeli 36:26.

"Wamaze kwatura ibyaha byawe; umutima wawe urabizinukwa. Wahisemo kwiyegurira Imana. Noneho yisange, uyisabe kubikuhagira, iguhe umutima mushya. Maze wizere ko izabikora kuko yabisezeranye. Icyo nicyo cyigisho Yesu yigishije igihe yari ku isi. Impano Imana yadusezeraniye ko izaduha dukwiriye kwizera ko tuyihawe, kandi ko ari iyacu." — *Ibid.*, pp. 49,50.

## 2. UBUGINGO BUBONERWA MURI KRISTO

**Kuwa Kabiri**
**03 Kanama**

### a. Mbese ni iki Yesu yabwiye ikirema cyo ku kidendezi cy'i Betesida gukora, kandi ni iki twakwigira kuri ubu buhamya? Yohana 5:1 – 9.

---

"Nimutyo turebe igitekerezo cy'ikirema cy'i Betesida. Iyo mbabare ntiyagiraga shinge na rugero, yari amaze imyaka mirongo itatu n'umunani amugaye. Ariko Yesu aramutegeka ati: 'Byuka wikorere uburiri bwawe, ugende.' Uwo murwayi yashoboraga kuvuga ati: 'Mwami numara kunkiza, ndakora icyo uvuga.' Ariko siko yabigenje. Yizeye ijambo rya Kristo, yizera ko akijijwe, ashyiramo umuhati agerageza gutambuka, abona arabishoboye. Yashyize mu bikorwa ijambo rya Kristo, maze Imana imuha imbaraga. Yarakijijwe." – *Kugana Yesu,* p.50.

"Yesu ntiyigeze amuha ubwishingizi bw'uko Imana iri bumufashe. Uwo muntu byari kumushobokera gushidikanya maze akaba atakaje amahirwe rukumbi yari abonye yo gukira. Ahubwo yizeye ijambo Kristo amubwiye, maze abonera imbaraga mu kurikurikiza.

"Dushobora kwakira gukira mu by'umwuka binyuze mu kwizera nk'uko. Icyaha cyadutandukanyije n'ubugingo bw'Imana. Ubugingo bwacu bwaguye ikinya. Twebwe ubwacu nta bushobozi dufite bwo kubaho imibereho itunganye burengeje ubwo icyo kirema cyari gifite bwo kwigenza. Hariho benshi bazi uburyo batishoboye kandi bifuza imibereho y'iby'umwuka yo gutuma bahuza n'Imana; barushywa n'ubusa bahatanira kuyigeraho. Bataka bihebye bati, "Yemwe, mbonye ishyano! Ni nde wankiza uyu mubiri untera urupfu?" Abaroma 7:24. Bene abo bantu bihebye kandi bari mu ntambara nibararame barebe hejuru. Umukiza yubitse umutwe areba uwo yaguze amaraso Ye akamubwirana ineza n'impuhwe bitarondoreka agira ati, "Mbese urashaka gukira?" Aragutegeka ngo uhaguruke ufite ubuzima buzira umuze n'amahoro." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.203.

### b. Ni iki cyasezeraniwe umunyabyaha binyuze muri Kristo? 2Ngoma 7:14; Hoseya 14:4.

---

"Ntiwashobora guhongerera ibyaha wakoze mu gihe cyahise; ntiwashobora guhindura umutima wawe no kuwuboneza ngo were. Ariko Imana yasezeranye ko izabigukorera byose binyuze muri Kristo. Wizere iryo sezerano. Wature ibyaha byawe kandi wiyegurire Imana. Niwizera iryo sezerano; ukizera yuko ubabariwe kandi ko wejejwe – Imana izabigusohoreza. Uzasanga wakijijwe koko, nk'uko Kristo yahaye ikirema imbaraga zo kugenda kimaze kwizera. Nawe niko bizamera nta kabuza nubyizera.

"Ntukarindire kwiyumvamo ko wakijijwe, ahubwo uvuge uti: 'Ndizeye, niko biri, si uko mbyiyumvamo, ahubwo ni ukubera ko Imana ariyo yabisezeranye.' " – *Kugana Yesu*, p.51.

## 3. KWEMERERWA MURI YESU UKUNDWA

**Kuwa Gatatu**
**04 Kanama**

**a. Iyo Yesu yakiriwe nk'Umukiza, bigenda bite ku byaha byo mu gihe cyahise? Abaroma 3:24,25; 5:1,9,10.**

"Yesu yaravuze ati: 'Ibyo musaba byose mubishyizeho umutima mwizere yuko mubihawe, kandi muzabibona.' Mariko 11:24. Hariho igisabwa kugirango iryo sezerano risohore – ni ugusaba dukurikije ubushake bw'Imana. Ariko Imana irashaka kutwezaho ibyaha, kugirango itugire abana Bayo, kandi idushoboze kubaho imibereho yera. Kubw'ibyo rero dushobora gusaba iyo migisha kandi tukizera ko tuyihawe, maze tugashimira Imana ko tuyakiriye. Ni ihirwe ryacu gusanga Yesu kugirango atuboneze, tubone guhagarara imbere y'amategeko tudafite ipfunwe cyangwa ikimwaro." – *Kugana Yesu*, p.51.

**b. Ni iki gituma umwizera ahagarara imbere y'Imana? Abaroma 8:1.**

"Nubwo imibereho ya Gikristo izarangwa no kwicisha bugufi, ntikwiriye kubamo kwitangira itama, cyangwa kwitesha agaciro. Ni amahirwe ya buri wese kubaho mu buryo Imana yemera kandi igaha umugisha. Ntabwo ari ubushake bwa Data wo mu ijuru ko duhora dusa n'abaciriweho iteka kandi tubundikiwe n'umwijima. Nta gihamya cyo kwicisha bugufi nyakuri cyaba kiriho igihe umuntu agenda yubitse umutwe kandi afite umutima wuzuye ibitekerezo by'inarijye. Dukwiriye gusanga Yesu tukezwa, tugahagarara imbere y'amategeko tudafite ipfunwe n'ikimwaro." – *Intambara Ikomeye*, p.477.

"Iyo twiyeguriye Imana burundu kandi tukizera tumaramaje, amaraso ya Kristo atwezaho ibyaha byose. Umutimanama ushobora kubohorwa ku gucirwaho iteka. Kubwo kwizera amaraso ye, abantu bose bashobora gutunganyirizwa muri Kristo Yesu..... Ntabwo tugomba guhangayikishwa n'ibyo Kristo n'Imana badutekerezaho, ahubwo ibyo Imana itekereza kuri Kristo, Inshungu yacu. Mwemererwa muri Yesu Ukundwa." – *Ubutumwa Bwatoranyijwe,* vol 2, p.32,33.

**c. Ni iyihe mpinduka igomba kugirwa n'abantu bose binjiye muri iri sezerano ryo kugirana isano n'Imana? 1Petero 1:18,19; 1Abakorinto 6:19,20; Abagalatiya 3:26.**

"Kandi ntimuri abanyu ngo mwigenge, kuko mwaguzwe igiciro. [1Petero 1:18,19]. Binyuze muri iki gikorwa cyoroheje cyo kwizera Imana, nicyo cyatumye Umwuka Wera ashyira ubugingo bushya mu mutima wawe. Umeze nk'umwana wavukiye mu muryango w'Imana, kandi Imana igukunda nk'uko ikunda Umwana Wayo." – *Kugana Yesu,* p.51,52.

## 4. KUGENDANA NA KRISTO

**Kuwa Kane**
**05 Kanama**

**a. Mbese umwizera aba yitezweho kwitwara gute? Abakolosayi 2:6.**

---

"Noneho ubwo wiyeguriye Yesu, ntugasubire inyuma, ntukongere kumujya kure, ahubwo iminsi yose ujye uvuga uti: "Ndi uwa Kristo, naramwiyeguriye." Umusabe kuguha Umwuka We, akurindishe ubuntu Bwe. Nk'uko waheshejwe kuba Umwana w'Imana kubwo kuyiyegurira no kuyizera, abe ari nako uba muri Yo. Intumwa Pawulo yaravuze ati: "Nuko rero nk'uko mwakiriye Kristo Yesu Umwami wacu abe ari ko mugendera muri we." Abakolosayi 2:6.

"Bamwe bibwira ko bakwiriye kubanza kugeragezwa, no kugaragariza Uwiteka yuko bahindutse, ngo babone gushyikira umugisha. Ariko nta cyababuza kuwuhabwa ndetse n'ubu ngubu. Icyakora bakwiriye kugira ubuntu bw'Imana n'Umwuka wa Kristo, kugirango batabarwe mu ntege nke zabo, bitagenze bityo ntibashobora gutsinda ikibi. Yesu akunda ko tumusanga uko turi, turi abanyabyaha, tutagira kivurira, ntacyo twishingikirijeho. Dushobora kumusanga mu ntege nke zacu zose, mu bupfapfa bwacu bwose, n'ibicumuro byacu byose, maze tukikubita imbere y'ibirenge Bye tukihana. Anezezwa no kuduhoberesha amaboko Ye y'urukundo no kudupfuka inguma zacu, no kutwuhagira gukiranirwa kwacu kose." – *Kugana Yesu*, p.52.

**b. Mbese amakosa akozwe mu gihe cyo kwiga agenzwa ate? 1Yohana 2:1,2.**

---

"Reka gukeka ko amasezerano y'Imana atari ayawe. Ni ay'umunyabyaha wese wihana. Imbaraga n'ubuntu bibonerwa muri Kristo bihabwa buri muntu wese wizera bizanwe n'abamarayika bakorera abantu. Nta munyabyaha n'umwe nubwo yasayisha ate udashobora kubona imbaraga, ubutungane, no gukiranuka muri Yesu wadupfiriye. Ategereje kubambura imyambaro y'ibizinga yandujwe n'ibyaha, kugirango abambike imyambaro yera yo gukiranuka. Abingingira kubaho kugirango badapfa." — *Ibid.,* p.52,53.

**c. Sobanura uko dukomerezwa muri uru rugendo. 1Yohana 1:7; Abagalatiya 5:16,17,25.**

---

"Abagendera mu nzira z'ubwenge bagira ibyishimo bitavugwa nubwo baba bababazwa; kuko uwo bakunda abagenda iruhande batamureba. Ku ntambwe yose batera bazamuka bashobora kumva ikiganza Cye kibakoraho; kuri buri ntambwe batera, umucyo urabagirana w'ikuzo uturuka ku Itabonwa umurika mu nzira bacamo; maze indirimbo zabo zo guhimbaza zikarangururwa, zikazamukira gufatanya n'iz'abamarayika imbere y'intebe y'ubwami." – *Ibitekerezo byo ku Musozi w'Umugisha*, p.140.

## 5. URUKUNDO RWA DATA WA TWESE RWADUCUNGUYE

**Kuwa Gatanu**
**06 Kanama**

a. Ni ibiki bisabwa kugirango umuntu yemerwe n'Imana? Yesaya 55:7; 44:22.

---

"Imana ntitugenza nk'uko twebwe abantu bapfa tugiriran a. Ibitekerezo Byayo birangwa n'imbabazi, urukundo, n'ibambe rihebuje." – *Kugana Yesu,* p.53.

"Umuntu wese uzacyahwa n'Imana akicisha bugufi mu mutima we afite kwihana no kwatura nk'uko Dawidi yabigenje, akwiriye kumenya adashidikanya ko agifite ibyiringiro. Umuntu wese uzizera akemera amasezerano y'Imana, azababarirwa. Uwiteka ntazigera yirukana umuntu n'umwe wihana by'ukuri" – *Abakurambere n'Abahanuzi,* p.726.

b. Ni iyihe nyifato nyakuri ya Data wa twese wo mu ijuru agirira abantu bose bahabiye kure ye? Ezekiyeli 18:32; Luka 15:18 – 20.

---

"Satani yiteguye kutunyaga amasezerano meza y'Imana. Yifuza gukuraho buri kambi kose k'ibyiringiro na buri murasire w'umucyo urabagiranira mu mutima; ariko ntukamukundire ko agenza atyo. Ntugategera amatwi kumva umushukanyi avuga, ahubwo ujye uvuga uti: "Yesu yapfiriye kugirango mbone ubugingo, arankunda ntabwo ashaka ko ndimbuka...." Umugani w'umwana w'ikirara utubwira uko yakiriwe: [Luka 15:18 – 20].

"Ariko nubwo uwo mugani uteye imbabazi n'agahinda, ntubasha gushyikira ku gusobanura neza impuhwe za Data wa twese uri mu ijuru. Uwiteka yavugiye mu muhanuzi ati: 'Ni ukuri nagukunze urukundo ruhoraho, ni cyo cyatumye ngukuruza ineza nkakwiyegereza' Yeremiya 31:3. Umunyabyaha akiri kure y'urugo rwa Se, agapfusha ubusa umutungo we mu gihugu cya kure, umutima wa Se uramukumbura; urukumbuzi ruza mu mutima rumurehereza kugarukira Imana; nyamara burya Umwuka Wera ni we uba uri kwireherezaho uwo munyabyaha, amuhendahendera kugaruka, iyo mpabe akayegereza umutima wa Se wuje urukundo." – *Kugana Yesu,* p.53,54.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu**
**07 Kanama**

1. Ni iki cyinjira mu mutima w'uwababariwe ibyaha?
2. Ni ukubera iki ikirema cy'i Betesida cyahise gishobora kugenda ako kanya?
3. Igihe twakiriye Kristo nk'Umukiza wacu bwite, ni irihe sezerano rihita riba iryacu?
4. Ni irihe banga ryo kugendana na Kristo kutugeza ku nsinzi?
5. Sobanura itandukaniro riri hagati y'igomwa rya Satani n'urukundo rwa Data wa twese rwaducunguye.

Ku Isabato, 15 Kanama 2026

**Icyigisho 7**

# Igipimo cy'Ubuyoboke

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize. Dore byose biba bihindutse bishya." (2Abakorinto 5:17).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Kugana Yesu,* igice cya 7, p.57 – 65.

"Imico ntigaragazwa n'imirimo myiza cyangwa mibi dukora rimwe na rimwe, ahubwo igaragazwa n'amagambo twamenyereye kuvuga n'ibikorwa twamenyereye gukora." — *Kugana Yesu,* p.57,58.

## 1. UMURIMO W'UMWUKA WERA

**Kuwa Mbere**
**09 Kanama**

**a. Ni ikihe cyigisho Kristo yigishije mu gusobanura umurimo wo guhinduka? Yohana 3:5 – 8.**

"Umuntu abasha kudasobanura neza igihe n'aho byabereye, cyangwa ngo arondore uko byagenze mu guhinduka kwe; ariko ibi ntibivuze ko atahindutse..... Nubwo umuyaga utagaragara, ariko ubyara ibikorwa bigaragara kandi byumvikana. Ni ko umurimo w'Umwuka w'Imana umera ku mutima w'umuntu. Niwo mbaraga ihembura itabonwa n'ijisho ry'umuntu, ibyara ubugingo bushya mu mutima w'umuntu; ikarema umuntu bundi bushya mu ishusho y'Imana." — *Kugana Yesu*, p.57.

**b. Ni izihe mpinduka zizaboneka mu mibereho y'umuntu wihannye by'ukuri? Abaroma 12:9 – 18; 2Abakorinto 5:17.**

"Nubwo tudashobora kugira icyo dukora twebwe ubwacu kugirango duhindure imitima yacu cyangwa kwiyuzuza n'Imana; nubwo tudakwiriye kwiyiringira cyangwa gutega amakiriro ku mirimo yacu myiza, imibereho yacu izagaragaza niba ubuntu bw'Imana buri muri twe. Impinduka zizagaragarira mu mico, mu ngeso twamenyereye, no mu bidushishikaza. Guhabana kwabyo kuzagaragara rwose, tumenye uko byari biri mbere n'uko biri ubu.....

"Ni iby'ukuri ko hari ubwo twagira ingeso nziza zigaragarira amaso, zitazanywe n'imbaraga ihindura ya Kristo. Gukunda icyubahiro no gushaka kuratwa n'abandi, haba ubwo bibasha gutuma tugira ukubaho kuboneye. Kwiyubaha kwashobora gutuma umuntu yigengesera ngo adasa n'ukora ibibi. Haba n'ubwo umutima wikanyiza ukora ibikorwa by'ubugiraneza. None se ubwo bigenze bityo twabwirwa n'iki uruhande turimo?

"Umutima wacu ufitwe na nde? Ibitekerezo byacu byo se bifitwe na nde?" — *Ibid.,* p.57,58.

## 2. KUBA ICYAREMWE GISHYA

**Kuwa Kabiri**
**10 Kanama**

**a. Mbese abantu buzuye Umwuka ni izihe mbuto bera? Abagalatiya 5:22,23.**

---

"Abahinduka ibyaremwe bishya muri Kristo Yesu bazera imbuto z'Umwuka.... Iyo bangaga kera noneho babikunde, kandi ibyo bakundaga kera noneho abe aribyo banga. Uwirariraga akishyira imbere, noneho azaba umugwaneza wicisha bugufi mu mutima. Umupfapfa n'umunyagasuzuguro bahinduka abantu bitonda bacisha make. Abasinzi bahinduka abirinda ibisindisha, inzererezi zihinduka abantu baboneye. Imigenzo y'imburamumaro n'akamenyero k'ab'isi birekwe. Abakristo ntibazongera gushaka 'Umurimbo w'inyuma, uwo kuboha umusatsi cyangwa uwo kwambara izahabu cyangwa uwo gukānisha imyenda, ahubwo bazashaka uw'imbere uhishwe mu mutima, umurimbo utangirika w'umwuka ufite ubugwaneza n'amahoro.' 1Petero 3:3,4." — *Kugana Yesu*, p.58,59.

"Imbaraga ihindura y'Umwuka Wera niyo bugingo bwa Kristo mu mutima w'umuntu. Ntitwabona Kristo nta nubwo twavugana na We, keretse Umwuka We Wera uba uri iruhande rwacu ubera hose icyarimwe. Akorera muri buri wese wakira Kristo. Abantu batuwemo n'Umwuka bagaragaza imbuto z'Umwuka arizo: urukundo, ibyishimo, amahoro, kwihangana, kugira neza, ingeso nziza, no gukiranuka." — *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi,* vol. 6, p.1112.

**b. Ni iki kigaragaza kwihana nyakuri? Ezekiyeli 33:14,15.**

---

"Nta gihamya cy'uko umuntu yihannye by'ukuri keretse gusa iyo bimuteye guhinduka. Kwihana nyakuri gutera umuntu gutanga icyo yarahiriye, akagarura ibyo yibye, akihana ibyaha bye, agakunda Imana na bagenzi be, icyo gihe nibwo umunyabyaha aba avuye mu rupfu ageze mu bugingo.

"Iyo twebwe abayobye, b'inkozi z'ibibi dusanze Kristo, tukemera ubuntu Bwe bukiza, urukundo rutangira gushora imizi mu mitima yacu. Buri mutwaro wose uroroha, kuko umutwaro Kristo adukorera woroshye. Tunezezwa n'inshingano yacu ndetse tugashimishwa no kugira ibyo twigomwa. Inzira yahoze isa n'igoswe n'umwijima ihindurwa umucyo na Zuba ryo Gukiranuka.

"Imico y'igikundiro ya Kristo izagaragarira no mu bayoboke Be. Yanezezwaga no gukora ibyo Imana ishaka. Imbaraga yayoboraga imibereho y'Umukiza wacu yari urukundo yakundaga Imana, n'ishyaka yagiraga ryo kuyihesha icyubahiro. Urukundo nirwo rwatumaga ibyo yakoraga byose bibonera. Urukundo rukomoka ku Mana. Urukundo ntirushobora kuboneka mu mutima utariyeguriye Imana. Ruboneka mu mutima utuwemo na Yesu gusa. 'Turayikunda, kuko ariyo yabanje kudukunda.' 1Yohana 4:19. Iyo umutima uhinduwe mushya n'ubuntu bw'Imana, urukundo nirwo ruba ihame rigenga ibikorwa. Ruhindura ingeso, rutegeka amarangamutima, rukagenga ibyo umuntu ararikira, rucubya urwango, ahubwo rukaboneza ibyiyumvo. Urwo rukundo iyo ruhawe umwanya mu mutima, rugusha neza imibereho y'umuntu kandi rugatuma agira icyitegererezo kinogeye abamuzengurutse bose." — *Kugana Yesu,* p.59.

## 3. UBUYOBE BUBIRI

**Kuwa Gatatu**
**11 Kanama**

**a. Ni ubuhe buyobe kirimbuzi bukorwa na benshi mu bavuga ko ari Abakristo? Abafilipi 3:9; Abaroma 10:3; Yakobo 2:17.**

---

"Hariho ubuyobe bubiri abana b'Imana bakwiriye kwirinda – cyane cyane abatangiye vuba kwiringira ubuntu Bwayo. Ubuyobe bumwe bwamaze kuvugwa; ni ukwiringira imirimo yabo bwite, bakiringira ko hari icyo bashobora kwikorera cyatuma bashyira hamwe n'Imana. Umuntu ugerageza kugera ku kwera kubw'imirimo ye akora yo gukomeza amategeko, ari kugerageza ibidashoboka. Icyo umuntu yakora cyose adafite Kristo cyakwanduzwa no kwikanyiza n'ibyaha. Ubuntu bwa Kristo gusa nibwo bushobora kutuboneza binyuze mu kwizera.

"Ubuyobe bwa kabiri ntaho buhuriye n'ubwo. Ni ukwibwira ko iyo umuntu yizeye Kristo bimukuraho gukomeza amategeko y'Imana; ngo kwizera konyine niko gutuma duhabwa ubuntu bwa Kristo, naho imirimo yacu ntacyo yatumarira mu gucungurwa kwacu." — *Kugana Yesu*, p.59,60.

**b. Ni gute isezerano rishya rihamya ko ubuntu bwa Kristo butaduha uburenganzira bwo kureka kumvira amategeko y'Imana? Abaheburayo 8:10; 10:16.**

---

"Amategeko y'Imana agaragaza kamere Yayo; niyo shingiro ry'ihame rikomeye ry'urukundo, nicyo gituma ariyo rufatiro rw'ingoma Yayo mu ijuru no mu isi. Iyo imitima yacu ivugururiwe kugira ishusho y'Imana, kandi iyo urukundo Rwayo rwashoye imizi mu mitima yacu, none se twabuzwa n'iki gusohoreza amategeko y'Imana mu mibereho? Iyo ihame ry'urukundo rimaze gushora imizi mu mutima, iyo umuntu amaze guhinduka mushya akagira ishusho y'Iyamuremye, nibwo ibyasezeranywe by'isezerano rishya bisohora [Abaheburayo 10:16]. Mbese amategeko abaye yanditswe mu mutima, yabuzwa n'iki guhindura ubugingo? Kumvira – ari ko gusohoza umurimo w'urukundo; ni ikimenyetso cy'ukuri cy'ubuyoboke." — *Kugana Yesu*, p.60.

"Muri iki gihe Imana idusaba icyo yasabaga Adamu na Eva muri Edeni, aricyo: kumvira gutunganye ibyo ishaka. Amategeko Yayo ntahinduka mu bihe byose. Urugero ruhanitse rwo gukiranuka rwagaragajwe mu Isezerano rya Kera, ntabwo ruri munsi y'urwo mu Isezerano Rishya. Umurimo w'ubutumwa bwiza si uwo gupfobya ibivugwa n'amategeko yera y'Imana, ahubwo ni uwo gushyira abantu aho bashobora kubahiriza ibyo avuga.

"Ntabwo benshi berekana kwizera Kristo kubasha gukiza imitima. Baravuga bati: "Mwizere, mwizere gusa Kristo, murakizwa. Nicyo kintu mugomba gukora. Nyamara kwizera nyakuri kwiringira byimazeyo ko Kristo ariwe utanga agakiza, niko kuzerekeza umuntu ku kumvira amategeko y'Imana mu buryo buboneye." – *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya,* vol 6, p.1073.

**a. Ni iki cyitezwe ku baragwa b'ubugingo buhoraho? 1Yohana 5:2,3; 1Abakorinto 7:19.**

---

---

"Iyo wiyeguriye [Kristo] kandi ukamwakira nk'Umukiza wawe, azaguhindura umukiranutsi nubwo waba waragize imibereho yuzuyemo ibyaha byinshi. Imico ya Kristo ibarwa mu kigwi cy'imico yawe, noneho Imana ikakwemera nk'aho utigeze ukora icyaha.

"Ikirutaho kandi ni uko Kristo ahindura umutima. Aba mu mutima wawe kubwo kwizera. Ukwiriye guhora ugirana umushyikirano na Kristo kubwo kwizera, no kujya umwegurira umutima wawe iminsi yose, kandi nugenza utyo azajya agutera gukora ibihuye n'ubushake Bwe. Nibwo uzabasha kuvuga uti: 'Ibyo nkora byose nkiriho mu mubiri, mbikoreshwa no kwizera Umwana w'Imana wankunze akanyitangira.' Abagalatiya 2:20.Yesu yabwiye abigishwa Be ati: 'Kuko atari mwe muzaba muvuga, ahubwo ari Umwuka wa So uzabavugisha.' Matayo 10:20. None uko Kristo azajya akorera muri wowe, uzagaragaza umwuka nk'uwe kandi ukore imirimo myiza nk'iye – ariyo mirimo yo gukiranuka no kumvira.

"Ubwo rero ntacyo dufite muri twe twakwiratana. Nta mpamvu dufite yo kwishyira hejuru. Icyo dufite gusa cyo kwiringirwa ni ugukiranuka kwa Kristo tubarwaho, ndetse n'uko duhabwa n'Umwuka We udukoreramo." – *Kugana Yesu*, p.62,63.

**b. Nubwo Uwiteka yahaye abantu bose amahirwe yo kubona agakiza, ni ukubera iki bamwe bayoba inzira? Abefeso 2:8,9; Ibyakozwe n'Intumwa 4:12; Abaroma 9:30 – 33.**

---

"Kwizera, ukwizera gusa niko kutugira abasangiye ubuntu bwa Kristo, kukadushoboza kumvira aho kugirango kubuze umuntu kumvira....

"Kwizera Kristo by'urumamo gusa gukura abantu ku kumvira Imana, si ukwizera ahubwo ni ukwishuka. 'Mwakijijwe n'ubuntu kubwo kwizera' kandi 'kwizera kutagira imirimo kuba gupfuye.' Abefeso 2:8; Yakobo 2:17. Yesu ataraza mu isi yarivugiye ati: 'Mana yanjye nishimira gukora ibyo ukunda, ni koko amategeko yawe ari mu mutima wanjye.' Zaburi 40:8. Kandi agiye gusubira mu ijuru yaravuze ati: 'Nitondeye amategeko ya Data nguma mu rukundo rwe.' Yohana 15:10. Ibyanditswe biravuga biti: 'Iki ni cyo kitumenyesha yuko tumuzi, ni uko twitondera amategeko ye.... kuko uvuga ko ahora muri we akwiriye na we kugenda nk'uko yagendaga.' 1Yohana 2:3 – 6. 'Kandi ibyo nibyo mwahamagariwe, kuko na Kristo yababababarijwe akabasigira icyitegererezo, kugira ngo mugere ikirenge mu cye.' 1Petero 2:21." — *Ibid.*, p.60 – 62.

## 5. KUBESHWAHO NO KWIZERA

**Kuwa Gatanu**
**13 Kanama**

a. **Ni gute Pawulo yabayeho imibereho irangwaho no kunesha? 1Abakorinto 15:30,31.**

---

"Ukwiriye guhora ugirana umushyikirano na Kristo kubwo kwizera, kujya umwegurira ubushake bwawe iminsi yose; kandi nugenza utyo azajya agutera gukora ibihuye n'ubushake bwe n'ibimunezeza." – *Kugana Yesu,* p.62,63.

"Mu bumuntu Bwe, Kristo yari afite imico itunganye, kandi yiyemeje kuyiduha. "Ibyo twakiranutse byose bimeze nk'ubushwambagara." (Yesaya 64:6). Ikintu cyose dushobora gukora ubwacu cyandujwe n'icyaha. Ariko Umwana w'Imana "yerekaniwe gukuraho ibyaha byacu, kandi nta cyaha kimurimo." ….. Kristo yumviraga ikintu cyose amategeko asaba. Ubwe yarivugiye ati: "Mana yanjye, nishimira gukora ibyo ukunda, amategeko yawe ari mu mutima wanjye." Zaburi 40:8…. Kumvira Kwe kutagira amakemwa kwatumye bishobokera buri muntu wese kumvira amategeko y'Imana. Iyo twiyeguriye Kristo, umutima womatana n'uwe, ibyo dushaka bihuzwa n'ibyo ashaka, ubwenge bukaba bumwe n'ubwe, agafata mpiri ibyo dutekereza; bityo tukagira imibereho nk'iye. Uko niko kwambara umwambaro wo gukiranuka Kwe." – *Imigani ya Kristo,* p.311,312.

b. **Mbese Umunyezaburi yerekanye ko anezezwa n'iki mu buzima bwe? Zaburi 119:97.**

---

"Igihe tuganiriye ibyo kwizera, hariho itandukaniro dukwiriye kuzirikana mu ntekerezo. Habaho kwizera kutagira aho guhuriye n'ukwizera nyakuri. Kwizera ko Imana ibaho kandi ko ifite imbaraga, no kwizera ko ijambo Ryayo ari ukuri, ntawe ubihakana ndetse na Satani n'ingabo ze ntibashobora kubihakana. Bibiliya ivuga ko 'abadayimoni na bo babyizera bagahinda imishyitsi.' Yakobo 2:19. Ariko ibyo si ukwizera nyakuri. Ahubwo kwizera nyakuri ni ukwizera ijambo ry'Imana, kwegurira Imana ubushake bwawe, ukayerekezaho umutima wawe, kandi ukayikunda. Ukwizera nyakuri gukorera mu rukundo kandi kukeza ubugingo. Kwizera nk'uko niko guhindura umutima mushya, ukagira ishusho y'Imana." – *Kugana Yesu*, p.63.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu**
**14 Kanama**

1. **Sobanura igihamya cyerekana ko umuntu yahindutse.**
2. **Ni irihe tandukaniro riri hagati y'umuntu wa kera n'umuntu mushya?**
3. **Sobanura ubuyobe bubiri bugomba kwirindwa mu mibereho yacu y'iby'umwuka?**
4. **Igihe tubeshejweho n'ubuntu, mbese kumvira kugira uwuhe mwanya?**
5. **Ni ibihe bitekerezo, ibyifuzo, n'imigambi bihabwa umwanya igihe Kristo atuye mu mutima?**

Ku Isabato, 22 Kanama 2026

**Icyigisho 8**

# Gukurira muri Kristo

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Yantumye no gushyiriraho itegeko ab'i Siyoni barira, ryo kubaha ikamba mu cyimbo cy'ivu, n'amavuta yo kunezerwa mu cyimbo cy'ubwirabure, n'umwambaro w'ibyishimo mu cyimbo cy'umutima wihebye, kugira ngo bahereko bitwe ibiti byo gukiranuka byatewe n'Uwiteka ngo bimuheshe icyubahiro." (Yesaya 61:3).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Kugana Yesu,* igice cya 8, p.67 – 75.

"Nk'uko ishami ryishingikiriza ku giti kugirango rikure kandi ryere imbuto, niko namwe mugomba kwishingikiriza kuri Kristo kugirango mubeho imibereho yera." — *Kugana Yesu,* p.69.

## 1. IBITUMA HABAHO GUKURA

**Kuwa Mbere**
**16 Kanama**

a. Ni gute Ibyanditswe bisobanura imikurire ya Gikristo? Yesaya 61:3; 1Petero 2:2; Abefeso 4:14,15; Mariko 4:26,27.

"Nubwo umuntu yagira ubwenge bwahe n'ubuhanga, ntiyabasha kurema akantu na kanzinya gafite ubugingo. Ubugingo Imana yatanze nibwo bwonyine buha ikimera cyangwa inyamaswa kubaho. Uko ni nako rero ubugingo bukomoka ku Mana bubyarira mu mitima y'abantu ubuzima bw'iby'umwuka." – *Kugana Yesu*, p.67.

b. Ni iki gisobanura uburyo twishingikiriza kuri Kristo kugirango dukure kandi tugere ku iterambere? Hoseya 14:5 – 7; 1Abakorinto 3:6,7.

"Kubw'impano itagira akagero y'Umwana Wayo, Imana yazengurukije isi imbabazi nk'uko izengurutswe n'umwuka. Abantu bose bahitamo guhumeka uwo mwuka utanga ubugingo bazabaho kandi bakurire gushyikira igihagararo cy'abagabo n'abagore muri Kristo Yesu.

"Nk'uko ururabo rwerekera izuba, kugirango imirasire yaryo irufashe kuba rwiza no gutungana, niko dukwiriye kwerekera Zuba ryo Gukiranuka kugirango umucyo wo mu ijuru utumurikire, bityo imico yacu ishobore gukurira mu gusa na Kristo." — *Ibid.,* p.68.

## 2. IMIMERERE YACU ITAGIRA GIFASHA

**Kuwa Kabiri**
**17 Kanama**

a. Ni iyihe ngingo y'ingenzi Umwami wacu yashishikarije abigishwa Be mbere yuko asoza umurimo We wo ku isi? Yohana 15:4 - 7.

---

"Benshi bibwira ko hari uruhare runaka bakwiriye kwikorera ubwabo. Bari biringiye Kristo kugirango bababarirwe ibyaha, ariko bagakubitiraho kugerageza ubwabo gushyiraho imihati yo kubaho imibereho iboneye. Nyamara buri muntu wese ugenza utyo ntiyabura kunanirwa. Yesu aravuga ati: 'Ntacyo mubasha gukora mutamfite.' Ibyacu byose: ari ugukurira mu buntu, cyangwa umunezero wacu, cyangwa akamaro kacu, byose uko bingana tubikesha kubana na Kristo. Igituma dukurira mu buntu ni ugusabana na Yesu buri munsi na buri saha, no kuguma muri We. Ni we Banze ryo kwizera kwacu kandi ni we ugusohoza rwose. Kristo ni we Tangiriro kandi ni we Herezo, ni we uhoraho iteka. Akwiriye kubana natwe atari mu itangira ry'urugendo gusa, cyangwa mu iherezo ryarwo gusa, ahubwo tumukeneye kuri buri ntambwe yose." — *Kugana Yesu*, p.69.

"Niba ushaka kwigira mu ishuri rya Kristo ubugwaneza no kwiyoroshya mu mutima, nta kabuza azaguha uburuhukiro n'amahoro. Ni urugamba ruteye ubwoba kureka ubushake bwawe n'imigirire yawe bwite. Ariko niwiga iki cyigisho uzabona uburuhukiro n'amahoro. Ubwibone, kwikanyiza, no kurarikira, bigomba gutsindwa; ubushake bwawe bukazimirira mu bushake bwa Kristo. Imibereho yose uko yakabaye ikwiriye kurangwa n'ubwitange bukoranywe urukundo, buri gikorwa kigakoranwa urukundo, buri kiganiro kikarangwamo urukundo. Nk'uko umuzabibu ukenera icyo wuriraho, ukishingikiriza ku giti uhereye hasi ukageza hejuru, niko ubuntu n'urukundo bya Kristo bigurumanira mu mutima, bikawusabamo, bikohereza imbaraga yabyo ibeshaho muri buri rugingo rw'umubiri, kandi bigakoresha umubiri n'intekerezo." – *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi,* vol. 5, pp. 1091,1092.

b. Ni irihe banga riri mu gukurira muri Kristo? Abakolosayi 2:6; Abaheburayo 10:38.

---

"Mwiyegurire Imana mube Abayo rwose, kugirango muyikorere kandi muyumvire, kuko Kristo mwamugize Umukiza wanyu. Mwebwe ubwanyu ntimwashobora guhongerera ibyaha byanyu cyangwa guhindura imitima yanyu; ariko noneho ubwo mwiyeguriye Imana, mwizera yuko yabibakoreye kubwa Yesu Kristo. Kwizera niko kwabahesheje kuba abantu ba Kristo, kandi kwizera niko gutuma mukurira muri We. Mukwiriye gutanga byose – aribyo mutima wanyu, ubwenge bwanyu, n'ubushake bwanyu; mukitangira kuyumvira mu byo ibasaba byose, maze kandi mukwiriye no kwakira Kristo, Nyir'imigisha yose, ngo agume mu mitima yanyu, abe imbaraga zanyu, abe no gukiranuka kwanyu, n'umufasha wanyu iteka, kugirango abahe imbaraga yo kumwumvira." – *Kugana Yesu*, p.69,70.

## 3. KWIYEGURIRA IMANA BURI MUNSI

**Kuwa Gatatu**
**18 Kanama**

### a. Ni iyihe nshingano y'ibanze abana b'Imana bafite buri uko batangiye umunsi? Zaburi 5:3.

---

"Mujye mwiyegurira Imana uko bukeye; abe aribyo mugira nyambere buri gitondo mutaragira ikintu mukora. Mujye musenga muti: 'Mwami, nyakira ungire uwawe rwose. Imigambi yanjye yose nyirambitse ku birenge byawe. Unkoreshe umurimo wawe uyu munsi. Ungumane, kandi imirimo yanjye yose nyikorane nawe.' Uko niko mukwiriye kugenza uko bukeye. Buri gitondo mujye mwiyegurira Imana kubw'uwo munsi. Muyegurire imigambi yanyu yose, muyishyire imbere yayo kugirango abe ariyo iyisohoza cyangwa se wenda iyireke. Ni muri ubwo buryo mushobora gushyira imibereho yanyu mu biganza by'Imana buri munsi, bityo imibereho yanyu igasa n'imibereho ya Kristo." – *Kugana Yesu,* p.70.

### b. Ni irihe rarika Kristo atanga buri munsi? Matayo 11:28,29.

---

"Kuba muri Kristo bihesha umuntu kugira imibereho y'ihumure. Ahari nta binezaneza by'ibyiyumvo bishobora kuharangwa, ariko haba ibyiringiro birangwamo amahoro atagira impinduka. Ibyiringiro byanyu ntibiri muri mwebwe ubwanyu, ahubwo biri muri Kristo. Mureke intege nke zanyu zifatanye n'imbaraga Ze, ubujiji bwanyu bufatanye n'ubwenge Bwe, ugucogora kwanyu gufatanye n'ukwihangana Kwe. Nicyo gituma mudakwiriye kwihangaho amaso, intekerezo zanyu ntizikwiriye kwerekeza kuri mwebwe ubwanyu, ahubwo muhange amaso Kristo. Mujye muhora mutekereza ku rukundo Rwe, ubwiza Bwe, ubutungane Bwe, n'imico Ye. Imitima yanyu ikomeze kuzirikana uburyo Kristo yigomwe, uko yicishije bugufi, ubutungane Bwe no kwera Kwe, ndetse n'urukundo Rwe rutagira akagero. Kumukunda, kumwigiraho, kumutegaho amakiriro, nibyo bikwiriye kuduhindurira gusa na We." — *Ibid.,* p.70,71.

### c. Ni iki gituma umuntu agira amahoro yo mu mutima? Yesaya 26:3,4 ; 30:15.

---

"Abantu bategera Kristo ku magambo yivugiye ubwe, bakamwegurira ubugingo bwabo ngo abe ari we uburinda kandi imibereho yabo bakayegurira kumvira amabwiriza Ye, bazagira amahoro n'ituze. Nta kintu na kimwe cyo ku isi gishobora kubababaza igihe we abanezeresheje kubana na bo. Mu kumwemera by'ukuri harimo uburuhukiro bushyitse.... Ubuzima bwacu bushobora kumera nk'ubugoswe n'inzitane y'ibibazo, nyamara nitwiyegurira byimazeyo Umutware w'abakozi bose, imibereho yacu azayihinduramo imibereho y'icyitegererezo n'imico yo kumuhesha icyubahiro.

"Iyo twinjiye mu buruhukiro binyuze muri Kristo, ubwo ijuru tuba turitangiriye hano ku isi. Twitaba irarika Rye riturarikira kumusanga ngo tumwigireho maze mu kumusanga tukaba dutangiye ubugingo buhoraho." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.331.

## 4. KUMUGUMISHAHO IBITEKEREZO BIDUFASHA GUHINDUKA

**Kuwa Kane**
**19 Kanama**

a. Ni uwuhe musaruro uturuka mu kureka intekerezo zikaguma kuri Yesu mu cyimbo cyo kuziyerekezaho twebwe ubwacu? 2Abakorinto 3:18.

---

"Nidukomeza kurebesha Kristo amaso yo kwizera, tuzarushaho gukomezwa. Imana izereka ibikomeye abantu Bayo bafite inzara n'inyota. Bazabona neza ko Kristo ari Umukiza wabo. Uko bakomeza kugaburirwa n'ijambo Rye, barushaho kubona ko ritanga umwuka n'ubugingo. Ijambo Rye risenya iby'isi n'ibya kamere yayo, maze rigatanga ubugingo bushya muri Kristo Yesu. Umwuka Wera aza mu mutima ari Umuhumuriza. Binyuze mu mbaraga ihindura y'ubuntu Bwe, ishusho y'Imana yigaragariza mu bayoboke Bayo; maze bagahinduka ibyaremwe bishya. Ahari urwango hajya urukundo, maze umutima ukakira ubwiza bw'ijuru." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.391.

"Iyo umutima witekerejeho ubwawo, uva kuri Kristo, kandi ariwe soko y'imbaraga n'ubugingo. Nicyo gituma Satani adahwema kugerageza guhuza ibitekerezo byacu kugirango abikure ku Mukiza bityo atubuze gushyikirana na Kristo no gusabana na We. Ibinezeza by'isi, kwiganyira iby'ubu bugingo, guhangayika n'ishavu, ibicumuro by'abandi n'ibicumuro byanyu, ibyo nibyo Satani azajya agerageza gukoresha kugirango yigarurire imitima yanyu. Ntimukayobywe n'amayeri ye. Hariho benshi batari indyarya, bifuza kubana n'Imana, bene abo Satani ahora ashaka uburyo yaberekeza ku gutekereza ku makosa yabo n'intege nke zabo, yiringiye ko nabasha kubatandukanya na Kristo atazabura kugera ku nsinzi. Ntidukwiriye gutwarwa n'inarijye n'ubwoba, kuko bidutera gushidikanya ko tutazakizwa. Ibyo byose bikura imitima yacu kuri Soko y'imbaraga zacu. Umutima wawe uwugumishe ku Mana kandi uyiringire. Mujye muganira Yesu kandi abe ariwe mutekereza. Ibye abe aribyo bibatwara umutima." – *Kugana Yesu,* p.71,72.

b. Ni iki twakwigira ku mpinduka yabaye ku bigishwa nyuma yo kubana na Kristo mu murimo w'ivugabutumwa wa buri munsi? Ibyakozwe n'Intumwa 4:13.

---

"Kandi iyo tugumye kwitegereza [Yesu], 'duhindurirwa gusa na We, tugabahwa ubwiza buruta ubundi kuba bwiza nk'ubw'Umwami w'Umwuka.' 2Abakorinto 3:18.

"Uko niko abigishwa ba mbere bahawe gusa n'Umukiza bakundaga cyane. Abo bigishwa bamaze kumva amagambo ya Yesu, basobanukiwe uko bamukeneye. Baramushatse, baramubona, maze baramukurikira. Bahoranaga na We mu nzu, bagasangira, bababaga bari kumwe na We ahihereye no mu gasozi [ari kumwe n'abantu benshi]. Babanaga na We nk'uko abanyeshuri babana n'umwarimu wabo, bakakira ibyigisho bivuga ukuri kwera byaturukaga mu kanwa Ke buri munsi. Bamuhangaga amaso nk'uko abagaragu bayahoza kuri shebuja, bakamwigiraho icyo bakwiriye gukora. Abo bigishwa 'bari abantu bameze nka twe' Yakobo 5:17. Bahoraga ku rugamba barwanya icyaha. Bari bakeneye kugirirwa ubuntu nk'uko natwe tubikeneye, kugirango bagire imibereho yera." — *Ibid.,* p.72,73.

## 5. ISEZERANO TWASIGIWE

**Kuwa Gatanu**
**20 Kanama**

a. Ni irihe sezerano ry'agahebuzo Yesu yasigiye abayoboke Be bari guhangana n'ibizazane by'ab'isi b'abanyamahane? Matayo 28:20.

---

---

"Igihe Yesu yajyaga mu ijuru, abayoboke Be basigaye bameze nk'aho ari kumwe na bo. Bari basigaranye ingeso Ze zuzuye umucyo n'urukundo. Yesu, wa Mukiza wahoraga agendana na bo bakaganira, bagasengana, wari warabahumurije, akabakomeza imitima, mu gihe ubutumwa bw'amahoro bwari bukiri ku minwa Ye, yari agiye kubakurwamo ngo ajyanwe mu ijuru, ubwo abamarayika bamwakiraga yaravuze ati: 'Dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi.' Matayo 28:20." – *Kugana Yesu,* p.73,74.

b. Ni iyihe mpuguro y'ingirakamaro Yesu yasigiye abigishwa Be kugirango bamenye icyo gukora mu gihe bari kuba bamukeneye? Yohana 16:23,24; 14:16 – 18.

---

"Ubwo bari bateraniye hamwe Yesu amaze kuzamurwa mu ijuru, bari bafite umwete wo gusaba Data wa twese mu izina Rye..... Ukuboko kwabo ko kwizera bagutungaga ku ijuru bagira bati: 'Kristo Yesu ni we wadupfiriye, ikirutaho yarazutse, ari iburyo bw'Imana aradusabira.' Abaroma 8:34. Kandi Pantekote yabazaniye Umufasha, uwo Yesu yari yaravuzeho ati: 'Azabana namwe.' Na none kandi yaravuze ati: 'Ikizagira icyo kibamarira ari uko ngenda, kuko nintagenda Umufasha atazaza aho muri, ariko ningenda nzamubohereza.' Yohana 14:17; 16:7. Uhereye ubwo Kristo yari agiye kugumya kuba mu mitima y'abana Be mu buryo bw'Umwuka Wera. Uko bari bameze igihe babanaga n'Umwuka Wera, byarushaga uko bari bameze igihe babanaga na Yesu. Umucyo n'urukundo n'imbaraga bya Kristo byarabagiraniraga muri bo, ndetse byatumaga abantu batangara 'bakibuka ko babanye na Yesu.' Ibyakozwe n'Intumwa 4:13." — *Ibid.,* p.74,75.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu**
**21 Kanama**

1. Niba dukura nk'uko igihingwa gikura, ni ukubera iki dukeneye ubufasha buturutse mu ijuru?
2. Nk'uko ibimera bikenera imvura kugirango bikure, twebwe se dukeneye iki kugirango dukurire mu Mwuka?
3. Ni iki gituma kwiyegurira Imana buri munsi biba ingirakamaro kuri twe buri muntu ku giti cye?
4. Ni ukubera iki Imana idusaba kwiyambura inarijye ahubwo tugahora dutekereza kuri Yesu?
5. Ni irihe sezerano rigomba kuba impamo mu mibereho ya buri munsi ya buri mwizera?

Ku Isabato, 29 Kanama 2026 **Icyigisho 9**

# Imirimo n'Ubugingo

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Icyakora abamwemeye bose bakizera izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana." (Yohana 1:12).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Kugana Yesu,* igice cya 9, p.77 – 83.

"Umwuka wa Kristo w'urukundo rwitangira abandi, niwo mwuka uranga ab'ijuru kandi uwo niwo munezero wabo. Uwo niwo mwuka abayoboke ba Kristo bazagira, niwo murimo bazakora." — *Kugana Yesu*, p.77.

## 1. UBUGINGO N'UMUCYO

**Kuwa Mbere 23 Kanama**

**a. Ni iki kitamenywa n'umutima wa kamere, kandi se ingaruka iba iyihe? Yohana 1:4,5.**

---

"Imana niyo sōko y'ubugingo n'umucyo n'umunezero by'ibyaremwe byose. Umugisha uturuka kuri Yo ugera kubyo yaremye byose nk'uko amazi adudubiza ava mu isōko, cyangwa nk'uko imirasire y'umucyo ituruka ku zuba. Kandi iyo ubugingo bw'Imana buri mu mitima y'abantu, akabwo ntikiburira, bubabera amendeze yo gukunda abandi no kubahesha umugisha." – *Kugana Yesu*, p.77.

**b. Igihe urukundo rwa Kristo ruhawe umwanya mu mutima, mbese ni iki kizagaragarira mu mibereho? 2Abakorinto 2:14,15; 5:14.**

---

"Iyo urukundo rwa Kristo rwagize umwanya mu mutima w'umuntu, nta wabasha kuruhisha, ni nk'uko umuntu wisīze umubavu atabasha kuwuzimanganya ngo abandi batabimenya. Imbaraga yarwo yera ihindura izagera no ku bandi bantu bose azahura na bo. Urukundo rwa Kristo iyo ruri mu mutima w'umuntu, rumera nk'isōko y'amazi idudubiriza mu butayu igahembura ibiyizengurutse byose. Urwo rukundo nirwo rukiza abagiye kurimbuka, rukabatera gushaka kunywa amazi y'ubugingo." — *Ibid.*, p.77.

"Nimureke ab'isi babone ko tudahugiye mu byo twishakiye, ahubwo ko dushaka yuko abandi na bo babona ku migisha n'amahirwe twabonye. Nimureke babone ko idini ryacu ritatugira abadafite impuhwe cyangwa abahutiraho. Nimureke abantu bose bavuga ko babonye Kristo, bakore nk'uko yakoraga kugirango babere abandi ingirakamaro." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.152.

## 2. ABASANGIYE UBUNTU

**Kuwa Kabiri**
**24 Kanama**

a. Iyo twakiriye Yesu nk'Umukiza wacu, ni ubuhe bukene atumara? Yohana 1:12,13; 1Abakorinto 1:4,5; Abaroma 5:1,2.

---

---

"Abasangiye ubuntu bwa Kristo baba biteguye kugira ubwitange ubwo aribwo bwose, kugirango abandi bantu Kristo yapfiriye bashobore kugezwaho impano y'ijuru. Bazakora ibyo bashoboye byose kugirango isi batuyemo irusheho kuba nziza. Uyu mwuka niwo uranga umutima wahindutse by'ukuri. Umuntu ucyiyegurira Kristo, uwo mwanya yumva ashaka kumenyesha abandi iyo nshuti ye ihebuje izindi zose. Ntabona uko ahisha mu mutima we uko kuri gukiza kandi kweza. Turamutse twambaye gukiranuka kwa Kristo, tukuzuzwa umunezero n'amahoro by'Umwuka Wera utubamo, ntibyadushobokera ko duceceka. Niba twarasogongeye kandi tukabona ko Uwiteka agira neza, nibwo tugira icyo tubwira abandi. Nk'uko byagendekeye Filipo ubwo yabonaga Umukiza, niko natwe tuzararikira abandi gusanga Yesu." – *Kugana Yesu,* p.78.

b. Igihe tugoswe n'ibibazo n'ibirushya, ni iyihe nama duhabwa n'intumwa Pawulo? Abaheburayo 4:16.

---

"Yesu azi ibyo abana Be bakeneye, kandi akunda kumva amasengesho yabo. Nimureke abana bagendere kure iby'isi ndetse n'ikintu cyose gishobora gukurura intekerezo zabo kikaziteshura ku Mana. Mureke kandi bajye bumva ko bihereranye n'Imana bari bonyine, kandi ko amaso Yayo areba imbere mu mutima agasoma icyifuzo cy'imbere mu bugingo, ndetse ko bashobora kuvugana n'Imana." — *Abahungu n'Abakobwa b'Imana,* p.121.

c. Igihe tubaye abana b'Imana, ni irihe deni tuba tubereyemo abandi? Abaroma 1:14,15.

---

"Ni mu buhe buryo Pawulo yari arimo ideni Abayuda n'Abagiriki? Nk'uko bimeze kuri buri mwigishwa wese wa Kristo, Pawulo yari yarahawe uyu murimo: 'Nuko mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa, mubabatiza mu izina rya Data wa twese n'Umwana n'Umwuka Wera, mubigisha kwitondera ibyo nababwiye byose. Kandi dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi.' Mu kwakira Kristo, Pawulo yari yemeye uwo murimo. Yasobanukiwe ko ahawe inshingano yo gukorera abantu bo mu nzego zose: Abayuda n'Abanyamahanga, abize n'abatarize, abari mu myanya yo hejuru n'aboroheje mu by'ubu buzima." — *Ellen G.White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi,* vol. 6, p.1067.

## 3. IMBUTO YO GUHINDUKA

**Kuwa Gatatu**
**25 Kanama**

**a. Iyo Umwuka Wera ari mu mitima yacu, ni iki duhita tubanza gukora? Yohana 1:41,42.**

---

---

"Dukwiriye gushaka uko twakwerekeza ibitekerezo by'abandi kuri Kristo tukagerageza uko dushoboye kose kubareshya ngo babone gutega amakiriro ku byiza bya Kristo bitazashira byo mu isi izaza. Dukwiriye kumaramaza dutwaranira kugera ikirenge mu cya Kristo. Dukwiriye kujya dukeburira amaso y'abatuzengurutse ku kureba 'Mwana w'intama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi.' Yohana 1:29.

"Nitugira umuhati mu kugira ibyo dukorera guhesha abandi umugisha, bizatugarukira ari imigisha myinshi. Uwo niwo wahoze ari umugambi w'Imana mu kuduha kugira uruhare rwo kugira icyo dukora mu nama y'ugucungurwa. Imana yahaye amahirwe abantu yo gusangira kamere Yayo, kugirango babone guhesha bagenzi babo umugisha. Nta cyubahiro giheranije cyangwa umunezero w'agahebuzo Imana yaha abantu birenze gusangira kamere Yayo. Abashyira hamwe n'Imana bagakorana na Yo imirimo y'urukundo, nibo barusha abandi bose kwegerezwa Umuremyi wabo.

"Iyo Imana ibishaka yajyaga gutegeka abamarayika bo mu ijuru kwamamaza ubutumwa bwiza no gukora imirimo yose y'urukundo yo gukiza abandi. Iyo ibishaka yajyaga gusohoza umugambi Wayo mu bundi buryo. Ariko kubw'urukundo Rwayo rutagira akagero, yahisemo kudutorera gukorana na Yo, kugirango dufatanye na Kristo n'abamarayika, dusangire umugisha n'umunezero no kuzahurwa mu by'umwuka, bizanywe n'uwo murimo utarangwamo kwikanyiza.

"Dukorana na Kristo binyuze mu gusangira na we imibabaro Ye. Buri gikorwa cyose cyo kwitangira abandi mu kubahesha ibyiza kidukomerezamo umutima wo kugira neza no kutwegereza Umucunguzi w'isi, 'wari umutunzi, ariko agahinduka umukene ku bwanyu, kugirango ubukene bwe bubatungishe.' 2Abakorinto 8:9. Nitugenza dutyo nibwo buryo rukumbi tuzasohoza umugambi Imana yari idufitiye mu iremwa ryacu kugirango ubugingo bushobore kutubera umugisha." – *Kugana Yesu,* p.78 – 80.

**b. Ni uruhe rugero rwa Kristo rugomba kutuyobora mu mubano tugirana n'abo dufitanye isano y'umuryango ndetse n'abaturanyi? Abagalatiya 6:9,10; Yohana 9:4.**

---

"Nimujya ku murimo nk'uko Kristo yabigeneye abigishwa Be, mukamushakira abihana, muzumva mushaka kugira ubunararibonye bwimbitse n'ubumenyi bw'ikirenga mu by'Imana, mugire inzara n'inyota byo gukiranuka. Muzatakira Imana kandi kwizera kwanyu kuzakomera, kandi imitima yanyu izanywera ku isōko y'amazi afutse y'agakiza. Kurwanywa n'ibigeragezo muzahura na byo bizabatera kwiga Bibiliya no gusenga. Muzakurira mu buntu no kumenya Kristo murusheho gushikama no gutungana." — *Ibid.,* p.80.

## 4. UMURIMO UTARANGWAMO KWIKANYIZA

**Kuwa Kane**
**26 Kanama**

**a. Vuga akaga kamwe gakomeye katwugarije twebwe abizera b'itorero muri iki gihe. Malaki 3:8 – 10.**

---

"Muri iki gihe akaga gakomeye [Abadiventisiti bakomeza Isabato] bafite ni uko birundanyirizaho ubutunzi. Bamwe muri bo bakomeza kongera ibyo bakora n'ibituma bahuga, basabwa gukora byinshi. Ingaruka y'ibi ni uko bagera aho benda kwibagirwa Imana n'ibikenewe mu murimo Wayo, urebye bapfuye mu by'umwuka. Basabwa gutambira Imana igitambo, kandi bakayizanira amaturo. Igitambo nticyiyongera, ahubwo kiragabanuka, ndetse kikagera ubwo gishira.... Ubwinshi mu butunzi bw'abantu bacu buri kubera igikomere gusa ababwizirikaho." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 1, p.492.

**b. Ni izihe ngeso za Gikristo zifasha abizera gukurira mu buntu no kumenya Umwami Yesu Kristo? 1Petero 4:8 – 10 ; Abaheburayo 13:2.**

---

"Amahirwe yahawe Aburahamu na Loti natwe ntitwayavutswa. Kubwo kugaragariza urugwiro abana b'Imana tubakira, natwe dushobora kwakira abamarayika b'Imana mu ngo zacu. No muri iki gihe abamarayika bari mu ishusho y'abantu binjira mu mazu y'abantu maze bakabacumbikira. Kandi n'Abakristo baba mu mucyo umurika uturuka mu maso y'Imana bahora iteka baherekejwe n'abamarayika batagaragara, kandi iyo ibyo biremwa byera bivuye mu miryango yacu bihasiga imigisha." — *Ibid.,* vol. 6, p.342.

**c. Ni iki gikenewe kigomba gusohozwa n'abizera bo muri iki gihe? 2Abakorinto 10:16.**

---

"Abavugabutumwa b'abakorerabushake [Abalayiki] bari mu itorero ryacu bashobora gukora umurimo kugeza ubu benshi batari batangira. Abantu ntibari bakwiriye kwimukira ahantu hashya bajyanywe gusa no kwishakira inyungu z'iby'isi; ahubwo ahantu bashobora kugirira imibereho iboneye, nimureke umuryango umwe cyangwa ibiri ihajye ishikamye mu kuri, maze bakore umurimo nk'ababwirizabutumwa. Bakwiriye kwiyumvamo urukundo bakunda imitima y'abantu, bakiyumvamo umutwaro wo kugira umurimo babakorera, kandi bakiga uburyo bashobora kubageza ku kumenya ukuri. Bashobora kubaha ibitabo byacu, bagateranya amateraniro mu ngo, bakimenyereza abaturanyi babo, kandi bakabararikira kuza muri ayo materaniro. Bityo bashobora kureka umucyo wabo ukamurika binyuze muri iyo mirimo yabo myiza." — *Ibihamya by'Itorero,* vol. 8, p.245.

"Imana yategereje igihe kirekire ko umwuka wo gukora umurimo wakuzura Itorero ryose kugira ngo buri wese ayikorere akurikije uko ubushobozi bwe buri. Igihe abizera bagize Itorero ry'Imana bazakora umurimo bashinzwe aho ukenewe hose haba iwabo cyangwa ahandi maze bagasohoza inshingano yo kwamamaza ubutumwa bwiza, isi yose izaherako iburirwe maze umwami Yesu agaruke ku isi afite imbaraga n'icyubahiro cyinshi." – *Ibyakozwe n'Intumwa,* p.111.

## 5. IBISONGA BIKIRANUKA

**Kuwa Gatanu**
**27 Kanama**

a. Ni iki cyitezwe ku bantu bose babikijwe Ubutumwa Bwiza, by'umwihariko abakozi? 1Abakorinto 4 :1,2; Ibyahishuwe 2:10.

---

---

"Kuba hafi y'Imana no kumvira Umwuka Wayo, ni amahirwe y'abarinzi bo ku nkike z'i Siyoni kugira ngo Imana ishobore gukorera muri bo maze bamenyeshe abagabo n'abagore akaga bashobora guhura nako kandi babayobore aho bagomba guhungira. Icyatumye batoranywa n'Imana, icyatumye bashyirwaho ikimenyetso cy'amaraso yo kuyiyegurira, kwari ukugirango bakize abagabo n'abagore ukurimbuka kubugarije. Baba indahemuka mu kubaburira ibyerekeye ingaruka zo gucumura kwabo kandi bakaba n'indahemuka mu kurinda inyungu z'Itorero." – *Ababwiriza b'Ubutumwa Bwiza,* p.15.

b. Ni uruhe rugero Daniyeli aha urubyiruko rwo muri iki gihe? Daniyeli 1:8,15.

---

---

"Uwiteka yashakaga ko tugira icyo twigira ku mibereho ya Daniyeli. Hari benshi bari guhinduka abagabo b'abanyembaraga iyo bishingikiriza ku Mana kugirango ibagire abaneshi, ibahe imbaraga n'ubushobozi mu mirimo bakora nk'uko byagenze kuri uyu Muheburayo w'indahemuka. Daniyeli yagaragarizaga urugwiro abakuru bamuruta ndetse n'urubyiruko rw'urungano rwe. Yahagaze ari umuhamya w'Imana, kandi mu migenzereze ye ntiyaterwaga isoni n'uko ijuru ryakumva amagambo ye cyangwa uko ryabona imirimo ye. Igihe Daniyeli yasabwaga kurira no kunywera ku meza y'umwami, ntiyahaye urwaho irari habe no kugaragaza icyo yari yiyemeje cyerekeye kurya no kunywa we yifuzaga. Atiriwe avuga ijambo na rimwe ry'agasuzuguro, icyari kimuhangayikishije yagituye Imana. We na bagenzi be bashatse ubwenge buturuka ku Uwiteka, nuko igihe bavaga mu masengesho bahise bafata umwanzuro. Afite umwete n'urugwiro bya Gikristo, Daniyeli yagejeje ikibazo cye ku mutware wari ubashinzwe, amusaba ko yajya abaha ifunguro ryoroheje gusa. Abo basore bumvaga ko amahame y'iyobokamana ryabo ari mu kaga, nyamara bishingikirije ku Mana bakundaga kandi bakoreraga." – *Ibihamya ku Bagabura,* p.263.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu**
**28 Kanama**

1. Ni iyihe mimerere y'isi ituma biba ngombwa ko Imana iyimurikamo umucyo?
2. Ni iyihe mpinduka itangaje izagaragarira mu mibereho y'abizera?
3. Ni ryari umugisha wakirwa, kandi ni iki kigomba kuba inyikirizo?
4. Sobanura bumwe mu buryo buri wese muri twe ashobora gukoresha kugirango akorere abandi.
5. Ni gute ubudahemuka bwa Daniyeli ari urugero rwiza kuri njye?

# Amaturo y'Isabato ya Mbere

Ku isabato, 05 Nzeri 2026

**Azagenerwa Ishuri ry'Ivuga-butumwa ryo muri Filipine**



Mu gihe twibutswa iby'inshingano ikomeye yo kujya mu isi yose no guhindura abantu abigishwa, tugomba kugira icyo dukora. Ishuri Rihugura Abavugabutumwa rya Bibiliya ni ikigo kigamije gutegura no guha ibikoresho abakozi bo mu ruzabibu rw'Uwiteka. Kuva iryo shuri ryatangira muri Gashyantare 1984, ryabaye icyitegererezo cy'ukwizera, rigorora imitima n'ubwenge by'abantu bafite icyifuzo gikomeye cyo gukwirakwiza ubutumwa bwiza mu mahanga yose. Abanyeshuri benshi barangije porogaramu y'imyaka ibiri yo gutoza abavugabutumwa y'iryo shuri bagiye kuba abavugabutumwa mu mahanga, kandi abenshi muri bo ni abayobozi n'abagabura bakwirakwiza ubutumwa bw'agakiza mu birwa bya Filipine bituwe cyane.

Ishuri rya Bibiliya Rihugura Abavugabutumwa riri i Kabatanga, Tiyawongi, mu Ntara ya Kwezoni ho muri Filipine, ryagiye rikora ridacogora kugira ngo ritange urufatiro rukomeye rwo mu Byanditswe ku bantu bifuza kuba abavugabutumwa, haba muri Filipine no mu Karere kose ka Pasifika. Iyo nzu yatumye abanyeshuri babona aho kuba, bakiga Icyongereza, kandi bahabwa imyitozo yo kuba abavugabutumwa, ababwiririshabutumwa ibitabo, abakozi mu by'ubuzima n'abayobozi bakenewe cyane muri iki gihugu no mu bindi bihugu. Na none kandi, ni ahantu hashobora kubera amahugurwa, ibiterane by'urubyiruko n'amateraniro makuru.

Kubera ko umurimo wo kuvugurura ugenda waguka hirya no hino muri Filipine, ubu hakenewe kwihutirwa kwagura no kunonosora iyo nzu kugira ngo ikomeze kwita ku byo umurimo w'Imana ukeneye mu gihe kizaza. Dufatiye kuri ibyo bintu bikenewe, hari na gahunda zirimo gukorwa zo gutunganya neza ahantu hazakirirwa Ihuriro ry'Inteko Nkuru Rusange muri icyo kigo. Mbega ukuntu ari umugisha kwakira iryo teraniro ry'abizera, aho icyerekezo cy'ivugabutumwa n'ikangura mu by'umwuka bizaba ariyo ntumbero!

Ituro ry'Isabato ya Mbere mutanganye ubuntu uyu munsi, rizafasha mu kubaka iryo shuri rikeneye kwagurwa cyane. Mu gihe dutanga, nimutyo tujye twibuka amagambo yo mu 2Abakorinto 9:7, agira ati "Umuntu wese atange nk'uko abigambiriye mu mutima we, atinuba kandi adahatwa kuko Imana ikunda utanga anezerewe."

Twifuza ko impano zanyu zatuma iryo shuri ryaguka, rigakomera ku nshingano yaryo, kandi rikabyara abakozi biteguye kwamamaza ubutumwa bwiza bw'iteka ryose. Nimutyo dutange dufite ukwizera n'ibyishimo, tuzi ko amaturo yacu azera imbuto z'iteka ku bw'ubwami bw'Imana.

Murakoze, Uwiteka abahundagazeho imigisha mu gihe mutanga!

*Bene so bo muri Filipine*

Ku Isabato, 05 Nzeri 2026

**Icyigisho 10**

# Kumenya Imana

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Umunyabwenge wese azitegereza ibyo, kandi bazita ku mbabazi z'Uwiteka." (Zaburi 107:43).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Kugana Yesu,* igice cya 10, p.85 – 91.

"Kumenya Imana niyo sōko y'ubumenyi nyakuri bwose no gutera imbere nyako." — *Uburezi,* p.15.

## 1. IMANA IRIHISHURA

**Kuwa Mbere**
**30 Kanama**

a. Ni ibiki kuri iyi si Uwiteka akoresha kugirango yireherezeho abantu? Zaburi 19:1 – 6; Imigani 2:1 – 5.

---

---

"Imana ifite uburyo bwinshi ikoresha ishaka kutwimenyesha no kudutera gusabana na Yo. Ibyaremwe bihora bivugana n'intekerezo zacu ubudasiba. Umutima iyo wemeye, ubasha kureshywa n'urukundo rw'Imana n'ubwiza Bwayo, aribyo bigaragazwa n'imirimo y'amaboko Yayo. Uzi gutega amatwi, abasha kumva no kumenya icyo Imana ivugira mu bintu yaremye. Ari ubwatsi bumera, cyangwa ibiti binini by'inganzamarumbo, cyangwa imigengararo n'uburabyo, cyangwa igicu kigenda, cyangwa imvura igwa, cyangwa akagezi gasuma, byose uko bingana bivugana n'imitima yacu, bikaturarikira kumenyerana n'Uwabiremye byose." – *Kugana Yesu,* p.85.

b. Ni iki Yesu yakoreshaga kugirango ashimangire mu ntekerezo z'ababaga bamuteze amatwi? Matayo 13:3,34.

---

---

"Ibyigisho by'agahebuzo by'Umukiza wacu, yabyigishaga akoresheje ibyaremwe. Ibiti, inyoni, uburabyo bwo mu bibaya, imisozi, ibiyaga, n'isanzure rikeye, kimwe n'ibindi bihora biboneka iminsi yose bidukikije; nibyo yahuzaga n'ijambo ry'ukuri, agirango ibyo yigisha bigume mu ntekerezo z'abantu ndetse yemwe n'igihe bahugijwe n'amaganya y'iby'ubu bugingo bwuzuyemo imiruho.

"Imana ishaka ko abana Bayo banezezwa n'imirimo Yayo kugirango banezezwe n'ubwiza bw'ibintu byoroheje yarimbishishije isi yacu." — Ibid.

## 2. IBYAREMWE N'IMANA

**Kuwa Kabiri**
**31 Kanama**

**a. Ni ikihe cyigisho dushobora kwigira ku byaremwe, urugero nk'indabo, inyoni, n'inyenyeri? Abaroma 1:20; Ibyakozwe n'Intumwa 14:17.**

---

"Mu kwiga iby'ubuhanga buhanitse.... tuhakura kumenya Umuremyi. Ubumenyi bwa siyansi nyakuri ni ugusobanura inyandiko y'Imana mu byaremwe. Siyansi ikura mu bushakashatsi bwayo ibihamya bifatika bigaragaza ubwenge n'ubushobozi by'Imana. Gusobanukirwa neza n'igitabo cy'ibyaremwe ndetse n'Ijambo ry'Imana ryanditswe, bituma tumenya Imana binyuze mu kutwigisha iby'ubwenge n'amategeko yo kugira neza Imana ikoresha." – *Abakurambere n'Abahanuzi,* p.599.

"Nituramuka duteze amatwi, ibyaremwe n'Imana bizatwigisha ibyigisho byiza byo kumvira no kwiringira. Uhereye ku nyenyeri zihora zigenda urugendo rwazo rwo mu kirere kuva kera kose, ukageza ku kantu gato kataboneshwa ijisho, ibyaremwe byose byumvira ubushake bw'Umuremyi. Imana yita kubyo yaremye byose aho biva bikagera, ikabikomeza." – *Kugana Yesu,* p.85,86.

**b. Iyo dutekereje ku bwiza n'umutuzo byarangaga ibyaremwe mbere yuko byangirika, ni iki tugomba kwibuka cyerekeranye n'isi nshya twasezeranyijwe? 1Abakorinto 2:9; Ibyahishuwe 21:1.**

---

"Reka ibitekerezo byawe bishushanye urugo rw'abakijijwe, kandi wibuke ko ruzaba rufite ubwiza buruta ubwo ushobora kwiyumvisha. Mu mpano zinyuranye Imana yaduhereye mu byaremwe tuzibonamo ubwiza Bwayo buheranije kandi burabagirana." — *Ibid.,* p.86,87.

"Itorero ry'Imana ryagiye rihishuririrwa iby'umugambi uhoraho w'Uwiteka. Ubwoko Bwe bwagiye bwemererwa kureba hirya y'ibigeragezo ryabaga ririmo icyo gihe maze rikabona intsinzi zo mu gihe kizaza, ubwo urugamba ruzaba rusojwe, abacunguwe bagahabwa igihugu cy'isezerano. Ayo mayerekwa yerekeye ubwiza bw'ahazaza n'ibizaba byagaragajwe n'ukuboko kw'Imana bikwiriye gukundwa n'itorero ryayo muri iki gihe." – *Abahanuzi n'Abami,* p.722.

"Muri Bibiliya, umurage w'abacunguwe witwa 'gakondo.' Abaheburayo 11:14,16. Muri iyo gakondo, Umwungeri wo mu ijuru ajyana umukumbi We ku masōko y'amazi y'ubugingo. Igiti cy'ubugingo cyera imbuto zacyo buri kwezi, kandi ibibabi byacyo ni ibyo gukiza amahanga. Ari imigezi idakama, itembamo amazi y'urubogobogo abonerana nk'ibuye ry'isarabwayi, kandi ku nkombe z'iyo migezi hari ibiti bifite amashami azana amahumbezi mu nzira zateguriwe abacunguwe n'Uwiteka. Aho ngaho, ibibaya bigari biri munsi y'udusozi tw'igikundiro kandi hagaragara impinga ndende z'imisozi y'Imana. Muri ibyo bibaya byuje amahoro, ku nkombe y'iyo migezi y'amazi y'ubugingo, niho ubwoko bw'Imana bwamaze imyaka myinshi ari abagenzi n'abimukira buzatura." – *Intambara Ikomeye,* p.675.

**a. Ni ibihe byigisho by'agaciro kenshi dushobora kwigira ku bahanuzi, bikadutera imbaraga mu bihe byo gucika intege n'ibigeragezo? Yakobo 5:17; Abaroma 8:28; 1Yohana 5:14.**

"Dushobora kwigishwa n'ibitubaho ndetse n'ibidukikije mu mpinduka zitugeraho buri munsi, imitima yacu iramutse yugururiwe kubyakira.... [Abakurambere n'Abahanuzi] 'bari abantu bameze nkatwe'. Yakobo 5:17. Muri Bibiliya dusangamo uburyo birwanagaho bacogoye nkatwe, uko bagwaga mu moshya nkatwe, bakongera gusubiza agatima impembero maze bakanesha binyuze mu buntu bw'Imana; kandi uko tubitekereza, turushaho kongerwa umwete wo gushaka gukiranuka." – *Kugana Yesu*, p.87,88.

**b. Niba Imana yita ku byaremwe ikabitunga, mbese abana Bayo ibarushirizaho bingana iki? Zaburi 107:43; 145:15,16.**

"Ibyaremwe n'ibyahishuwe byose bihamya urukundo rw'Imana. Data wa twese wo mu ijuru ni we sōko y'ubugingo, ubwenge n'umunezero. Nimwitegereze ubwiza bw'ibyaremwe n'uko bitangaje. Utekereje imikoranire yabyo itangaje, si ukugirango biheshe umuntu ibyo akeneye n'umunezero gusa, ahubwo ugera no ku byaremwe byose. Izuba ndetse n'imvura, binezeza isi bikanayihembura, udusozi, inyanja n'ibibaya; byose bitubwira urukundo rw'Umuremyi." — *Ibid.*, p.9.

**c. Mbese isezerano ry'uko Imana itwitaho ritwerekeza ku gutekereza ku ki? Matayo 6:30 – 34.**

"Igihe twirundarundiraho ibyo dukwiriye gukora, maze tukishingikiriza ku bwenge bwacu bwite n'ubushobozi bwacu, tuba twihaye umutwaro tutategetswe n'Imana, tukagerageza kuwikorera tudafashijwe na Yo. Tuba twishyizeho inshingano y'Imana, tukaba twishyize mu mwanya Wayo rwose. Dushobora guhagarika umutima tukagira ibyago n'imibabaro kuko bitabura kutugeraho. Ariko igihe twiringira rwose yuko Imana idukunda kandi yishimira kutugirira neza, tuzareka kuganyishwa n'iby'igihe cy'ahazaza. Tuziringira Imana nk'uko umwana yiringira umubyeyi umukunda. Nibwo amagorwa yacu n'ibiturushya bizashira, kuko ubushake bwacu buzamirwa n'ubushake bw'Imana." – *Ibitekerezo byo ku Musozi w'Umugisha*, p.100,101.

## 4. IHISHURWA RY'IMANA

**Kuwa Kane**
**02 Nzeri**

**a. Ni hehe Kristo yashyize amahishurwa asobanutse neza y'umugambi w'Imana kubw'agakiza k'abantu? Yohana 5:39; Yesaya 34:16.**

"Imana ivuganira natwe mu ijambo Ryayo. Muri ryo niho turushaho guhishurirwa imico Yayo itangaje, ibyo ikorera abantu, ndetse n'umurimo ukomeye wo gucungurwa." – *Kugana Yesu,* p.87.

**b. Ni iki kigomba gukorwa buri munsi n'abantu bose bifuza gukurira mu mbaraga z'Imana no mu bushobozi Bwayo? Yohana 6:53,63; Abakolosayi 3:1,2.**

"Insanganyamatsiko yo gucungurwa ni imwe mu zo abamarayika baba bifuza gusobanukirwa; kandi niyo abacunguwe bazahora baririmba iteka bageze mu ijuru. Mbese twebwe siyo dukwiriye gushishikarira kwiga no kumenya? Imbabazi zitagira akagero za Yesu n'urukundo Rwe, igitambo yatambiwe kubwacu, nibyo dukwiriye gutekerezaho mu buryo bwimbitse kandi tubyitondeye. Dukwiriye kwita cyane ku mico y'Umucunguzi wacu udukunda akaba ari n'Umuhuza wacu udusabira. Dukwiriye gutekereza ku murimo w'Uwaje gukiza ubwoko Bwe akabukura mu byaha." — *Ibid.,* p.88,89.

**c. Ni gute dukwiriye kwakira ijambo ry'Imana mu mitima yacu? Matayo 4:4; 2Timoteyo 2:15.**

"Nta muntu n'umwe ufite umwuka wo kunyurwa n'inyigisho za Bibiliya ushobora gusoma umurongo umwe muri yo ngo abure kuwungukiramo igitekerezo runaka kimwubaka. Ariko inyigisho y'ingirakamaro cyane Bibiliya yigisha ntushobora kuyibona uramutse wize Bibiliya rimwe na rimwe. Ntabwo ukuri guhebuje kuyirimo kwatanzwe ku buryo umuntu usoma hutihuti cyangwa usoma ntacyo yitayeho ashobora kugusobanukirwa. Umugabane munini w'ubutunzi buyirimo buhishwe mu ndiba yayo, kandi bushobora kugerwaho gusa binyuze mu gushakashakana umwete no kwihangana. Ukuri kubyara ukuri kwagutse kugomba gushakwashakwa kandi kugahuzwa, "Aha bikeya, hariya bikeya." Yesaya 28:10.

"Uko kuri kose nigushakwa maze kukegeranywa, uzasanga nta kubangamirana guhari, ahubwo kuzuzanya rwose. Buri Butumwa bwiza bwuzuza ubundi, buri buhanuzi busobanura ubundi, kandi buri kuri usanga ari ubusobanuro burambuye bw'ukundi kuri. Ibyashushanywaga mu mateka y'Abayuda byasobanuwe neza n'ubutumwa bwiza. Buri hame ryavuzwe mu Ijambo ry'Imana rifite umwanya waryo, kandi igihamya gifatika cyatangiwe kurishyigikira. Bityo inyubako ishyitse haba mu itegurwa ryayo n'ishyirwa mu bikorwa, ihamya Umuhanzi wayihanze. Nta bwenge bw'umuntu bwababasha guhanga inyubako nk'iyo keretse ubwenge bw'Imana itarondoreka." — *Uburezi,* p.123,124.

## 5. KWIGA BIBILIYA

**Kuwa Gatanu**
**03 Nzeri**

**a. Ni iki cyahumurije Yeremiya kandi kiramufasha mu gihe yari arimo cy'umubabaro? Yeremiya 15:16.**

---

"Nta kintu gishobora kungura ubwenge bw'umuntu no kubwongerera imbaraga nko kwiga Ibyanditswe Byera. Nta kindi gitabo cyera kirabura cyazahura intekerezo zacu, kikazongerera imbaraga, tukagira ibitekerezo byagutse n'ubwenge, nk'ukuri kuboneka muri Bibiliya. Iyaba ijambo ry'Imana ryigwaga nk'uko bikwiriye, abantu bagira ubwenge bushyitse bureba kure, imico yabo ikabonezwa, kandi bakagira imigambi ihamye nubwo abameze batyo ari mbarwa muri iki gihe." – *Kugana Yesu,* p.90.

"Umuntu wiga Ibyanditswe Byera ubudacogora, kandi akabikora asenga, azagira imyumvire mizima n'ibitekerezo bireba kure, nk'uwahindukiriye Imana bimugeza ku rugero ruhanitse rw'ubwenge." – *Intekerezo, Imico, n'Ubumuntu,* vol 1, p.95.

**b. Ni gute Ibyanditswe Byera bigomba kwigwa kandi uko kwiga Bibiliya bigomba kubanzirizwa n'iki? Zaburi 119:9,11,16.**

---

"Ukuri kw'Imana kumeze nk'izahabu, ntikubonwa n'abaserura hejuru, ahubwo kuboneka gusa kubwo kukwigana umwete." – *Ababwiriza b'Ubutumwa Bwiza,* p.76.

"Nk'uko umucukuzi w'izahabu abona umututu w'aho iri, akawukurikira akarinda awugeza mu kuzimu, kugeza ubwo ayicukuye akayimaramo, niko ushakashaka mu ijambo ry'Imana ubutunzi buhishwe butabonerwa amajyejuru akwiriye kugira umwete, akabona ukuri gukomeye rwose kwari guhishwe amaso y'ushaka atitonze. Amagambo ahumetswe n'Imana iyo tuyatekereje cyane mu mitima, ahinduka nk'umugezi utemba, uva mu masōko y'ubugingo, unetesha imitima yacu.

"Ntabwo bidukwiriye kwiga Bibiliya tutabanje gusenga. Mbere yuko tubumbura impapuro zayo zera, tujye tubanza duhombeke amaso imbere y'Imana, tuyisabe kutumurikishiriza Umwuka Wayo Wera kugirango adusobanurire kandi tuzamuhabwa.... Abamarayika baturutse mu isi y'umucyo bazabana n'umuntu wicisha bugufi agashaka kuyoborwa n'Imana." – *Kugana Yesu*, p.91.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu**
**04 Nzeri**

1. Ni ubuhe buryo bw'imyigishirize bwakoreshwaga n'Umukiza wacu kugirango agere ku bantu?
2. Ni mu buhe buryo Imana yakoresheje kugirango yihishurire abantu bose – harimo n'abadashobora kugera ku ijambo Ryayo?
3. Ni iki dushobora kwigira ku bugiraneza bw'Imana?
4. Sobanura inyifato tugomba kugira igihe tugiye kwiga Bibiliya nk'ihishurwa ry'Imana.
5. Ni ubuhe bunararibonye Yeremiya yagize ku Byanditswe Byera tugomba kugira natwe?

Ku Isabato, 12 Nzeri 2026

**Icyigisho 11**

# Amahirwe yo Gusenga

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Wehoho nusenga ujye winjira mu nzu ubanze ukinge urugi, uhereko usenge So mwihereranye. Nuko So ureba ibyiherereye azakugororera." (Matayo 6:6).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Kugana Yesu,* igice cya 11, p.93 – 104.

"Gusenga ni ukugururira Imana umutima nk'uko twashyikirana n'incuti magara. Icyakora igituma dukwiriye kugenza dutyo, si ukugirango tumenyeshe Imana uko turi, ahubwo ni ukugirango itubashishe kuyakira. Gusenga ntikutumanurira Imana, ahubwo kuyitugezaho." — *Kugana Yesu*, p.93.

## 1. UWASENGAGA MU BURYO BUKOMEYE

**Kuwa Mbere**
**06 Nzeri**

a. Nk'Umwana w'Umuntu, ni iki Yesu yabonye ko ari ngombwa cyane? Luka 5:16; Mariko 6:46.

"Itegereze Umwana w'Imana yubamye yicishije bugufi asenga asaba Se! Nubwo ari Umwana w'Imana, mu gusenga ni ho ukwizera kwe kwahabwaga imbaraga. Mu gusabana n'ijuru yahahererwaga imbaraga zo kurwanya umwanzi no gufasha abantu mu byo bakeneye. Nk'imfura mu baremwe, azi ibyo abantu bagishaka kumukorera bakeneye, nubwo bamwe bafite intege nke kandi bakaba bari mu isi y'ibyaha n'ibigeragezo. Azi neza ko abo abona bakwiriye gutumwa ari abanyantege nke, abantu bibeshya; ariko ku bantu biyeguriye umurimo We burundu abasezeranira ubufasha mvajuru. Urugero Rwe bwite ni icyemezo cyerekana ko gusaba Imana bivuye ku mutima, udacogora mu kwizera – ukwizera kuyobora umuntu ku kugengwa n'Imana burundu ndetse no kwirundurira mu murimo Wayo – bizazanira abantu ubufasha bw'Umwuka Wera mu rugamba barwanya icyaha." – *Ababwiriza b'Ubutumwa Bwiza,* p.511.

b. Ni gute uburyo Yesu yasengaga bikwiriye kutubera icyitegererezo? Mariko 1:35, Luka 6:12.

"Yesu ubwe, igihe yari atuye mu bantu, yahoraga asenga." – *Kugana Yesu*, p.93.

## 2. ISENGESHO RYA KRISTO

**Kuwa Kabiri**
**07 Nzeri**

### a. Ni gute Yesu yigishije abigishwa Be gusenga? Luka 11:1 – 4.

---

"Yesu akiri mu isi, yigishaga abigishwa Be uburyo bwo gusenga. Yabayoboraga ku gushyira imbere y'Imana ibyo bakenera bya buri munsi, no kuyitura amaganya yabo yose kuko ibitaho. Ubwishingizi bw'iremamutima Yesu yabahaye bw'uko ugusaba kwabo kuzumvirwa, nibwo bwishingizi natwe dufite.....

"Asangira natwe intege nke zacu, 'yageragejwe mu buryo bwose nkatwe'; ariko kuko azira icyaha, umutima We wazibukiraga ibibi ukabyitarura. Yihanganiraga amagorwa n'agahinda gasāze ari muri iyi si y'ibyaha. Kuko yenze akamero k'umuntu nicyo cyatumye yiyumvamo ko gusenga ari ngombwa ndetse ko ari amahirwe akomeye. Gusabana na Se kwamuzaniraga ihumure n'umunezero bitavugwa. Yemwe niba Umukiza w'abantu, akaba Umwana w'Imana, yarumvaga ko akwiriye guhora asenga, nkanswe twebwe b'abanyantege nke n'abanyabyaha bapfa!" – *Kugana Yesu,* p.93,94.

### b. Ni gute Bibiliya isobanura uko Yesu yiyeguriraga Imana mu isengesho, n'impamvu ibyo byari ingirakamaro cyane? Yesaya 50:4; Abaheburayo 2:10; 5:7 – 9.

---

"Kubera ko ubumuntu bwari muri We, yiyumvagamo ko akeneye imbaraga zivuye kuri Se. Yari afite ahantu yatoranyije ho gusengera. Yakundaga gushyikiranira na Se ahiherereye ku misozi. Muri uyu mwitozo, ubugingo Bwe bwera bwa kimuntu bwahabwaga imbaraga zo kumushoboza guhangana n'inshingano n'ibigeragezo bya buri munsi. Umukiza wacu yisanisha n'ubukene bwacu ndetse n'intege nke zacu, kuburyo yahindutse umuntu winginga, umunyamasengesho ya nijoro, agashaka guhabwa imbaraga nshya zivuye kuri Se, kugirango agende asubijwemo intege kandi agizwe mushya, yambaye intwaro zimushoboza gukora inshingano no gutsinda ibigeragezo. Ni We rugero rwacu muri byose." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 2, p.201,202.

"Nabonye ko nta n'umusore n'umwe mu basore makumyabiri waba uzi icyo iyobokamana rigaragarira mu mibereho y'umuntu ari cyo. Ibyo bakora babyikorera ubwabo, ariko bakavuga ko ari abagaragu ba Kristo. Nyamara umwuka ubariho nutamenagurwa ngo ubaveho, bidatinze bazabona ko umugabane bazahabwa ari uw'abica amategeko y'Imana. Naho kubwo kwitanga no kwiyanga kubera ukuri, bishakiye inzira yoroshye irenze ibyo byose. Ku byerekeye kwinginga bakomeje barira kandi batakambira Imana cyane bayisaba kugirirwa ubuntu Bwayo bubabarira ndetse n'imbaraga zo gutsinda ibishuko bya Satani, abasore babona ko atari ngombwa gushishikara no kugira umwete bene ako kageni. Bumva ko bashobora gutsinda ibyo bishuko badafite izo mbaraga. Incuro nyinshi Kristo, Umwami w'icyubahiro yajyaga ku misozi n'ahantu h'ubutayu akagenda wenyine ajyanywe no kubwira Se ibyifuzo byabaga biri mu mutima We. Nyamara umuntu w'umunyabyaha utagira imbaraga na mba atekereza ko ashobora kubaho adasenze cyane." — *Ibid.,* vol. 1, p.504,505.

## 3. AMAHIRWE YO GUSENGA

**Kuwa Gatatu**
**08 Nzeri**

### a. Ni gute Yesu yatugaragarije inyifato ya Se mu guha abantu ibyo bakeneye? Matayo 6:6; 7:7 – 11.

---

"Data wa twese wo mu ijuru ategereje kudusukaho imigisha Ye itagabanyije. Ni amahirwe yacu gukundirwa kunywera ku isōko y'urukundo rutagira akagero. Mbega uburyo kugira ubute bwo gusenga ari akayobera! Imana yiteguye kandi irashaka kumva gusenga nyakuri k'umwana Wayo wese, nyamara nubwo bimeze bityo, dukunda gusengana ubuhanya kugirango tumenyeshe Imana ibyo dukennye." – *Kugana Yesu,* p.94.

"Imana ni inyabwenge cyane ntijya iyoba, kandi ineza yayo nyinshi ituma itagira icyiza yima abagenda batunganye rwose. Nuko rero ntugatinye kuyiringira nubwo amasengesho yawe atahita asubizwa uwo mwanya. Ujye wiringira isezerano Ryayo rikomeye rigira riti: 'Musabe muzahabwa.' " —*Ibid.*, p.96.

### b. Ni iki gituma amasengesho yacu atumvwa n'Uwiteka? Zaburi 66:18; Imigani 28:13.

---

"Burya tubasha gutekereza [Imana]; tubasha gutekereza ku mirimo Yayo, imbabazi Zayo n'imigisha Yayo, ariko rero ibyo si ugusabana na Yo mu buryo bwuzuye. Kugirango dusabane n'Imana dukwiriye kugira icyo tuyibwira cyerekeye imibereho tubayeho." —*Ibid.*, p.93.

"Mbese abamarayika batekereza bate abantu batagira shinge na rugero b'abakene, bakunda gushukwa, iyo banze gusenga kandi bakagira kwizera kudashyitse; mu gihe Imana y'urukundo rutagira akagero iba yifuza kubaha ibirenze ibyo basaba n'ibyo bibwira? Abamarayika bo bakunda kuramya Imana, kandi bakunda kuyiba hafi. Nicyo gituma bishimira gusabana na Yo, bikabarutira byose. Nyamara abatuye mu isi bo, aribo cyane cyane bakeneye ubufasha butangwa n'Imana yonyine, basa n'aho banyuzwe no kubaho badafite umucyo w'Umwuka Wayo, n'ihirwe ryo gusabana na Yo.

"Umwijima w'umubi ugota abirengagiza gusenga. Ibyongorerero by'ibishuko by'umwanzi bikabatera gukora ibyaha. Ayo makuba bayaterwa n'uko batita ku ihirwe Imana yabahaye, ariryo ryo gusenga." —*Ibid.*, p.94.

"Niba tugundira gukiranirwa ko mu mitima yacu, niba dukomeza kwizirika ku cyaha twiyiziho cyose, Uwiteka ntazadutega amatwi; nyamara isengesho ry'umunyabyaha wihana, kandi wizinutswe rizumvirwa. Amakosa yose azwi nakosorwa, dushobora kwizera ko Imana izasubiza amasengesho yacu. Ineza yacu ntabwo izaduhakirwa ku Mana, ahubwo ineza ya Yesu niyo yatugeza ku gukizwa, amaraso Ye niyo atweza, ariko hariho umurimo dukwiriye gukora watuma twuzuza ibisabwa kugirango twemerwe." — *Ibid.*, p.95.

## 4. AMASENGESHO ATSINDA

**Kuwa Kane**
**09 Nzeri**

a. Ni izihe ngingo z'ingenzi zigize isengesho ritsinda zitajya ziboneka ku isengesho ry'irinyantege nke ritagize icyo rimaze? Abaheburayo 11:6; Mariko 11:24.

---

---

"Iyo tudahawe ibyo twasabye, ntitubihabwe ku gihe twabisabiye, tuba dukwiriye gukomeza kwizera yuko Uwiteka atwumva, tukizera kandi yuko azasubiza amasengesho yacu. Turi abantu bayobye kandi bahumye, nicyo gituma akenshi dusaba ibintu byatugwa nabi, nuko rero Data wa twese wo mu ijuru udukunda agasubiza amasengesho yacu kubwo kuduha ibyarushaho kutubera byiza, aribyo natwe twasaba turamutse dufite amaso amurikiwe n'Imana, abasha kubona ibintu byose uko biri koko. Iyo dutekereje ko amasengesho yacu adasubijwe, tuba dukwiriye kugundira isezerano; kuko igihe cyo gusubizwa kizagera nta kabuza kandi tuzahabwa umugisha dukeneye kurusha ibindi byose." – *Kugana Yesu,* p.96.

b. Mbese dukwiriye gusengana uwuhe mutima kugirango isengesho ryumvwe n'Uwiteka? Matayo 6:12; Mariko 11:25,26.

---

"Igihe tuje gusaba Imana imbabazi n'umugisha, tuba dukwiriye kugira umwuka w'urukundo no kubabarira mu mitima yacu. Mbese nawe, twabasha dute gusaba duti: 'Uduharire imyenda yacu, nk'uko natwe twahariye abarimo imyenda yacu' kandi dufite imitima inangiye ituma twanga kubabarira bagenzi bacu? Matayo 6:12. Niba dushaka ko amasengesho yacu yumvirwa, natwe dukwiriye kubanza kubabarira abandi mu twifuza kubabarirwamo n'Imana." — *Ibid.,* p.97.

c. Ni iki twakwigira ku isengesho Eliya yasenze asaba imvura? 1Abami 18:41 – 45.

---

"Umugaragu yagumye kwitegereza ubwo Eliya yasengaga. Inshuro esheshatu zose yavaga kwitegereza ku nyanja akagaruka avuga ko ntacyo abonye, nta gicu, habe n'ikimenyetso cy'imvura. Ariko umuhanuzi ntiyigeze acika intege ngo acogore. Yakomeje kwisubiramo mu mibereho ye, kugirango arebe aho yasuzuguje Imana, yatura ibyaha bye, nuko akomeza kubabariza umutima we imbere y'Imana, mu gihe yari ategereje ikimenyetso cyerekana ko isengesho rye risubijwe. Ubwo yisuzumaga mu mutima we, mu bitekerezo bye ndetse no mu maso y'Imana yasaga n'aho adashyitse ndetse ko ari inyuma cyane. Kuri we yibonaga nk'aho ntacyo ari cyo, ahubwo ko Imana ari Yo byose, nuko ubwo yageraga ku ngingo yo kwizinukwa, akizirika ku Mukiza nk'imbaraga ze rukumbi no gukiranuka kwe, nibwo igisubizo cy'isengesho rye cyaje." – *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi*, vol 2, p.1035.

## 5. GUSHIMIKIRA MU GIHE CYO GUSENGA

**Kuwa Gatanu**
**10 Nzeri**

a. Ni izihe nama z'ingirakamaro intumwa zitanga zerekeye gusenga? 1Petero 4:7; Abafilipi 4:6.

---

"Mukwiriye gusenga ubudasiba; ntimugire inkomyi. Mugire umuhati wo gusabana na Yesu mutagira ikibaziga. Mushake uburyo bwose bwo guteranira aho basengera. Abihatira gushyikirana n'Imana, ntibazabura kuboneka mu materaniro y'abasenga, bakora inshingano yabo mu budahemuka, bagira umurava, kandi bashishikarira kunguka uko bashoboye kose. Bazakoresha neza amahirwe babonye aho bashobora kubona imirasire y'umucyo uvuye mu ijuru." – *Kugana Yesu,* p.98.

b. Nk'uko bigenda ku mubyeyi uwo ariwe wese, mbese Uwiteka ategereje ko abana Be bakora iki? Luka 11:10,13; Yohana 14:13,14.

---

"Kristo yategetse abigishwa Be ati, musenge "Mu izina ryanjye". Abayoboke ba Kristo bagomba guhagarara imbere y'Imana mu izina Rye. Bikomotse ku gitambo cyatanzwe ku bwabo, bafite agaciro kenshi imbere y'Imana. Bitewe n'uko bahawe gukiranuka kwa Kristo, bakirwa nk'abafite igiciro cyinshi. Binyuze muri Kristo, Uwiteka ababarira abubaha izina Rye. Ntabwo Imana ibabona nk'abandujwe n'icyaha. Ahubwo icyo ibona muri bo gusa ni Umwana Wayo, uwo bizera." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.667.

"Nta gihe cyangwa ahantu bidakwiriye ko umuntu yabwira Imana ibyifuzo bye. Nta kintu na kimwe gishobora kutubuza kuzamura imitima yacu mu buryo bw'umwuka ngo tuyiture Imana binyuze mu isengesho dusenganye umwete. Haba mu mbaga y'abantu mu nzira, haba mu mirimo itubyarira inyungu, dushobora kubwira Imana ibyifuzo byacu, kandi tugasaba kuyoborwa na Yo nk'uko Nehemiya yabikoze ubwo yasabaga ari imbere y'umwami Aritazerusi. Gusabana n'Imana bishobora gukorerwa ahantu aho ariho hose twaba turi." – *Kugana Yesu*, p.99.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu**
**11 Nzeri**

1. Ni uruhe rugero rwo gusenga iteka rwahawe abizera bose?
2. Ni ubuhe buhanuzi bugaragaza akamaro ko gusenga buri gitondo?
3. Ni ikihe kintu gikenewe kugirango isengesho risubizwe?
4. Ni ukubera iki dukwiriye kugumya gusenga mu gihe dutegereje igisubizo?
5. Mbese gusenga mu izina rya Yesu bisobanuye iki?

Ku Isabato, 19 Nzeri 2026

**Icyigisho 12**

# Uko Gushidikanya Kwagenzwa

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Ariko rero asabe yizeye ari nta cyo ashidikanya, kuko ushidikanya ameze nk'umuraba wo mu nyanja, ujyanwa n'umuyaga ushushubikanywa." (Yakobo 1:6).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Kugana Yesu,* igice cya 12, p.105 – 113.

"Ntabwo Imana idusaba kwizera itabanje kuduha ibihamya bihagije byo gushingiraho ukwizera kwacu." — *Kugana Yesu,* p.105.

## 1. GUSHIDIKANYA NI IKI?

**Kuwa Mbere 13 Nzeri**

a. Mbese ni iki dukwiriye kwibuka igihe tugeragereshejwe kugira imibereho yo guhindagurika bitewe no kwizera no gushidikanya? Yakobo 1:5 – 7.

---

---

"Isezerano [ry'Umukiza] ni iry'abantu bafite ubushake bwo gukurikira Imana badakebakeba. Imana ntihata ubushake bw'umuntu uwo ari we wese; bityo rero ntishobora kuyobora abantu bibona badashobora kwigishwa, bashaka kwikurikirira inzira yabo bwite. Umuntu w'imitima ibiri; - ushaka gukurikiza ubushake bwe kandi avuga ko akora ibyo Imana ishaka — Ibyanditswe bimuvugaho aya magambo ngo: 'Umeze atyo ye kwibwira ko azagira icyo ahabwa n'Umwami Imana.' Yakobo 1:7." – *Abakurambere n'Abahanuzi*, p.384.

b. Ni iki Uwiteka yatanze kugirango umuntu aneshe ugushidikanya? Zaburi 119:105; Abaheburayo 11:1,3,6.

---

---

"Kwizera kwacu gukwiriye gushingira ku bihamya, atari ku magambo gusa. Abashaka gushidikanya ntibazabura uburyo, nyamara abashaka ukuri ntibazabura ibihamya byinshi byo gushyigikira ukwizera kwabo." – *Kugana Yesu,* p.105.

"Imana yatanze ibihamya bihagije mu ijambo Ryayo bigaragaza imico y'ubumana Bwayo. Ukuri gukomeye kwerekeye gucungurwa kwacu kwarahishuwe. Kubwo gufashwa n'Umwuka Wera, wasezeraniwe abamushakana ukuri bose, uko kuri gukwiriye kumenywa n'umuntu wese ku giti cye. Imana yahaye abantu urufatiro rukomeye rwo kubakaho kwizera kwabo." – *Intambara Ikomeye*, p.526,527.

## 2. UBWIRU BW'IMANA

Kuwa Kabiri
14 Nzeri

### a. Mbese tugenza dute ubwiru Imana itasobanuye? Gutegeka kwa Kabiri 29:29; Yobu 38:4 – 11.

---

"Ijambo ry'Imana rifite imiterere ihwanye n'iya Nyiraryo, kubera ko ririmo ubwiru budashobora gusobanukira abantu bapfa. Uburyo muri Bibiliya hagaragaramo uko icyaha cyaje mu isi, uko Kristo yambaye ishusho y'umuntu, kubyarwa ubwa kabiri, umuzuko, n'izindi nsanganyamatsiko nyinshi, byabaye amayobera arenze ubwenge bw'abantu kandi uretse kubisobanura, no kubyumva ntibabyumva neza mu buryo bwuzuye. Ariko rero, ibyo ntitwabigira urwitwazo rwo gutuma dushidikanya ijambo ry'Imana, tubitewe n'uko tudashobora gusobanukirwa ubwiru Imana yaduhishe." – *Kugana Yesu,* p.106.

"Imana ntihatira abantu kureka kutizera kwabo. Imbere yabo hari umucyo n'umwijima, ukuri n'ibinyoma. Abantu nibo bagomba kwihitiramo icyo bazemera. Ubwenge bw'umuntu bwahawe ubushobozi bwo gutandukanya icyiza n'ikibi. Kandi Imana ntiyashatse ko abantu bahitamo bahubutse, ahubwo bakwiye guhitamo bagendeye ku bihamya, bakagereranya ibyanditswe n'ibindi byanditswe bitonze. Iyo Abayuda baza kureka kugendera ku marangamutima yabo, bakagereranya ibyanditswe mu buhanuzi n'ibyagaragaraga byarangaga imibereho ya Yesu, bari kubona ukuzuzanya kuboneye kwari hagati y'ubuhanuzi n'uburyo bwasohoreraga mu mibereho n'umurimo by'Umunyegalilaya wicishaga bugufi.

"Muri iki gihe abantu benshi bashukwa nk'uko byari biri ku Bayuda. Abigisha mu by'iyobokamana basoma Bibiliya bakurikije imyumvire yabo bwite n'imigenzo yabo; kandi abantu ntibishakashakira mu Byanditswe ngo bimenyere ukuri. Ahubwo bareka gukoresha gushyira mu gaciro kwabo maze imitima yabo bakayirundurira abayobozi babo. Kubwiriza no kwigisha ijambo ry'Imana ni bumwe mu buryo Imana yategetse bwo gukwirakwizamo umucyo; ariko Ibyanditswe Byera ni byo dukwiye kugeragerasha inyigisho y'umuntu wese." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p.458,459.

### b. Mbese tubwirwa n'iki ko muri Bibiliya harimo ibintu bigoye kubisobanukirwa? 2Petero 3:16.

---

"Ibigoye mu Byanditswe Byera byagiye bigaragazwa n'abahakanyi bakabikoresha nk'igitekerezo bifashisha barwanya Bibiliya; ariko ikigaragara aha ni uko ibyo bigoye bigize igihamya gikomeye ko byahumetswe n'Imana. Iyaba Ibyanditswe bitarimo inkuru ivuga Imana ariko dushobora gusobanukirwa mu buryo bworoshye; iyaba gukomera Kwayo n'ubuhangange Byayo byashoboraga kumvwa n'ubwenge bw'abantu bagira iherezo, icyo gihe Bibiliya ntiyaba igifite ibiyiranga bidashidikanywaho by'ububasha bw'Imana. Uko gukomera ndetse n'ubwiru bigize insanganyamatsiko zigaragazwa byari bikwiriye kudutera kwizera ko Bibiliya ari ijambo ry'Imana." – *Kugana Yesu*, p.107.

## 3. AKAGA KO KUGIRA UMUTIMA UTIZERA

**Kuwa Gatatu**
**15 Nzeri**

a. Ni akahe kaga kadasanzwe kugarije abizera muri iyi minsi y'imperuka? Abaheburayo 3:12; 2Timoteyo 4:3,4.

---

---

"Iyo Imana yoherereje abantu ubutumwa bwayo bw'umuburo ukomeye, bugatangwa nk'ubutangajwe n'Abamarayika bera baguruka baringanije ijuru, isaba umuntu wese ufite ubushobozi bwo gutekereza kwita kuri ubwo butumwa. Urubanza ruteye ubwoba ruzacirwa abasenga ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo (Ibyahishuwe 14:9 – 11), rukwiriye gutera abantu benshi umwete wo kwiga ubuhanuzi kugira ngo bamenye ikimenyetso cy'inyamaswa icyo ari cyo, n'uburyo bakwirinda kuzakira icyo kimenyetso. Ariko abantu benshi biziba amatwi ngo batumva uko kuri, maze bagahindukirira imigani y'ibihimbano. Intumwa Pawulo atubwira gusubiza amaso yacu inyuma tukareba mu minsi yashize: "Igihe kizaza ubwo abantu batazihanganira inyigisho nzima." 2Timoteyo 4:3. Icyo gihe cyamaze gusohora. Abantu benshi muri iki gihe ntibashaka ukuri kwa Bibiliya, kuko kunyuranyije n'ubushake bw'abakora ibyaha, n'umutima ukunda iby'isi; maze Satani na we, akazana ibishuko ahereye ku byo bakunda." – *Intambara Ikomeye,* p.594,595.

b. Ni iki cyahanuwe ku byerekeye inyifato y'amatsinda abiri mu minsi y'imperuka? Daniyeli 12:10; Ibyahishuwe 22:11.

---

---

"Ariko Imana izaba igifite abantu Bayo ku isi basigasira Bibiliya, kandi yonyine, nk'urufatiro rw'inyigisho shingiro n'ipfundo ry'ubugorozi bwose. Ibitekerezo by'abanyabwenge cyangwa imyanzuro ya gihanga, itegeko cyangwa ibyemezo by'inama y'abakuru b'amadini, nk'uko ubwinshi no kudahuza ari nk'ibyo amadini bahagarariye, ubwinshi bw'amajwi sibwo bugomba gushingirwaho ku birebana n'ibyo kwizera kw'idini. Mbere yo kugira ihame cyangwa inyigisho iyo ari yo yose twemera, dukwiriye kubanza kwibaza niba bihuje n'iri jambo ngo 'Uko niko Uwiteka avuga'. " — *Ibid.*, p.595.

"Umucyo mushya uturutse mu ijambo ry'Imana uzakomeza guhishurirwa umuntu ubeshejweho no kugirana umushyikirano na Zuba ryo Gukiranuka. Ntihakagire umuntu n'umwe ugera ku mwanzuro wo kuvuga ko nta wundi mucyo ugomba guhishurwa. Umuntu ugira umwete wo gushaka ukuri asenga, azabona imirasire y'umucyo w'agahebuzo imurika ituruka mu ijambo ry'Imana. Amabuye y'agaciro kenshi anyanyagiye muri icyo kirombe agomba gukusanywa kugirango abe umutungo w'ubwoko bw'Imana bwasigaye. Ariko umucyo ntiwatangiwe kongerera imbaraga abo mu itorero gusa, ahubwo watangiwe kugirango umurikire abari mu mwijima." – *Inama ku Murimo w'Ishuri ryo ku Isabato*, p.34.

## 4. IMPAMVU NYAKURI ITERA GUSHIDIKANYA

**Kuwa Kane**
**16 Nzeri**

**a. Ni gute dushobora gutandukanya iby'ingirakamaro n'iby'imburamumaro? 2Abakorinto 13:5; Tito 3:9 – 11.**

"Nubwo Imana yatanze ibihamya bikomeye byo kwizerwa, ntabwo izigera ikuraho inzitwazo zo kutizera. Abashaka imambo zo kumanikaho kutizera kwabo bazazibona. Kandi abanga kwemera no kumvira ijambo ry'Imana bategereje ko inzitizi zose zikurwa mu nzira, kandi nta gihe cyo gushidikanya kizaba kikiriho, ntabwo bazigera baza mu mucyo." – *Intambara Ikomeye,* p.527.

**b. Ni uwuhe mugisha uzagera ku bantu bicisha bugufi? Yakobo 4:6,10; 1Petero 5:6,7.**

" 'Ubukene bwose nari mfite bwarahagijwe, Yesu yamaze inzara yo mu mutima wanjye, nuko noneho Bibiliya yampishuriye Yesu Kristo. Mumbariza iki impamvu nizera Yesu? Ni ukubera ko yambereye Umukiza wavuye mu ijuru. Ni ukubera iki nizera Bibiliya? Ni ukubera ko nasanze ari ijwi ry'Imana rivugana n'umutima wanjye.' Natwe dushobora guhamya dutyo, tukamenya neza tudashidikanya ko Bibiliya ari ukuri, kandi ko Kristo ari Umwana w'Imana. Nibwo tuzaba tumenye yuko tudakurikiza imigani yahimbwe n'ubwenge bw'abantu." – *Kugana Yesu*, p.112.

**c. Ni gute intumwa Pawulo asobanura imibereho y'umwizera muri iki gihe no mu gihe cy'ahazaza? 1Abakorinto 13:12.**

"Muri ubu buzima, dushobora gutangira gusobanukirwa n'insanganyamatsiko itangaje yo gucungurwa. Mu bwenge bwacu buke, dushobora kwita cyane ku isoni n'icyubahiro, ubugingo n'urupfu, ubutabera n'imbabazi, byose bihurira ku musaraba; nyamara umwete wose twakorana, ibitekerezo byacu ntibishobora kugera ku busobanuro bwuzuye. Uburebure n'umurambararo, ubugari, ubuhagarike by'urukundo rwaducunguye, tubimenyaho agace. Inama y'agakiza ntizasobanukira abacunguwe mu buryo bwuzuye, ndetse no mu gihe bazaba bareba nkuko barebwa, bakamenya nkuko bamenywe, ariko mu kubaho kw'iteka, ukuri gushya kuzabahishurirwa, bagutangarire kandi kunezeze imitima." – *Intambara Ikomeye,* p.651.

"Kubwo kwizera tubasha kurabukwa ibizaba, tugasingira isezerano Imana yadusezeranyije ry'uko izakuza ubwenge bwacu, kugirango butume ubushobozi bwacu bwa kimuntu bufatanya n'ubushobozi bw'Imana, maze buri mbaraga y'umutima ishobore kuzanwa Kuri Sōko y'umucyo. Ubwo nibwo tuzashobora kwishimira yuko dusobanukirwa n'ubugiraneza bw'Imana, ibyari biruhije gusobanuka tuzabisobanukirwa; kandi ibyaberaga urujijo ubwenge bwacu buke bizadufutukira rwose [1Abakorinto 13:12]." – *Kugana Yesu,* p.112,113.

## 5. UMUGAMBI IMANA IFITIYE UBWOKO BWAYO

**Kuwa Gatanu 17 Nzeri**

**a. Ni mu buhe buryo budasubirwaho Uwiteka akoresha mu guhishura ijambo Rye muri ibi bihe byegereza imperuka? Ibyahishuwe 10:2,6,7.**

---

"Igitabo cyafatanishijwe ikimenyetso si igitabo cy'Ibyahishuwe, ahubwo ni wa mugabane w'ubuhanuzi bwa Daniyeli werekeje ku minsi y'impereka.... (Daniyeli 12:4). Igihe igitabo cyabumburwaga, humvikanye amagambo ngo, "Ntihazabaho igihe ukundi" (Ibyahishuwe 10:6). Noneho ubu igitabo cya Daniyeli gikuweho ikimenyetso, maze ihishurirwa Kristo yahaye Yohana rikagera ku batuye isi bose. Kubwo kugwira k'ubwenge ubwoko bw'Imana bugomba gutegurirwa guhaguruka mu minsi ya nyuma." – *Ubutumwa Bwatoranyijwe,* vol 2, p.105.

"Abantu benshi bashyashyarije igitekerezo kivuga ko igitabo cy'Ibyahishuwe ari igitabo gifatanyishijwe ikimenyetso, maze ntibibirirwe bafata igihe cyo kwiga ubwiru bukirimo. Bavuga ko bakomeza guhanga amaso ku bwiza bw'agakiza, kandi ko ubwiru bwahishuriwe Yohana ku kirwa cya Patimo bukwiriye kwitabwaho gake kuruta iyo nsanganyamatsiko y'agakiza. Ariko icyo sicyo Imana yageneye icyo gitabo…

"Igitabo cy'Ibyahishuwe cyereka ab'isi ibyabayeho, ibiriho, n'ibizabaho; nicyo gitabo kitwigisha ibizaheruka isi y'ahazaza. Kigomba kwiganwa ukwicisha bugufi twubashye....

"Umwami Yesu yahishuriye umugaragu We Yohana ubwiru bwo mu gitabo cy'Ibyahishuwe, kandi yari afite umugambi w'uko kigomba kubumburwa kikigwa n'abantu bose. Muri iki gitabo havugwamo ibyabaye mu gihe cyatambutse, ibiri kubaho ahatuzengurutse bifite inyungu z'iteka ryose; ubundi buhanuzi bugikubiyemo ntiburasohora mu buryo bwuzuye kugeza ku iherezo ry'ibihe, igihe hazabaho intambara ikomeye iheruka hagati y'abanyabutware b'umwijima n'Igikomangoma cy'ijuru." – *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi*, vol 7, p.954.

**b. Ni iki abizera bagomba gukora mu gihe biga Ibyanditswe Byera? 2Timoteyo 2:15; Yohana 7:17.**

---

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu 18 Nzeri**

1. Ni iyihe nyifato dukwiriye kugira yatubashisha gusobanukirwa ukuri?
2. Sobanura impamvu imigabane yose y'Ibyanditswe Byera idashobora gusobanuka mu buryo bwuzuye.
3. Ni ukubera iki abantu benshi badashaka kwakira ukuri kwa Bibiliya?
4. Mbese abantu baba bashaka gushidikanya, bahora bashingira ku ki?
5. Ni ukubera iki kugira ubushake bwo kumvira ari ngombwa kugirango dusobanukirwe ukuri?

Ku Isabato, 26 Nzeri 2026

**Icyigisho 13**

# Kwishimira mu Mwami

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Ahubwo munezezwe n'uko mufatanije imibabaro ya Kristo, kugira ngo muzanezerwe mwishima bihebuje, ubwo ubwiza bwe buzahishurwa." (1Petero 4:13).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Kugana Yesu,* igice cya 13, p.115 – 126.

"Uwiteka yifuza ko abahungu n'abakobwa Be bose, banezerwa, bakaba amahoro, kandi bakumvira." — *Kugana Yesu*, p.124.

## 1. ABATWARAMUCYO

**Kuwa Mbere**
**20 Nzeri**

a. Ni iyihe nshingano Yesu yavuze ko abigishwa Be bafite muri iyi si? Matayo 5:13 – 16.

"Abakristo bashyiriweho kuba abatwaramucyo bamurikira inzira igana mu ijuru. Bakwiriye kumurikishiriza ab'isi umucyo Kristo yabaviriye. Imibereho yabo n'imico yabo ikwiriye kuba iyo gutuma abandi bamenya Kristo n'umurimo We." – *Kugana Yesu*, p.115.

b. Ni iki abizera bagomba gukorera abantu bose? Yohana 17:18,23; 2Abakorinto 5:20.

"Umwana w'Imana wese Yesu yamugize urwandiko atuma ku b'isi. Niba uri umuyoboke wa Kristo, ubwo uri urwandiko atuma ku muryango wawe, mu mudugudu w'iwanyu, no ku musozi w'aho utuye. Yesu uri muri wowe, yifuza kuvugana n'imitima y'abatamuzi. Byashoboka ko batajya basoma Bibiliya, cyangwa ko batajya bumva ijwi rivugani-ra na bo mu mpapuro zayo, ntibabonera urukundo rw'Imana mu byo yaremye. Niba uhagarariye Yesu by'ukuri, ntibazabura gusobanukirwa n'ineza Ye binyuze muri wowe, kandi ibyo bizabarehereza ku kumukunda no kumukorera." — *Ibid.,* p.115.

c. Ni ubuhe buryo rukumbi byadushobokera gusohoza iyo nshingano? 2Abakorinto 3:2-5.

## 2. KUGIRA NEZA KW'IMANA

Kuwa Kabiri
21 Nzeri

### a. Ni ikihe kintu gihanitse kigaragaza urukundo Imana ikunda abana Bayo? Yohana 3:16; Abaroma 5:6 – 10.

"Iyo tubaye nk'abashidikanya urukundo rw'Imana kandi ntitwiringire amasezerano Yayo, tuba tuyisuzuguye kandi tubabaza Umwuka Wayo Wera. Mbese umubyeyi yakumva ameze ate aramutse abonye abana be bahora bamugaya, bakamwinuba nk'aho abifuriza nabi kandi ahora akora uko ashoboye kose ngo abagirira neza no kubaha ibibanezeza? Mbese bashidikanyije ko abakunda ntibyamumena umutima? Ese ubundi umubyeyi uwo ariwe wese wagirirwa atyo n'abana be yakumva ameze ate? None se Data wa twese wo mu ijuru we mugirango amera ate iyo dushidikanyije urukundo Rwe, kandi arirwo rwatumye atanga Umwana We w'ikinege kugirango tubone ubugingo? Intumwa Pawulo yaranditse ati: 'Mbese ubwo itimanye Umwana wayo ikamutanga ku bwacu twese, izabura ite kumuduhana n'ibindi byose?' Abaroma 8:32. Nyamara ni bangahe bagaragariza mu byo bakora ko batizera iryo sezerano? Bakibwira mu mitima yabo bati: 'Ibyo Umwami ntabinyifuriza. Ahari akunda abandi, naho njyewe ntankunda.' " – *Kugana Yesu*, p.118,119.

### b. Ni iki gihamya ko Imana ishaka guha abana Bayo ibintu byose? Abaroma 8:32.

"Wowe wiyumvamo ko udakwiriye hanyuma y'abandi, ntutinye kubwira Imana ikikubabaje. Igihe Imana yitangiraga muri Kristo kubera ibyaha by'abari mu isi, yitaye ku kibazo cya buri muntu wese. 'Mbese ubwo itimanye Umwana wayo ikamutanga ku bwacu twese, izabura ite kumuduhana n'ibindi byose?' Abaroma 8:32. Mbese ntizasohoza isezerano ry'ubuntu ridukomeza kandi rikatwongeramo imbaraga?

"Nta kindi kintu Kristo yifuza kirenze gucungura umurage We akawuvana mu butware bwa Satani." – *Imigani ya Kristo*, p.174.

### c. Ni gute uru rukundo rwagaragarira muri twe? 1Yohana 4:9 – 11.

"Abakozi b'Abakristo bagera ku ntego yabo mu mihati bagira bagomba kumenya Kristo; kandi kugira ngo bamumenye, bagomba kumenya urukundo Rwe. Ukuba bakwiriye mu murimo wabo mu ijuru nk'abakozi, bipimirwa ku bushobozi bwabo bwo gukunda nk'uko Kristo yakundaga no gukora nk'uko yakoraga.

"Intumwa Yohana iravuga iti: "Twe gukundana urumamo mu magambo cyangwa ku rurimi, ahubwo dukundane mu byo dukora no mu by'ukuri." (1Yohana 3:18). Ukuzura kw'imibereho ya Gikristo kugerwaho iyo imbaraga ihatira umuntu gufasha abandi no kubahesha umugisha ihora itemba imuturukamo. Umwuka urangwa n'uru rukundo rugose umutima w'umwizera ni wo utuma aba impumuro y'ubugingo izana ubugingo kandi ugatuma Imana ihira umurimo we." – *Ibyakozwe n'Intumwa,* p.551.

## 3. IBIGERAGEZO BYA KRISTO

Kuwa Gatatu
22 Nzeri

### a. Ni iki cyaranze imibereho ya Kristo mu murimo We wo guhesha agakiza abantu? Yesaya 53:10,7.

---

"Imibereho [ya Kristo] yarangwaga no kwitanga igihe cyose. Nta hantu ho kuba yari afite muri iyi si, keretse gusa igihe incuti ze zamugiriraga neza zikamucumbikira nk'umugenzi wihitira. Yaje kubaho imibereho y'umukene uri hanyuma y'abantu ku bwacu, yagendereraga kandi agakorera abakene n'imbabare. Yagendagendaga mu bantu yabakoreraga byinshi, ntibamumenye kandi ntibamwubahe." – *Ababwiriza b'Ubutumwa Bwiza,* p.42,43.

"Nubwo [Umwana w'Imana] yari azi akaga kamutegereje ntabwo yiriraga ubwe. Imbere ye yahabonaga Getsemani, ahantu yari ategereje kubabarizwa bikomeye. Yarebaga kandi irembo ry'intama ryari rimaze imyaka myinshi rinyuzwamo ibitambo, kandi na We akaba ari ryo yari kuzanyuramo igihe yagombaga kumera "nk'umwana w'intama bajyana kubaga." Yesaya 53:7. Hafi aho hari Karuvali, ahababambirwaga abantu. Inzira Kristo yari hafi kunyuramo yagombaga kubudikwaho n'umwijima uteye ubwoba mu gihe yari kwitangaho igitambo cy'icyaha. Nyamara ntabwo gutekereza kuri ibyo bintu ari cyo cyamuteye kwijima mu maso muri icyo gihe abandi bari bafite ibyishimo. Ntabwo gutinya umubabaro wendaga kumugeraho urenze uwo kamere ya muntu yakwihanganira ari byo byari bigose umutima We utikunda. Yarizwaga n'akaga kari gategereje abantu ibihumbi n'ibihumbi bari batuye i Yerusalemu. Akaga kari guterwa n'ubuhumyi no kutihana kw'abo yari yaje guhira no gucungura." – *Intambara Ikomeye,* p.18.

### b. Mu mibabaro Ye n'ibigeragezo Bye, ni iki cyatumye Yesu agira umwete wo gusohoza umurimo We? Yesaya 53:11; Abaheburayo 12:2.

---

"Ingaruka z'intambara Umukiza yarwanye n'imbaraga z'umwijima ni umunezero w'abazaba bacunguwe, bambaye ubwiza bw'Imana ibihe bidashira. Kandi ako niko gaciro k'umuntu Data wa twese azanyurwa nawe kubera igiciro cyatanzwe; na Kristo ubwe abonye imbuto zivuye mu gitambo Cye gihebuje, aranyurwa." — *Ibid.*, p.652.

"Bivugwa kenshi ko Kristo yariraga, ntagire ubwo amwenyura. Icyakora koko Umukiza wacu yabaye Umunyamibabaro wamenyereye intimba, abitewe n'uko yikoreye amakuba n'amahano yacu yose. Ariko nubwo yigomwaga atyo kandi agahorana umubabaro, umutima We ntiwigeze ushenguka. Ntiyahoraga akambije agahanga, ngo yirirwe aboroga, ahubwo yahoranaga umutuzo urangwamo amahoro. Umutima We wari isōko y'ubugingo; kandi aho yajyaga hose yagendanaga ituze n'amahoro, n'umunezero no kwishima." – *Kugana Yesu*, p.120.

## 4. KWISHIMIRA MU BIGERAGEZO

**Kuwa Kane**
**23 Nzeri**

**a. Igihe ibigeragezo byugarije umwizera, ni iki cyatanzwe cyamushoboza kunesha muri iyi ntambara y'iby'umwuka? Abefeso 6:11 – 18.**

"Abantu bose bagira ibibagerageza, ibibahangayikisha, n'ibishuko bigoye gutsinda. Ariko rero aho kubiganyira bagenzi bawe bahwanyije nawe kugira intege nke, ubiture Imana mu isengesho. Ubigire ihame kutagira ubwo uvuga ijambo na rimwe ryo gushidikanya cyangwa gucogora. Hariho byinshi wabasha gukora byakomeza abandi no kubongerera imbaraga kubwo kuganira na bo amagambo y'ibyiringiro n'iremamutima." – *Kugana Yesu*, p.119,120.

**b. Ni ukubera iki benshi bahera mu rungabangabo ku byerekeye kwizera no gushidikanya igihe bageragejwe? Mbese ni iki bagomba gukora? Matayo 14:28 – 31; Yakobo 1:2.**

"Hariho abantu benshi bakirana n'ibibagerageza, hakaba ubwo benda kudohoka igihe barwanya inarijye n'imbaraga z'ikibi. Ntukagire ubwo uca intege umuntu umeze utyo mu rugamba rugoye aba ari kurwana. Ahubwo umukomereshe amagambo y'ubutwari n'ibyiringiro, kugirango amutere gukomeza urugendo. Ni muri ubwo buryo umucyo wa Kristo ushobora kumurika uguturutseho. 'Nta muntu muri twe uriho ku bwe.' Abaroma 14:7. Kubw'icyitegererezo tugira ku bandi, bashobora kongererwa umwete n'imbaraga, cyangwa bashobora gucibwa intege no gukurwa kuri Kristo no mu kuri.

"Hariho benshi bagira ibitekerezo bifutamye ku mibereho n'imico ya Kristo. Bibwira ko Yesu yanenaga abantu bamwe, ngo ntiyakundaga gufatanya n'abandi, ngo ntiyasekaga, bakavuga ko yari umunyamwaga, uhorana igitsure, utanezerwa. Inshuro nyinshi imibereho y'iyobokamana yahindanyijwe n'ibyo bitekerezo byijimye." – *Ibid*., p.120.

**c. Ni gute inzira y'umukiranutsi irabagiranira mu bigeragezo? Imigani 4:18; Abafilipi 4:4.**

"Inzira ishobora kuba mbi kandi izamuka ku gacuri; hashobora kuba imikuku y'isuri iburyo n'ibumoso, dukwiriye kwihanganira imiruho mu rugendo rwacu; igihe turushye, igihe tunaniwe, dukwiriye kwihanganira umuruho; igihe ducogoye, turwane inkundura, igihe ducitse intege, dukwiriye gukomeza kugira ibyiringiro; ariko kuko Kristo ari umuyobozi wacu, amaherezo ntituzananirwa kugera ku cyambu twifuza kugeraho. Kristo ubwe yatubanjirije kugenda muri iyo nzira kandi yaringanije aho tuzanyura.

"Ku nzira izamuka ku gacuri ijya ku bugingo buhoraho hari amariba y'amasōko y'ibyishimo atuma abarushye bagarura ubuyanja." — *Ibitekerezo byo ku Musozi w'Umugisha,* p.140.

## 5. INGORORANO YACU N'UMUNEZERO WACU

**Kuwa Gatanu**
**24 Nzeri**

**a. Ni irihe sezerano rya Yesu ryakagombye kudutera umunezero no guhimbaza Data wa twese wo mu ijuru? Yesaya 41:10; Luka 12:32; 1Petero 4:13.**

---

"Imana ntishaka ko abantu Bayo baheranwa n'amaganya. Nyamara Umwami wacu ntabwo adushuka. Ntabwo ashobora kutubwira ati: 'Ntugire ubwoba, nta kaga kari mu nzira yawe.' Azi ko hariho ibigeragezo n'amakuba, nicyo gituma abitubwira mu buryo bweruye. Ntabwo ahirimbanira gukura ubwoko Bwe mu isi y'icyaha n'umubi, ahubwo aberekeza mu buhungiro bwuje amahoro." – *Kugana Yesu,* p.122,123.

**b. Vuga andi masezerano y'agahebuzo y'amahoro n'umunezero Yesu yatanze. Yohana 14:1 – 3, 27; 15:11; 16:20.**

---

"Nubwo tuzi ko tuzaterwa n'ibindi byago bishya mu ntambara igiye kuza, dukwiriye gusubiza amaso inyuma, tukareba ibyo mu gihe cyashize tukitega ibigiye kutubaho, maze tukavuga duti: 'Uwiteka yaratuzahuye.' 'Kandi uko iminsi yawe ingana, niko intege zawe zizangana.' 1Samweli 7:12; Gutegeka kwa Kabiri 33:25. Ntabwo tuzigera tugeragereshwa ibigeragezo biruta ibyo dushoboye. Nuko rero, nimutyo dukore umurimo aho tuwuboneye, twizeye yuko uko bizaba kose, tuzahabwa imbaraga ihagije yo gutsinda.

"Hanyuma amarembo yo mu ijuru niyugururirwa abana b'Imana, tuzumva umugisha uvuye mu kanwa k'Umwami w'ubwiza, ugwe mu matwi yacu umeze nk'indirimbo y'agahozo, igira iti: "Nimuze abo Data yahaye umugisha, muragwe ubwami bwabatunganirijwe uhereye ku kuremwa kw'isi." Matayo 25:34….

"Kubw'umurage w'ubwiza buheranije umuntu abasha kubona, 'ese yatanga iki gucungura ubugingo bwe?' Matayo 16:26… Umuntu wacunguwe kandi akezwaho ibyaha, witangiye umurimo w'Imana akawukoresha imbaraga zibonejwe, afite agaciro karuta byose; kandi mu ijuru haba umunezero mwinshi imbere y'Imana n'abamarayika bera iyo umuntu umwe akijijwe, uwo munezero ukagaragazwa no kuririmba indirimbo zera zo kunesha." — *Ibid.*, p.125,126.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu**
**26 Kamena**

1. Ni gute abantu bose, ndetse n'abatazi Bibiliya, bagerwaho n'ukuri?
2. Ni gute Uwiteka agaragariza abantu urukundo Rwe rutagira umupaka?
3. Ni iyihe sōko ya Yesu y'ubwishingizi igihe yasakiranaga n'imibabaro n'urupfu?
4. Ni irihe sezerano tugomba kwibuka igihe duhanganye n'ibigeragezo?
5. Ni iki umwizera agomba guhora azirikana mu mibereho ya buri munsi?

# Amaturo y'Isabato ya Mbere



## Ku isabato, 05 Nyakanga 2026

### Kwagura Urusengero rwa Cenayi, mu Buhinde

Nimureke dushyigikire irangira ry'uru rusengero ruri mu mujyi utuwe n'abantu miliyoni 12!

(Reba, p. 4)




## Ku isabato, 01 Kanama 2026

### Icyiciro cy'Uburezi mu Nteko Nkuru Rusange

Turi guhamagarirwa gutanga uburezi no gutanga inkunga y'amafaranga akenewe kugirango bishoboke.

(Reba, p. 25)



## Ku isabato, 05 Nzeri 2026

### Ishuri ry'Ivugabutuma ryo muri Filipine

Nimutyo dutere imbaraga iri shuri kugirango ribe icyo Imana ishaka ko riba cyo cyose

(Reba, p. 51)